Interuro 1. Ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano muri rusange

Umutwe 1. INGINGO Z'IBANZE

Ingingo: 1
Amasezerano ni ubwumvikane butuma umuntu umwe cyangwa benshi bemerera umwe cyangwa benshi, gutanga, gukora cyangwa kudakora ikintu.

Ingingo: 2
Amasezerano aba magirirane cyangwa mpandezombi, iyo abayagiranye bayemeye k'uburyo bw'ingenerane bamwe ku bandi.

Ingingo: 3
Aba ruhanderumwe iyo umuntu umwe cyangwa benshi bemereye inshingano umwe cyangwa abandi benshi ariko aba bo nta nshingano bafashe.

Ingingo: 4
Aba indinganire iyo buri ruhande rwemeye gutanda cyangwa gukora ikintu rubona ko gihwanye n'icyo ruhabwa cyangwa rukorerwa. Iyo icyo bihwanye kigizwe n'amahirwe y'urwunguko cyangwa igihombo kuri buri ruhande bitewe n'ikizaba ariko kitaragaragara, amasezerano aba ari ingwirire.

Ingingo: 5
Amasezerano y'ubugiraneza ni atuma rumwe mu mpande ziyagiranye ruha urundi indonke k'ubuntu gusa.

Ingingo: 6
Amasezerano ku kiguzi ni ategeka buri ruhande gutanga cyangwa gukora ikintu.

Ingingo: 7
Amasezerano, ari afite izina bwite, ari n'atarifite, agengwa n'amategeko rusange akubiye muri iyi nteruro.
Amategeko yihariwe n'amasezerano amwe n'amwe, ari mu nteruro zerekeye buri sezerano ukwaryo.

Umutwe 2. IBYEREKEYE IBYA NGOMB W A BY' IREMEZO KUGIRA NGO AMASEZERANO AGIRE AGACIRO

Ingingo: 8
Ibya ngombwa by'iremezo kugira ngo amasezerano agire agaciro ni bine:

1. Ukwiyemerera kw'ugomba inshingano;
2. Ubushobozi bwo gukora isezerano;
3. Ikintu kidashidikanywa ari na cyo remezo ry'isezerano;
4. Impamvu itanyuranye n'amategeko muri iyo nshingano.

Icyiciro 1. Ibyerekeye ukwiyemerera

Ingingo: 9
Ukwiyemerera ntikugira agaciro iyo kwatanzwe bitewe n'ukwibeshya, iyo kwagobotojwe iterabwoba cyangwa kwacakiwe k'uburiganya.

Ingingo: 10
Ukwibeshya kuba impamvu ibuza agaciro amasezerano gusa iyo kugusha ku kintu ubwacyo kigamijwe na yo.

Ukwibeshya ntikuba impamvu ibuza agaciro amasezerano iyo kugusha gusa ku muntu wo kuyagirana na we, keretse iyo kuyagirana n'uwo muntu ubwe ari yo mpamvu y'ibanze y'ayo masezerano.

Ingingo: 11
Iterabwoba rigiriwe uwemeye inshingano riba impamvu iyitesha agaciro n'aho ryaba ryarakozwe n'undi wese utari uwo amasezerano afitiye akamaro.

Ingingo: 12
Iterabwoba riba nyaryo mu gihe rikozwe ku buryo rihungabanya umuntu ushyira mu gaciro kandi rigashobora kumutera impungenge zo kwishyira cyangwa gushyira umutungo we mu byago bikomeye bititirije.

Iyo bigenze bityo, bita cyane cyane ku myaka, ku gitsina no ku rwego abantu barimo.

Ingingo: 13
Iterabwoba ni impamvu itesha agaciro amasezerano bidatewe gusa n'uko ryagiriwe uwemeye inshingano ahubwo n'iyo ryagiriwe umugabo we cyangwa umugore abamukomokaho cyangwa abo akomokaho.

Ingingo: 14
Igitinyiro cy'ababyeyi cyonyine umuntu agirira se, nyina cyangwa abandi bamubyaye nta terabwoba bamushyizeho, ntigihagije kugira ngo amasezerano abure agaciro.

Ingingo: 15
Amasezerano ntaba agishoboye guhungabanywa kubera iterabwoba iyo, igihe ryahagarariye, ayo masezerano yemewe byaba ku buryo bweruye cyangwa buteruye, byaba se kureka igihe cyo kuyasubiraho giteganyijwe n'amategeko kigahita.

Ingingo: 16
Uburiganya ni impamvu itesha agaciro amasezerano iyo ubucabiranya bwakoreshejwe ku ruhande rumwe buteye ku buryo bigaragara neza ko iyo budakoreshwa, urundi ruhande rutari kuyemera.

Ingingo: 17
Uburiganya ntibukekwa, bugomba kugaragazwa.

Ingingo: 18
Amasezerano akozwe m'ubwibeshye, iterabwoba cyangwa uburiganya, ntata agaciro atyo gusa; ahubwo atanga uburenganzira ku kirego cyo kuyabuza cyangwa kuyatesha agaciro ku buryo busobanuye mu gice cya 7 cy'umutwe wa V w'iyi nteruro.

Ingingo: 19
Ubusanzwe, ntawe usezeranywa cyangwa usezeranya mw'izina rye atari we ubwe abigirira.

Ingingo: 20
Icyakora biremewe kwishingira undi wese iyo usezeranya ko azabyemera; ko uwishingiye cyangwa uwasezeranye ko bizemerwa, agomba indishyi iyo uwakorewe inshingano yanze kuyubahiriza.

Ingingo: 21
Birashoboka kandi gusezerana ibifitiye undi wese akamaro iyo ari bwo buryo bwo kwiyemerera ikintu cyangwa bwo guha ikintu undi. Ugize iryo sezerano ntaba agishoboye kwisubiraho iyo uwarigiriwe yagaragaje ko ashaka ko rimugirira akamaro.

Ingingo: 22
Amasezerano aba akorewe nyirubwite, abamuzunguye n'abakurikirana ibye, kereka iyo bigaragara ko byagenwe ukundi cyangwa bisobanurwa n'imimerere y'ayo masezerano.

Icyiciro 2. Ibyerekeye ubushobozi bw' abagirana amasezerano

Ingingo: 23
Umuntu wese afite ubushobozi bwo gusezerana iyo itegeko ritamugize imburabushobozi.

Ingingo: 24
Imimerere n'ububasha bw'abantu kimwe n'imibanire yabo mu muryango,bigengwa n'amategeko y'igihugu cyabo.

Icyiciro 3. Ibyerekeye ikigwi n'iremezo by'amasezerano

Ingingo: 25
Amasezerano yose agamije ikintu uyakoze yemera gutanga cyangwa undi yemera gukora cyangwa kudakora.

Ingingo: 26
Gukoresha ikintu byonyine cyangwa kugitunga gusa bishobora, kimwe n'ikintu ubwacyo, kugirirwaho amasezerano.

Ingingo: 27
Ibintu biri mu bucuruzi ni byo byonyine bishobora kugirirwaho amasezerano.

Ingingo: 28
Inshingano igomba kuba icyo igamije ari ikintu nibura gisobanutse ukurikije ubwoko bwacyo. Ubutubuke bw'ikintu bushobora kuba budasobanutse, bupfa gusa kuba bushobora kugaragazwa.

Ingingo: 29
Ibintu bizaza bishobora kugirwaho amasezerano.

Ariko rero ntawe ushobora kwanga izungura ritarageza igihe cyangwa ngo agire icyo arisezeranyaho n'aho nyirukuzungurwa yabyiyemerera.

Icyiciro 4. Ibyerekeye impamvu

Ingingo: 30
Inshingano idafite impamvu, cyangwa ishingiye ku mafuti, cyangwa ku bibujijwe n'amategeko ntigira agaciro.

Ingingo: 31
Amasezerano ntabuzwa agaciro n' impamvu yayo iteruye.

Ingingo: 32
Impamvu iba inyuranye n'amategeko iyo ibujijwe na yo, iyo inyuranyije n'imico mbonezabupfura n'umudendezo rusange.

Umutwe 3. IBYEREKEYE INKURIKIZI Z'AMASEZERANO

Icyiciro 1. Ingingo rusange

Ingingo: 33
Amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko, aba itegeko ku bayagiranye. Ashobora guseswa ari uko babyumvikanyeho cyangwa ku mpamvu zemewe n'amategeko. Agomba kwubahirizwa nta buryarya.

Ingingo: 34
Amasezerano ntategeka icyemejwe ahubwo akubitiraho n'ingaruka ubutabera, imigenzereze cyangwa amategeko byageneye inshingano bikurikije kamere yayo.

Icyiciro 2. Ibyerekeye inshingano yo gutanga

Ingingo: 35
Inshingano yo gutanga ikubiyemo gushyikiriza ikintu no kukirinda kw'ishyikirizwa ryacyo,

byabura ugomba kwishyurwa agahabwa indishyi.

Ingingo: 36
Inshingano y'ukurinda ikintu, byaba bitewe n'uko amasezerano agamije akamaro gifitiye umwe mu bayagiranye, cyangwa kigafitiye abayagiranye bombi, itegeko ugishinzwe kucyitaho nk'inyangamugayo.

Iyo nshingano iba ngufi cyangwa ndende ugereranyije amasezerano amwe n' n'inkurikizi zayo uko zisobanuye mu nteruro ziyerekeye.

Ingingo: 37
Inshingano yo gushyikiriza ikintu iba ishyitse k'ubwiyemerere bwonyine bw'abagiranye amasezerano.

Iba igize nyiracyo ukigombwa kandi ni we gishobora gupfira ubusa kuva igihe cyagombaga kumugezwaho n'aho yaba atagishyikirijwe, keretse iyo ukigomba yihanangirijwe; muri icyo gihe ni we gishobora gupfira ubusa.

Ingingo: 38
Ugomba ikintu aba aburiwe iyo yihanangirijwe cyangwa yabimenyeshejwe k'ubundi buryo buhwanye nabyo, cyangwa biturutse ku masezerano ubwayo mu gihe ateganya ko, bitagombye ikindi gikorwa, umunsi wemejwe nugera, ugomba ikintu azaba aburiwe.

Ingingo: 39
Iyo ikintu kigomba gutangwa cyangwa gushyikirizwa cyasezeranyijwe abantu babiri ari ikimukanwa gisanzwe, uwagishyikirijwe muri bombi ni we uba yihitiwemo kandi gikomeza kuba icye n'aho ikikimuhesha yaba yaragihawe nyuma, apfa gusa kuba atunze icyo kintu nta buriganya.

Icyiciro 3. Ibyerekeye inshingano yo gukora cyangwa kudakora ikintu

Ingingo: 40
Inshingano yose yo gukora cyangwa kudakora ikintu irangizwa n'indishyi iyo uyigomba atayubahirije.

Ingingo: 41
Icyakora ugomba ikintu afite uburenganzira bwo gusaba ko icyaba cyarakozwe kinyuranyije n'amasezerano kivanwaho; ndetse ashobora no kwemererwa kukivaniraho, bitabujije n'indishyi igihe bibaye ngombwa.

Ingingo: 42
Ugombwa inshingano ashobora kandi, mu gihe itubahirijwe, kwemererwa kuyirangiriza ubwe bikarihwa n'uyigomba.

Ingingo: 43

Iyo inshingano ari iyo kudakora ikintu, uyishe agomba indishyi kubera gusa icyo gikorwa cy'ubwangushyi.

Icyiciro 4. Ibyerekeye indishyi zikomoka ku kutubahiriza inshingano

Ingingo: 44
Indishyi ziba ngombwa gusa iyo ugomba inshingano yihanangirijwe kurangiza inshingano agomba, keretse rero iyo ikintu yagombaga gutanga cyangwa gukora cyashoboraga gutangwa cyangwa gukorwa gusa mu gihe cyagenwe , akareka icyo gihe kigahita.

Ingingo: 45
Ugomba inshingano ategekwa, iyo bibaye ngombwa, kwishyura indishyi zitewe no kutubahiriza inshingano cyangwa no gutinda kuyubahiriza, igihe cyose atagaragaza ko kutayubahiriza byatewe n'impamvu itamuturutseho, bipfa gusa kutabamo uburiganya.

Ingingo: 46
Nta ndishyi zitangwa mu gihe, bitewe n'impamvu itunguranye ntarengwa cyangwa ikubitiyeho, ugomba inshingano yabujijwe gutanga cyangwa gukora icyo yasezeranye cyangwa yakoze ikibujijwe.

Ingingo: 47
Indishyi zigenewe ugombwa inshingano zigizwe, muri rusange, n'igihombo byamuteye hamwe n'inyungu byamuvukije, uretse ibiseguriwe n'ibihinduwe bikurikira.

Ingingo: 48
Ugomba inshingano ategetswe kuriha gusa indishyi zateganyijwe cyangwa zashoboye guteganywa mu gihe cy'amasezerano iyo kutayubahiriza bidatewe n'uburiganya bumuturutseho.

Ingingo: 49
Mu gihe kandi kutubahiriza amasezerano bitewe n'uburiganya bw'ugomba inshingano indishyi zigomba kubarirwamo gusa, ku byerekeye igihombo byateye ugombwa inshingano n'inyungu byamuvukije, ikiri ingaruka itazambye kandi itaziguye cyonyine cyatewe no kutubahiriza inshingano.

Ingingo: 50
Iyo amasezerano ateganya ko utazayubahiriza azishyura umubare uyu n'uyu w'indishyi, uwo bayagiranye ntashobora kwishyurwa uwusumbye cyangwa uwuri munsi.

Ingingo: 51
Mu nshingano zibanda gusa ku bwishyu bw'umubare uyu n'uyu, indishyi zitewe no gutinda kuyubahiriza ziba gusa gutegekwa kwishyura inyungu zibarwa hakurikijwe umubare ushyizweho n'umucamanza.

Izo ndishyi ziba ngombwa, ugombwa inshingano adategetswe kwerekana igihombo na kimwe.

Ziba ngombwa kuva ku munsi w'ikirego, keretse iyo itegeko riteganya ko zibaho nta rubanza.

Ingingo: 52
Inyungu zibyawe n'imari y'iremezo zishobora nazo kubyara izindi nyungu biturutse ku rubanza cyangwa ku masezerano yihariye, zipfa gusa, ari mu kirego cyangwa mu masezerano, kuba ari inyungu nibura z'umwaka wuzuye.

Ingingo: 53
Icyakora inyungu zigejeje igihe, nk'ibyatamurima, ubukode, zibyara nazo inyungu guhera umunsi w'ikirego cyangwa w'amasezerano.

Iryo tegeko kandi ni naryo rikurikizwa mw'igaruza ry'imisaruro n'iry'inyungu undi wese yishyura ugombwa inshingano, yishyurira uyigomba.

Icyiciro 5. Ibyerekeye gusobanura amasezerano

Ingingo: 54
Ni ngombwa, mu masezerano, gushaka icyo abayagiranye bari bagamije, aho kwibanda ku magambo bakoresheje.

Ingingo: 55
Iyo ingingo ishobora kwumvikana ku buryo bubiri, igomba gufatwa ku buryo igiramo agaciro aho kuyifata ku buryo itagira agaciro na busa.

Ingingo: 56
Amagambo yumvikana ku buryo bubiri, agomba gufatwa mu buryo buberanye kurushaho n'iremezo ry'amasezerano.

Ingingo: 57
Ikidafututse gisobanurwa n'igisanzwe kimenyerewe mu gihugu amasezerano yakorewemo.

Ingingo: 58
Ni ngombwa kwitabaza mu masezerano ingingo zisanzwe zikoreshwa n'aho zaba zitayanditsemo.

Ingingo: 59
Ingingo zose z'amasezerano zisobanurwa zunganirana, buri ngingo ikagira agaciro gaturutse ku nyandiko yose uko yakabaye.

Ingingo: 60
Mu bishidikanywa, amasezerano asobanurwa akomereza ugombwa inshingano ari nako yorohereza uyigomba.

Ingingo: 61

Amasezerano n'aho yaba akoze mu magambo rusange, aba akubiyemo gusa ibintu bigaragaraho ko ari byo impande zombi zashakaga kuyashyiramo.

Ingingo: 62
Iyo mu masezerano hari icyavuzwe gisobanura inshingano, ibyo ntibifatwa nk'aho bigamije kuguna ubwisanzure amasezerano ahabwa n'amategeko ku bitavuzwe.

Icyiciro 6. Ibyerekeye inkurikizi z'amasezerano ku bandi bose

Ingingo: 63
Amasezerano agira inkurikizi y'abayagiranye gusa; ntabangamira undi wese kandi amugirira akamaro gusa mu biteganyijwe mu ngingo ya 21.

Ingingo: 64
Ariko rero abagombwa inshingano bashobora gukoresha uburenganzira n'ububasha bwo kurega byose by'ubarimo umwenda uretse ibishingiye gusa ku muntu ubwe.

Ingingo: 65
Bashobora kandi, ku giti cyabo gutambamira ibikorwa by'ubarimo umwenda bihungabanya uburenganzira bwabo.

Umutwe 4. IBYEREKEYE AMOKO Y'INSHINGANO

Icyiciro 1. Ibyerekeye inshingano z'ingenankomyi

1. Inkomyi muri rusange n'amoko yazo

Ingingo: 66
Inshingano iba ari ingenankomyi., izaterwa n'ikizaba kandi kitaragaragara cyangwa izaba ihagaritswe kugeza igihe icyo kintu kizabera cyangwa ntikibe.

Ingingo: 67
Inkomyi mpanuka ni iterwa n'ibigwirira kandi, ari ugombwa inshingano n'uyigomba, nta n'umwe uyifiteho ububasha,

Ingingo: 68
Inkomyi ishingiye ku bwende ni iyubahirizwa ry'amasezerano riterwa n'umwe cyangwa undi mu bayagiranye afitiye ububasha bwo gutuma cyangwa kubuza ko kibaho.

Ingingo: 69
Inkomyi isobekeranye ni iterwa icyarimwe n'ubushake bw'undi wese.

Ingingo: 70
Inkomyi yose ishingiye ku kintu kidashoboka, cyangwa kinyuranyije n'umuco mbonezabupfura,

cyangwa kibujijwe n'amategeko, ntigira agaciro kandi itesha agaciro amasezerano ayishingiyeho.

Ingingo: 71
Inkomyi iteganya kudakora ikintu kidashoboka ntitesha agaciro inshingano iyishingiyeho.

Ingingo: 72
Inshingano yose yasezeranywe hateganywa inkomyi iterwa n'ubwende bw'uyigomba ntigira agaciro.

Ingingo: 73
Inkomyi yose igomba kubaho ku buryo abagiranye amasezerano bashakaga kandi bumvaga koko ko yabaho.

Ingingo: 74
Iyo inshingano yasezeranywe hateganywa inkomyi ivuga ko ikintu kizaba mu gihe ntarengwa, iyo nkomyi iburiramo gusa iyo icyo gihe kirangiye cya kintu kitabaye. Iyo nta gihe ntarengwa cyavuzwe, inkomyi ishobora igihe cyose kubaho, igata agaciro gusa igihe byagaragaye ko icyo kintu kitazaba.

Ingingo: 75
Iyo inshingano yasezeranywe hateganywa inkomyi ivuga ko ikintu kigomba kutaba mu gihe ntarengwa, iyo nkomyi iba impamo iyo icyo gihe kirangiye cya kintu kitabaye: iba impamo kandi nabwo iyo, mbere y'uko igihe cyateganyijwe kigera, byagaragaye ko icyo kintu kitazaba; naho iyo nta gihe ntarengwa cyateganyijwe, inkomyi iba impamo gusa iyo byagaragaye ko icyo kintu kitazaba.

Ingingo: 76
Inkomyi iba ibaye impamo iyo ari ugomba inshingano iyishingiyeho wayibujije kubaho.

Ingingo: 77
Inkomyi yabaye impamo igira agaciro kuva ku munsi isezerano ryagiriwe. Iyo ugomba inshingano apfuye mbere y'uko inkomyi iba impamo, uburenganzira bwe bwegukanwa n'umuzunguye.

Ingingo: 78
Ugombwa inshingano ashobora, mbere y'uko inkomyi iba impamo, gukora ibikorwa byose birengera uburenganzira bwe.

2. Ibyerekeye inkomyi mpagarika¬masezerano

Ingingo: 79
Inshingano yasezeranywe hateganywa inkomyi mpagarikamasezerano ni iterwa n'ikintu kizaba kandi kitaragaragara cyangwa cyabaye ariko kitaramenywa n'abagiranye amasezerano.

Mu kigwi cya mbere, inshingano yubahirizwa gusa nyuma y'icyari gitegerejwe. Mu kigwi cya kabiri, inshingano igira agaciro kuva ku munsi yasezeraniweho.

Ingingo: 80
Iyo inshingano yasezeranywe hateganywa inkomyi mpagarikamasezerano, ikintu kigize iremezo ry'amasezerano gikomeza kuba cyapfira ubusa ugomba inshingano wiyemeje kuzagitanga gusa mu gibe inkomyi ibaye impamo. Iyo ikintu cyangiritse uko cyakabaye cyose nta kosa ry'ukigomba, inshingano irazima.

Iyo ikintu cyangiritse nta kosa ry'ukigomba, ugombwa inshingano ahitamo, ari ugusesa amasezerano cyangwa gusaba kwegurirwa ikintu uko kimeze atagabanyirijwe igiciro cyacyo. Iyo ikintu cyangiritse bitewe n'ikosa ry'ugomba inshingano, uyigombwa afite uburenganzira bwo gusesa amasezerano cyangwa guhabwa ikintu uko kimeze hamwe n'indishyi.

3. Ibyerekeye inkomyi nsesamasezerano

Ingingo: 81
Inkomyi nsesamasezerano ni iteye ku buryo iyo ibaye impamo, ivanaho inshingano kandi igasubiza ibintu uko byari bimeze nk'aho inshingano itigeze ibaho.
Ntisubika iyubahirizwa ry'inshingano; itegeka gusa ugombwa inshingano gusubiza icyo yahawe iyo ikintu cyateganyijwe n'inkomyi kibaye.

Ingingo: 82
Inkomyi nsesamasezerano yumvikana itavuzwe mu masezerano ya magirirane iyo umwe mu bayagiranye atubahirije inshingano ye.

Iyo bigenze bityo, amasezerano ntaseswa kubw'itegeko. Utujurijwe inshingano ahitamo, ari uguhatira uwo bayigiranye kuyubahiriza iyo bishoboka ari no gusaba kuyisesa bikubitiyeho indishyi.

Iseswa rigomba gusabwa mu bucamanza kandi igihe gishobora kwongerwa habonetse impamvu.

Icyiciro 2. Ibyerekeye inshingano ngenagihe

Ingingo: 83
Ingenagihe itandukanye n'inkomyi, ku buryo idasubika inshingano, itinza gusa iyubahirizwa ryayo.

Ingingo: 84
Icyishyuzwa gusa igihe kigeze ntigishobora kwishyuzwa icyo igihe kitaragera; ariko icyishyuwe mbere ntigishobora gusubizwa.

Ingingo: 85

Ingenagihe yumvikana iteka ko yashyiriweho ugomba inshingano kereka iyo amasezerano ubwayo cyangwa uko ibintu biteye byakwerekana ko icyo gihe cyagenewe n'ugombwa inshingano.

Ingingo: 86
Ugomba inshingano ntaba agishoboye gusaba kugirirwa akamaro n'ingenagihe iyo aguye mu gihombo cyangwa iyo, bitewe n'ibikorwa bye bwite, yagabanuye ingwate yari yahaye, mu masezerano, ugombwa inshingano.

Icyiciro 3. Ibyerekeye inshingano z'ingurane

Ingingo: 87
Ugomba inshingano y'ingurane aba avarutse nayo iyo atanze kimwe mu bintu bibiri biyikubiyemo.

Ingingo: 88
Amahitamo ni ay'ugomba inshingano iyo atemerewe ku buryo bweruye uyigombwa.

Ingingo: 89
Ugomba inshingano ashobora kuvaruka nayo atanze kimwe mu byasezeranyijwe ariko ntashobora guhatira uyigombwa kwakira igice cya kimwe n'igice cy'ikindi.

Ingingo: 90
Inshingano iba ari isanzwe n'aho yaba ikoze nk'ingurane, iyo kimwe mu bintu byasezeranyijwe kitashoboraga gushyirwa mu nshingano.

Ingingo: 91
Inshingano y'ingurane ihinduka isanzwe iyo kimwe mu bintu bibiri byasezeranyijwe cyangiritse burundu ntikibe kigishobora gutangwa, n'aho byaba bitewe n'ikosa ry'ugomba inshingano. Igiciro cyacyo ntigishobora gutangwa mu mwanya wacyo.

Iyo byombi byangiritse burundu kandi ugomba inshingano afite ikosa kuri kimwe muri byo, agomba kwishyura igiciro cy'icyangiritse bwa nyuma.

Ingingo: 92
Iyo mu bivugwa mu ngingo ibanziriza iyi, amasezerano yahaye amahitamo ugombwa inshingano; cyangwa se kimwe gusa, mu byo yasezeranyijwe, cyarangiritse burundu; iyo bigenze bityo bidatewe n'ikosa ry'ugomba inshingano, uyigombwa agomba guhabwa igisigaye; iyo uyigomba afite ikosa,uyigombwa ashobora gusaba igisigaye cyangwa igiciro cy'icyangiritse burundu; cyangwa se ibyo yasezeranijwe byombi byarangiritse burundu; icyo gihe ugomba inshingano ari mu ikosa kuri byombi cyangwa kuri kimwe muri byo gusa, ugombwa inshingano ashobora gusaba igiciro cya kimwe muri byo yihitiyemo.

Ingingo: 93
Iyo ibintu byombi byangiritse burundu nta kosa ry'ugomba inshingano kandi mbere y'uko

yihanangirizwa, inshingano iba izimye.

Ingingo: 94
Ayo mahame akurikizwa mu gihe ibintu birenze bibiri bikubiye mu nshingano y'ingurane.

Icyiciro 4. Ibyerekeye inshingano z'ubufatanye

1. Ibyerekeye ubufatanye mu bagombwa inshingano

Ingingo: 95
Inshingano iba iy'ubufatanye ku bayigombwa, iyo inyandiko yayo iha ku buryo bweruye buri muntu muri bo uburenganzira bwo kwishyuza umwenda wose uko wakabaye, kandi kwishyura umwe muri bo bikaba bivarura ugomba inshingano n'ubwo ibiyivuyemo byaba bishobora gusangizwa cyangwa kugabanywa abagombwa inshingano bose.

Ingingo: 96
Ugomba inshingano yihitiramo kwishyura umwe cyangwa undi mu bayigombwa bayisangiye, igihe cyose ataramenyeshwa ko akurikiranywe n'umwe muri bo.

Icyakora, guhara umwenda bikozwe gusa n'umwe mu basangiye inshingano, bivarura ugomba inshingano gusa ku ruhare rw'uwo uwumuhariye.

Ingingo: 97
Igikorwa cyose gihagarika ubuzime bw'inshingano gikozwe n'umwe mu bayigombwa, kigirira akamaro n'abandi bose bayisangiye.

2. Ibyerekeye ubufatanye bw'abagomba inshingano

Ingingo: 98
Haba ubufatanye mu bagomba inshingano, iyo bagomba ikintu ku buryo umwe muri bo ashobora guhatirwa kucyishyura cyose kandi cyaba cyishyuwe n'umwe gusa, kikabavarura n'uwagombwaga inshingano.

Ingingo: 99
Inshingano ishobora kuba iy'ubufatanye n'ubwo umwe mu bayifatanyije yaba agomba, ku buryo bunyuranye n'ubw'undi kwishyura ikintu kimwe; urugero nk'iyo umwe afite inshingano iteganya inkomyi naho iy'undi ari isanzwe, cyangwa iyo umwe yagenewe igihe undi atarakigenewe .

Ingingo: 100
Ubufatanye ntibukekwa, bugomba guteganywa ku buryo bweruye. Iryo hame rireka gukurikizwa gusa mu gihe ubufatanye buriho nta shiti bishingiye ku mategeko.

Ingingo: 101

Ugombwa inshingano ku buryo bw'ubufatanye, ashobora kwihitiramo kwishyuza umwe mu bayigomba kandi uyu ntashobora kumuhatira kuyimugabanya n'abandi.

Ingingo: 102
Ikurikiranwa ry'umwe mu bagomba inshingano ntiribuza uyigombwa gukurikirana abasigaye.

Ingingo: 103
Iyo ikigomba kwishyurwa cyabuze bitewe n'ikosa ry'umwe cyangwa benshi mu bagomba inshingano y'ubufatanye cyangwa mu gihe umwe cyangwa benshi muri bo bihanangirijwe, abandi bayigomba ntibaba bavarutse no kwishyura igiciro cyayo ariko bo ntibagomba kwishyura indishyi.

Ugombwa inshingano ashobora kwishyuza indishyi abagomba kwishyura bakoze ikosa ryatumye ikintu kibura kimwe n'abari barihanangirijwe.

Ingingo: 104
Ikurikiranwa ry'umwe mu bagomba inshingano y'ubufatanye rihagarika ubuzime kuri bose.

Ingingo: 105
Ukuregerwa inyungu k'umwe mu bagomba inshingano y'ubufatanye, gutumatuma zibarirwa n'abandi bose.

Ingingo: 106
Ugomba inshingano y'ubufatanye ukurikiranywe n'uyigombwa, ashobora kwireguza ingingo zose zishingiye ku mimerere y'iyo nshingano hamwe n'ize bwite ndetse n'izo asangiye n'abandi bayifatanyije nawe.

Ntashobora kwireguza ingingo zihariwe ku giti cyabo na bamwe mu bagomba inshingano y'ubufatanye.

Ingingo: 107
Iyo umwe mu bagomba inshingano azunguye wenyine uyigombwa, cyangwa uyigombwa azunguye wenyine umwe mu bayigomba, iryo vanga ry'imitungo rizimya umwenda wishyuzwa usangiwe gusa ku ruhare n'umugabane by'uyigomba cyangwa by'uyigombwa.

Ingingo: 108
Ugombwa inshingano wemeye ko icibwamo imigabane abigiriye umwe mu bayigomba, agumana ubushobozi bwo kuyikurikiranaho abandi ku bufatanye ariko hakuwemo umugabane w'uwo yabuvaniyeho.

Ingingo: 109
Ugombwa inshingano wakiriye ku buryo bucaguye umugabane w'umwe mu bayigomba adaseguriye, kuri kitansi, ubufatanye cyangwa uburenganzira bwe muri rusange, aba akuriyeho ubufatanye uwo gusa. Ugombwa inshingano ntaba avaniweho ubufatanye uyigomba, mu gibe yakiriye amafaranga angana n'umugabane agomba, iyo kitansi itanditseho ko ari ku byerekeye

umugabane we gusa.

Biba bityo kandi no ku kirego gisanzwe gikurikiranye umwe mu bagomba inshingano y'ubufatanye, ku mugabane we, iyo ari ikirego cyangwa iyo nta rubanza rwemeje ko atsinzwe.

Ingingo: 110
Ugombwa inshingano wakiriye ku buryo bucaguye kandi atiseguye umugabane w'umwe mu birarane cyangwa mu nyungu z'umwenda bafatanyije, ubura ubufatanye gusa ku birarane n'inyungu bigejeje igihe cyo kwishyurwa, , ntabubura ku bitarageza igihe no ku mutungo w'iremezo, keretse iyo ubwishyu bucaguye bwakomeje mu myaka cumi ikurikiranye.

Ingingo: 111
Inshingano ikorewe ku bufatanye uyigombwa, igabanywa nta rubanza abayigomba, buri muntu agategekwa kwishyura ibihwanye n'uruhare n'umugabane bye.

Ingingo: 112
Uwarimo umwenda w'ubufatanye, wawishyuye wose, ashobora kwishyuza abandi imigabane isigaye bikurikije uruhare n'umugabane wa buri muntu. Iyo umwe muri bo ananiwe kwishyura, igihombo biteye gisaranganywa abandi bishyuzwa hamwe n'uwishyuye.

Ingingo: 113
Mu gihe ugombwa inshingano yaretse ikirego gishingiye ku bufatanye abigirira umwe mu bayigomba, iyo umwe cyangwa benshi muri bo bananiwe kwishyura , umugabane wabo usaranganywa abagomba kwishyura bose ndetse n'abo ugomba kwishyurwa yavaniyeho ubufatanye.

Ingingo: 114
Iyo icyatumye umwenda ujyibwamo ku bufatanye cyari cyerekeye umwe gusa mu bagomba inshingano y'ubufatanye, uwo ni we ugomba kwishyura umwenda wose, abo bawufatanyije barebwa kuri we nk'abamwishingiye gusa.

<u>Icyiciro 5. Ibyerekeye inshingano zigabanyika n'izitagabanyika</u>

Ingingo: 115
Inshingano iba ari igabanyika cyangwa itagabanyika hakurikijwe ko ishingiye ku kintu, mu kugitanga, cyangwa ari igikorwa, mu kukirangiza, gishobora cyangwa kidashobora kugabanywa, haba mu bikorwa, haba mu bitekerezo.

Ingingo: 116
Inshingano iba ari itagabanyika, n'ubwo ikintu cyangwa igikorwa ishingiyeho cyaba kigabanyika muri kamere yacyo, iyo uruhare rwacyo mu nshingano rutatuma kirangizwa igice.

Ingingo: 117
Ifatanya-buryozwe ryavuzwe ntirihamo inshingano itagabanyika.

1. Ibyerekeye inkurikizi z'inshingano igabanyika

Ingingo: 118
Inshingano igabanyika igomba kubahirizwa hagati y'uyigomba n'uyigombwa, nk'aho ari itagabanyika. Igabanyika rikurikizwa gusa ku babazunguye, bakaba bashobora gusa kwishyuza umwenda cyangwa kuwishyura, hakurikije imigabane y'ibyo bagombwa cyangwa bagomba kwishyura bahagarariye uberewemo umwenda cyangwa ugomba kuwishyura.

Ingingo: 119
Ihame rikubiye mu ngingo ibanziriza iyi ntirikurikizwa kubazunguye ugomba kwishyura:

1. mu gihe umwenda watangiwe ingwate ku bitimukanwa;
2. Iyo umwenda ugizwe n'ikintu gifatika;
3. Iyo ari umwenda ugizwe n'ibintu by'ingurane ugomba kwishyurwa yihitiramo, kimwe muri byo kitagabanyika;
4. iyo umwe mu bazunguye ashinzwe wenyine n'inyandiko y'ubuzungure, kubahiriza inshingano;
5. Iyo bigaragazwa byaba n'imiterere y'inshingano, byaba icyo ishingiyeho, byaba se intego abagiranye amasezerano biyemeje, ko umugambi w'impande zombi ari uko umwenda udashobora kwishyurwa igice.

Muri ibyo bihe bitatu bya mbere, uwazunguye akaba atunze ikintu kigomba gutangwa cyangwa isambu yatanzweho ingwate ku mwenda, ashobora gukurikiranwa kuri byose, haba kuri icyo kintu, cyangwa kuri iyo sambu, uretse ko nawe ashobora gukurikirana abo basangiye izungura. Mu buryo bwa kane, uwazunguye ushinzwe wenyine kwishyura umwenda, no mu buryo bwa gatanu , uwazunguye wese ashobora nawe gukurikiranwa kuri byose, uretse ko ashobora kurega abo basangiye izungura.

2. Ibyerekeye inkurikizi z'inshingano itagabanyika

Ingingo: 120
Buri muntu mu bafatiye umwenda utagabanyika agomba kuwishyura wose, kabone n'iyo inshingano itarasezeranywe ku buryo bw'ifatanya-buryozwe.

Ingingo: 121
Ni nako bigenda ku bazunguye uwari wariyemeje bene iyo nshingano.

Ingingo: 122
Uwazunguye wese uberewemo umwenda wishyuzwa ashobora gutegeka ko inshingano itagabanyika yubahirizwa yose uko yakabaye.

Ntashobora guhara wenyine ubwe umwenda wose; ntashobora kwakira wenyine ikiguzi mu kigwi cy'ikintu. Iyo umwe mu bazunguye yahaze wenyine umwenda cyangwa yarakiriye ikiguzi cy'ikintu, uwo basangiye ashobora gusa kwaka ikintu kitagabanyika atirengagije umugabane w'uwo basangiye izungura wahaze umwenda cyangwa wakiriye ikiguzi.

Ingingo: 123
Uwazunguye ugomba kwishyura, waregewe inshingano yose, ashobora igihe cyo kugirango ahamagaze mu rubanza abasangiye nawe izungura, keretse rero umwenda uteye ku buryo ushobora kwishyurwa gusa n'uwazunguye akaba ashobora muri icyo gihe gutegekwa kwishyura wenyine, uretse ko ashobora kuregera indishyi mu rukiko abo basangiye izungura.

Icyiciro 6. Ibyerekeye inshingano iteganya indishyi.

Ingingo: 124
Ingingo igobetse iteganya indishyi ni iyo umuntu akoresha, kugirango iyubahirizwa ry'amasezerano, yiyemeza inshingano runaka mu gihe atubahirije amasezerano.

Ingingo: 125
Uguta agaciro kw'inshingano gutesha agaciro ingingo igobetse iteganya indishyi.
Uguta agaciro kw'ingingo igobetse iteganya indishyi ntigutesha agaciro inshingano y'iremezo.

Ingingo: 126
Uberewemo umwenda wishyuzwa, aho gusaba indishyi ugomba kumwishyura waburiwe, ashobora gukurikirana irangizwa ry'inshingano yiremezo.

Ingingo: 127
Ingingo igobetse iteganya indishyi ni igisimbura indishyi zakwa n'ugombwa inshingano yiremezo itubahirijwe.

Ntashobora kwaka icyarimwe kubahiriza inshingano y'iremezo n'indishyi, keretse zarateganijwe ku bukererwe busanzwe.

Ingingo: 128
Byaba ko inshingano y'ibanze iteganya, byaba ko idateganya igihe ntarengwa igomba kubahirizwamo, indishyi zitangwa gusa iyo uwiyemeje byaba gutanga, byaba gufata, byaba gukora, yaburiwe.

Ingingo: 129
Indishyi zishobora guhindurwa n'umucamanza iyo inshingano y'iremezo yubahirijwe igice.

Ingingo: 130
Iyo inshingano y'ibanze yasezeranywe igobetsemo ingingo iteganya indishyi ari ikintu kitagabanywa, indishyi zitangwa kubera ubwangushyi bw'umwe mu bazunguye uwagombaga kubahiriza inshingano, kandi zishobora kwakwa byaba zose hamwe uwagize ubwangushyi, byaba buri muntu mu basangiye izungura ku mugabane we no kuzakwa zose ku bintu bitimukanwa byatazweho ingwate, uretseko bashobora gukurikirana uwatumye indishyi zitangwa.

Ingingo: 131
Iyo inshingano yibanze yasezeranywe hateganijwe indishyi igabanyika, indishyi zitangwa gusa n'umwe mu bazunguye uwagombaga inshingano wagize ubwangushyi, kandi akabazwa gusa umugabane yagombaga gutanga mu nshingano yiremezo, ntashobora kurega abayubahirije.

Iryo tegeko ntiryubahirizwa iyo, mu gihe ingingo igobetse iteganya indishyi yongewe mu masezerano kugirango ukwishyura kudakorwa igice, usangiye n'abandi izungura yabujije iyubahiriza ry'inshingano yose. Icyo gihe, ashobora kubazwa indishyi zose, abasangiye nawe izungura nabo bakazibazwa buri wese ku mugabane we, uretse ko banamukurikirana.

Umutwe 4 bis. IBYEREKEYE UGUHENDWA

Ingingo: 131 bis
(Itegeko ryo kuwa 26 kanama 1959) Bitabujije iyubahirizwa ry'amategeko arengera abadafite ubushobozi cyangwa yerekeye ukugira agaciro kw'amasezerano, iyo ashingiye ku mwenda atanze, amasezerano yo kuguriza cyangwa andi masezerano yose ateganya itangwa ry'ikintu cy'agaciro , imiterere igaragara y'amasezerano uko yaba imeze kose, uberewemo umwenda ubonerana ugomba kwishyura umwenda, kubera ubukene, intege nke, irari cyangwa ubujiji, akamukoresha abyigiriye cyangwa abigiriye undi, amasezerano y'urwunguko cyangwa y'akandi kamaro birengeje ku buryo bu bw'urwunguko rusanzwe, urukiko rubisabwe n'ugomba kwishyura umwenda, rugarura inshingano ze kugeza ku nyungu isanzwe.

Igabanya rikorwa ku byo ugomba kwishyura yamaze kwishyura, ikirego gipfa gutangwa mu myaka itatu uhereye umunsi w'iyishyura.

Umutwe 5. UBUZIME BW'INSHINGANO

Ingingo: 132
Inshingano zizimywa r'ubwishyu , ihindurwa ry umwenda, uguhara umwenda ku bushake, ihwanya ry'imyenda, ukwivanga kw'imitungo, izimira ry'ikintu, uguta cyangwa uguteshwa agaciro, inkurikizi y'inkomyi nsesamasezerano yasobanuwe mu mutwe ubanziriza uyu nubusaze.

Icyiciro 1. Ibyerekeye ubwishyu

1. Ubwishyu muli rusange

Ingingo: 133
Ubwishyu bwose busaba ko haba hariho umwenda icyishyuwe kitagombwa kiragaruzwa.

Igaruzamutungo ntiryemewe ku byerekeye inshingano za kamere zubahirijwe ku bushake.

Ingingo: 134
Inshingano ishobora kubahirizwa n'umuntu wese ubifrtemo inyungu, nk'usangiye n'undi inshingano cyangwa umwishingire.

Inshingano ishobora no kurangizwa n'undi wese utabifitemo inyungu, apfa gusa kubikora mu izina kandi yishyurira ugomba inshingano, cyangwa, yaba abikoze mu izina rye bwite, ntasimbure ugombwa inshingano mu burenganzira bwe, ntasimbure ugombwa inshingano mu burenganzira bwe.

Ingingo: 135
Inshingano yo gukora ikintu ntishobora kurangizwa n'undi wese uyigombwa atabyemeye, iyo uyu afite inyungu y'uko inshingano yuzuzwa n'uyigomba ubwe.

Ingingo: 136
Kugirango kwishyura bigire agaciro, uwishyura agomba kuba ari nyir’ikintu gitanzweho inyishyu kandi akaba afite ubushobozi bwo kugihara.

Icyakora, ubwishyu bw'amafaranga cyangwa ikindi kintu gishira gikoreshejwe ntigishobora kwakwa uwakishyuwe wagikoresheje nta buryarya, kabone n'aho ubwishyu bwaba bwarakozwe nutari nyiracyo cyangwa utari ufite ubushobozi bwo kugihara.

Ingingo: 137
Ubwishyu buhabwa ugombwa inshingano, cyangwa undi muntu wahawe nawe ububasha, cyangwa wemerewe n'urukiko cyangwa n'itegeko kumwakirira ibye. Ubwishyu bukorewe udafite ububasha bwo kwakirira ubugombwa bugira agaciro iyo uyu abwemeye cyangwa bukaba bwaramugiriye akamaro.

Ingingo: 138
Ubwishyu bukorewe nta buryarya ufite umwenda wishyuzwa bugira agaciro n'ubwo uwufite yawunyagwa nyuma.

Ingingo: 139
Ubwishyu bukorewe uberewemo umwenda nta gaciro bugira iyo atari afite ububasha bwo kubwakira, keretse iyo uwishyuye agaragaje ko icyo yishyuye cyagiriye akamaro uwari uberewemo umwenda.

Ingingo: 140
Ubwishyu ugomba kwishyura akoreye ubugombwa, bibangamiye ifatira cyangwa itambamiramutungo, nta gaciro bugira imbere y'ababerewemo umwenda bafatira cyangwa batambamira umutungo; aba bashobora, hakurikijwe uburenganzira bwabo, kumuhatira kwishyura bundi bushya, uretse ko, muri icyo gibe cyonyine, ashobora gukurikirana uwishyuwe.

Ingingo: 141
Uberewemo umwenda ntashobora guhatirwa kwakira ikindi kintu kitari icyo agomba guhabwa, nubwo agaciro k'ikintu ahawe kaba kangana cyangwa karuta ak'icyo yagombwaga.

Ingingo: 142

Ugomba kwishyura ntashobora guhatira uberewemo umwenda kwakira igice cy'ubwishyu, n'ubwo umwenda waba ugabanyika.

Icyakora inkiko, zitaye k'ubushobozi bw'ugomba kwishyura, kandi mu bwitonzi n'ubushishozi bwazo, zishobora gutanga igibe kigereranije cyo kwishyura, no gusubika ikurikirana ry'ibirego, ibintu byose bikaguma uko byari biri.

Ingingo: 143
Ugomba kwishyura ikintu kigaragara kandi cyasobanuwe aba avarutse n'umwenda iyo agitanze uko kimeze igihe cyo kugitanga, bipfa kuba ukwangirika kwacyo kutaratewe n'igikorwa cyangwa n'ikosa rye, cyangwa n'ikosa ry'abantu ashinzwe, cyangwa atarigeze yihanangirizwa mbere y'ukononekara kwacyo.

Ingingo: 144
Iyo umwenda ugizwe n'ikintu gisobanurwa gusa n'ubwoko bwacyo, ugomba kuwishyura ntagomba, kugirango abe avarutse, gutanga ubwoko bwacyo bwiza kurusha ubundi; ariko ntashobora no gutanga ubwoko bwacyo bubi cyane.

Ingingo: 145
Ubwishyu bubera ahantu havuzwe mu masezerano; iyo nta hantu havuzwe, ubwishyu bw'ikintu kigaragara kandi cyasobanuwe, bubera aho icyo amasezerano ashingiyeho cyari kiri igihe yakorwaga.

Uretse ibyo bihe byombi, ubwishyu bubera aho ubugomba atuye.

Ingingo: 146
Andi mafaranga yose agenda ku bwishyu atangwa n'ubugomba.

2. Ibyerekeye ubwishyu butanga isimbura mu burenganzira

Ingingo: 147
Ugusimbura ugomba kwishyurwa mu burenganzira bwe kwemerewe undi wamwishyuye guteganywa n' amasezerano cyangwa n'itegeko.

Ingingo: 148
Uko gusimbura guteganywa n'amasezerano :

1. Iyo ugomba kwishyurwa, wishyuwe n'undi wese, amwisimbuje mu burenganzira, mu birego, mu bwizimbe cyangwa ku ngwate ku bitimukanwa, afite k'ugomba kumwishyura: iryo simbura rigomba kuba ryeruye kandi rigakorwa igihe cyo kwishyura.

2. Iyo ugomba kwishyura agujije amafaranga yo kwishyura umwenda arimo no kwisimbuza umugurije mu burenganzira bw'ugomba kwishyurwa. Kugirango iryo simbura rigire agaciro, urupapuro rw'inguzanyo na kitansi bigomba kwemezwa na noteri; mu nyandiko y'inguzanyo, hagomba kuvugwa ko amafaranga yagujijwe kugirango yishyure umwenda, kandi muri kitansi

bagomba kuvuga ko ubwishyu bwabaye hakoreshejwe amafaranga yatangiwe icyo n'ugomba kwishyurwa mushya. Iryo simbura ribaho hatitawe ku bushake bw'ugomba kwishyurwa.

Ingingo: 149
Isimbura ribera nta rubanza :

1. umuntu, nawe ubwe uberewemo umwenda, wishyuye undi ufite uburenganzira bwo kwishyurwa mbereye kubera ubwizimbe n'ingwate ku bitimukanwa.
2. uwahawe ibitimukanwa, agakoresha ikiguzi cyabyo mu kwishyura ababerewemo imyenda bari barahawe ingwate kubyo yazunguye.

3. usangiye n'abandi umwenda, cyangwa ugomba kuwubishyurira akaba yari afite inyungu yo kuwishyura.

Ingingo: 150
Isimbura riteganywa n'ingingo zibanziriza iyi riba ku bishingire no ku bagomba kwishyura; ntirishobora kubangamira uberewemo umwenda iyo yishyuwe igice gusa; icyo gihe, ashobora gukoresha uburenganzira bwe kubisigaye agomba guhabwa, akishyurwa mbere y'uwamwishyuye igice.

3. Ibyerekeye isobanurwa ry'umwenda wishyuwe

Ingingo: 151
Ugomba kwishyura imyenda myinshi afite uburenganzira bwo kuvuga, iyo yishyura, umwenda ashaka kwishyura.

Ingingo: 152
Urimo umwenda ubyara inyungu cyangwa ubyara amafaranga yishyurwa uko igihe gitashye ntashobora narimwe kwishyura umwenda w'iremezo mbere y'ayo agomba kwishyura uko igihe gitashye cyangwa mbere y'inyungu; ubwishyu bw'umwenda w'iremezo n'inyungu zawo butuzuye bubanza kwishyura inyungu.

Ingingo: 153
Iyo ugomba kwishyura imyenda itandukanye yemeye gitansi ugomba kwishyurwa yanditseho ko ubwishyu yabonye bwishyuraga umwenda runaka ku buryo bw'umwihariko, ntaba agishoboye gusaba ko ubwo bwishyu bushyirwa k’undi mwenda, keretse rero iyo uberewemo umwenda yagize uburiganya cyangwa ugutungurana.

Ingingo: 154
Iyo gitansi itavuga umwenda wishyuwe, ubwishyu bushyirwa ku mwenda uwugomba yari afite inyungu kurusha iyindi yose yari igejeje igihe ko wishyurwa, bitaba ibyo, bugashyirwa ku mwenda ugeze igihe cyo kwishyurwa, kabone n'ubwo waba ari muto kurusha imyenda itarageza igihe cyo kwishyurwa.

Iyo ari imyenda y'ubwoko bumwe, ubwishyu bushyirwa ku mwenda wa kera kurusha iyindi: iyo

imyenda y'ubwoko bumwe yatangiwe igihe kimwe, ubwishyu bushyirwa ku mwenda hakurikijwe agaciro kayo.

4. Ibyerekeye ugusaba kwishyura no kubitsa ibigomba kwishyurwa.

Ingingo: 155
Iyo uberewemo umwenda yanze kwakira ubwishyu bwe, ubugomba ashobora kumusaba, kwakira ibyo amugomba, yakwanga kubyakira, ugomba ubwishyu akabitsa arnafaranga cyangwa icyo yishyuraga.

Gusaba kwakira ubwishyu, bikurikiwe no kubitsa ibyishyurwa, bikuraho umwenda uwugomba arimo; kubimureba, bifatwa nk'ubwishyu iyo byakozwe ku buryo bwemewe, kandi ikintu cyabikijwe gutyo, kikaba cyapfira ubusa uberewemo umwenda.

Ingingo: 156
Kugirango ugusaba kwakira ubwishyu kugire agaciro, ni ngombwa ko :

1. gushyikirizwa uberewemo umwenda ufite ubushobozi bwo kwakira, cyangwa ufite ububasha bwo kumwakirira;
2. gukorwa n'umuntu ufite ubushobozi bwo kwishyura;
3. kuba kwerekeye umwenda wose ugeze igihe cyo kwishyurwa, amafaranga yishyurwa uko igihe gitashye cyangwa inyungu zigombwa, amafaranga azwi umubare n'andi ataramenyekana umubare ariko agomba gusobanurwa uko yakoreshejwe;
4. igihe cyo kwishyura kiba kigeze, niba cyarateganyirijwe kurengera inyungu z'uberewemo umwenda;
5. inkomyi umwenda wafatiweho iba impamo;
6. ugusaba kwishyura kubera ahantu hagomba kubera ubwishyu, humvikanyweho mu masezerano, iyo hatabayeho amasezerano yihariye ahateganya, gusabwa uberewemo umwenda, aho atuye se, cyangwa aho yahisemo kuzajya amenyesherezwa ibyerekeye iyubahirizwa ry'amasezerano;
7. gukorwa n'umuhesha werekanywe n’umucamanza.

Ingingo: 157
Singombwa ko ukubitsa kwatangiwe uruhusa n’umucamanza kugira agaciro, birahagije rero ko:

1. kuba kwabanjirijwe n'inyandiko yabimenyesheje uberewemo umwenda kandi ivuga umunsi, isaha n'ahantu ikintu gitangwa kizabikwa;
2. ugomba kwishyura aba yarikuyeho ikintu cyatanzwe akagishyira mu biro by'umwanditsi w'urukiko rwa mbere rw'iremezo cyangwa rw'ubujurire, hamwe n'inyungu zigombwa kugeza ku munsi wo kukubitsa;
3. haba harabaye inyandiko-mvugo, yakozwe n'umuhesha w'urukiko, igaragaza imiterere y'ibintu byatanzwe, ko uberewemo umwenda yanze kubyakira, cyangwa ko yanze kwitaba kandi ikanavuga ko byabikijwe;
4. mu gibe uberewemo umwenda yanze kwitaba, inyandiko-mvugo igaragaza ibitswa ry'ikintu iba yaramumenyeshejwe ikanamuhatira gufata icyabikijwe.

Ingingo: 158
Amafaranga atangwa mu gusaba kwakira ubwishyu no kububitsa abazwa uberewemo umwenda iyo byakurikije amategeko.

Ingingo: 159
Igihe cyose ibitsa ritemewe n'uberewemo umwenda, uwugomba ashobora kurikuraho; kandi iyo arikuyeho, abasangiye nawe umwenda cyangwa abamwishingiye ntibaba bakivarutse n'inshingano.

Ingingo: 160
Iyo ugomba kwishyura yabonye urubanza rutakijuriririrwa, rwemeza ko ugusaba kwakira ubwishyu no kububitsa byakozwe mu buryo bwiza kandi bwemewe, ntaba agishoboye nabusa kubikuza ibyo yabikije abangamira inyungu z'abafatanyije na we kwishyura cyangwa z'abamwishingiye, kabone n'ubwo uberewemo umwenda yaba abyemera.

Ingingo: 161
Uberewemo umwenda wemeye ko ugomba kumwishyura abikuza ibyo yabikije nyuma yaho urubanza rutagishoboye kujuriririrwa rwemereje ko byari byarabikijwe ku buryo bwemewe, ntaba agishobora na busa, mukwishyuza umwenda we, kwitwaza uburenganzira bwo kwishyurwa mbere y'abandi cyangwa ubugwate ku bitimukanwa bwari bwemewe ku mwenda aberewemo. Agira ubugwate gusa igihe inyandiko yakoresheje yemera ko ukubitsa kuvaho izaba yujuje ibya ngombwa bisabwa kugirango ubugwate ku bitimukanwa buhameho.

Ingingo: 162
Iyo ikishyurwa ari ikintu kidashidikanywaho kigomba gutangirwa aho kiri, uwishyura ahatira uberewemo umwenda kukihakura, abikoresheje inyandiko imenyeshejwe nyirubwite ubwe igejejwe aho yahisemo kuzajya amenyeshwa ibyerekeye iyubahiriza ry'amasezerano. Amaze kubihatirwa, uberewemo umwenda ntakure icyo kintu kandi ugomba kwishyura akeneye aho kiri, uwo ugomba kwishyura ashobora guhabwa n'urukiko uburenganzira bwo kukibitsa ahandi hantu.

Icyiciro 2. Ibyerekeye ihindurwa ry'imyenda

Ingingo: 163
Ihindurwa ry'imyenda rikorwa mu buro butatu:

1. Iyo ugomba kwishyura ahawe n'uwo agomba kwishyura undi mwenda usimbura uwambere, uyu wambere ukaba uzimye;
2. Iyo ugomba kwishyura mushya asimbuye uwa mbere uba atakishyujwe;
3. Iyo, biturutse ku nshingano nshya, habonetse undi ugomba kwishyurwa usimbura uwambere, uyu akaba atakishyuje uwari umubereyemo umwenda.

Ingingo: 164
Ihindurwa ry'umwenda rikorwa hagati y'abantu bafite ubushobozi bwo gukorana amasezerano.

Ingingo: 165
Ihindurwa ry’umwenda ntirikekwa; ni ngombwa ko ubushake bwo kurikora bugaragazwa n'inyandiko.

Ingingo: 166
Ihindurwa ry'umwenda ritewe n’uko ugomba kwishyura asimbujwe undi mushya rishobora gukorwa ugomba kwishyura wa mbere atabigizemo uruhare.

Ingingo: 167
Ububasha ugomba kwishyura akoresha aha uwo abereyemo umwenda undi kumwishyura ntibuhindura na busa umwenda, iyo uwugomba atatangaje ku buryo bweruye ko yemera gukuriraho umwenda ugomba kumwishyura werekanye undi ugomba kwishyura.

Ingingo: 168
Ugomba kwishyurwa wavarutse n’uwari amubereyemo umwenda kubera ko yerekanye ugomba kwishyura ntaba agifite uburenganzira bwo gukurikirana uwo wari umubereyemo umwenda, mu gihe uwerekanywe ugomba kwishyura atagishoboye kwishyura, keretse iyo inyandiko yabiseguriye ku buryo bweruye, cyangwa uwo ugomba kwishyura werekanywe akaba yari mu gihombo kigaragara cyangwa akaba ataragishoboye kwishyura imyenda ye mu gihe yerekanwaga.

Ingingo: 169
Kuba ugomba kwishyura yerekanye gusa uzishyura mu mwanya we ntibituma haba ihindurwa ry’umwenda.

Ni nako bigenda iyo ugomba kwishyurwa yerekanye gusa ugomba kwakira umwenda aberewemo.

Ingingo: 170
Ubwizimbe n'ingwate ku bitimukanwa by'umwenda wishyuzwa wa mbere ntibijya ku mwenda uwusimbuye, keretse iyo ugomba kwishyurwa yabiteganyije kuburyo bweruye.

Ingingo: 171
Iyo ihindurwa ry'umwenda ritewe nuko ugomba kwishyura asimbujwe undi mushya, ubwizimbe n'ingwate ku bitimukanwa byari byemewe ku mwenda w'ikubitiro ntibishobora na busa gushyirwa ku bintu by'ugomba kwishyura mushya.

Ingingo: 172
Iyo ihindurwa ry'umwenda ribaye hagati y'ugomba kwishyurwa n'umwe mu bagomba ku mwishyura basangiye umwenda, ubwizimbe n'ingwate ku bitimukanwa by'umwenda wa mbere bishobora gusa guteganywa ku bintu by'uwiyemeje kwishyura umwenda mushya.

Ingingo: 173
Abasangiye umwenda bavaruka nawo iyo habaye ihindurwa ryawo ribaye hagati y'ugomba

kwishyurwa n'umwe mu bagomba kumwishyura. Ihindurwa ry'umwenda rikorewe ugomba kwishyura w'ibanze rikuraho inshingano z'abamwishingiye.

Icyakora, iyo uberewemo umwenda yategetse ko, kubyerekeye ihindurwa ry'umwenda rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, abasangiye umwenda, cyangwa kubyerekeye ihindurwa ry'umwenda rivugwa mu gika cya kabiri, abishingiye ugomba kwishyura, binjira mu ihindurwa ry'umwenda, umwenda wa mbere uhamaho iyo abasangiye umwenda cyangwa ababishingiye banze kwemera amasezerano mashya.

Icyiciro 3. Ibyerekeye guhara umwenda

Ingingo: 174
Iyo uberewemo umwenda ashubije ku bushake inyandiko bwite y'umwimerere ugomba kumwishyura, biba ikimenyetso cy'uko uyu yavarutse n'uwo mwenda.

Ingingo: 175
Gusubiza ku bushake inyandiko ya mbere cyangwa kopi yayo bituma bakeka ko umwenda wahazwe cyangwa wishyuwe, bitabujije ko hatangwa ibimenyetso bibivuguniza.

Ingingo: 176
Ugusubiza umwe mubasangiye umwenda inyandiko bwite y’umwimerere cyangwa kopi yayo kugira agaciro kamwe ku bandi bawusangiye.

Ingingo: 177
Uguhara umwenda cyangwa ukuwegurira umwe mu bawusangiye gukozwe mu masezerano bituma abandi bayafatanije batawukurikiranwaho, keretse iyo ugomba kwishyurwa yaseguriye uburenganzira bwe ku buryo bweruye ku bireba abo basangiye umwenda.

Icyo gihe, ntashobora kwishyuza umwenda atabanje gukuramo umugabane w'uwo yahariye umwenda.

Ingingo: 178
Guhara ikintu cyatanzweho ingwate ntibihagije kugirango bakeke ko habaye uguhara umwenda.

Ingingo: 179
Uguhara umwenda cyangwa ukuwegurira ugomba kuwishyura w'ibanze bikozwe mu masezerano bivarura abamwishingiye.

Ukugiriwe umwishingire ntikuvarura ugomba kwishyura w'ibanze; Ukugiriwe umwe mu bishingire ntikuvarura abandi bishingire.

Ingingo: 180
Icyo uberewemo umwenda yahawe n'umwishingire kugirango akureho ubwishingizi bwe kigomba kuvanwa mu mwenda kandi kikishyurira ugomba kwishyura w'ibanze n'abandi

bamwishingiye.

Icyiciro 4. Ibyerekeye ihwanya ry'imyenda

Ingingo: 181
Iyo abantu babiri baberanyemo imyenda habaho ihwanya ryayo riyizimya yombi muburyo no mu bihe bivugwa mu ngingo zikurikira.

Ingingo: 182
Ihwanya ry'imyenda riba nta rubanza kubera gusa ko amategeko abiteganya atyo, yewe n'iyo abagomba kwishyura batabizi; imyenda yombi irazimangana ku mpande zombi kuva igihe ibereyeho, kugeza ku gaciro kayo kangana.

Ingingo: 183
Ihwanya ry'imyenda riba gusa hagati y'imyenda ishingiye yose ku mafaranga cyangwa ibintu runaka biguranwa by' ubwoko bumwe kandi imyenda ikaba izwi ingano ndetse ikaba igeze igihe cyo kwishyurwa.

Ingingo: 184
Igihe cy'inyongera ntikibera ihwanya imbogamizi.

Ingingo: 185
Ihwanya ribaho, uko impamvu z'umwenda uyu n'uyu zaba ziteye kose, keretse mu gihe:

1. cy'ikirego kigamije kugaruza ikintu cyambuwe nyiracyo ku maherere;
2. cy'ikirego kigamije gusubizwa ibyabikijwe cyangwa ibyatijwe ngo bikoreshwe;
3. cy'umwenda ushingiye ku bitunga umuntu bemeje ko bidashobora gufatirwa.

Ingingo: 186
Uwishingiye undi ashobora gusaba ihwanya ry'imyenda ugomba kwishyurwa n'ugomba kwishyura w'ibanze baberanyemo.

Nyamara ugomba kwishyura w'ibanze ntashobora gusaba ko habaho ihwanya ry'imyenda agomba kwishyura n'umwishingire baberanyemo.

Ugomba kwishyura afatanije n'abandi ntashobora na we gusaba ko habaho ihwanya ry'imyenda ugomba kwishyurwa n'umwe mu basangiye umwenda baberanyemo.

Ingingo: 187
Ugomba kwishyura wemeye nta kwisegura ko uberewemo umwenda aha uburenganzira bwe undi wese ntaba agisabye uwahawe uburenganzira ko bagirana ihwanya ry'imyenda yashoboraga gusaba nyirugutanga uburenganzira mbere y'uko abyemera.

Ku byerekeye itanga-mutungo ritigeze ryemerwa n'ugomba kwishyura, ariko yamenyeshejwe, ribuza gusa ihwanya ry'imyenda ryabayeho nyuma y'iryo menyesha.

Ingingo: 188
Iyo imyenda ibiri itishyurirwa ahantu hamwe, bashobora gusaba ko habaho ihwanya ryayo gusa iyo habariwemo amafaranga ya ngombwa kugirango ubwishyu bugezwe kuri nyirabwo.

Ingingo: 189
Iyo ugomba kwishyura arimo imyenda myinshi ishobora guhwanyirizwamo, hakurikizwa, mu ihwanya, amategeko yerekeye isobanura y'umwenda wishyuwe akubiye mu ngingo ya 154.

Ingingo: 190
Ihwanya ntiribangamira uburenganzira undi wese yegukanye. Bityo, uwagombaga kwishyura agahinduka uberewemo umwenda wishyuzwa guhera igihe cy'igwatira-tambama ryakozwe n'undi wese ku bintu atunze, ntashobora gusaba ko habaho ihwanya ribangamira inyungu z'ufatira.

Ingingo: 191
Uwishyuye umwenda wazimijwe n'ihwanya kubera ko amategeko abiteganya atyo, ntashobora, mu gihe yishyuza umwenda atigeze asaba ko uhwanyirizwamo, kwitwaza uburenganzira bwo kwishyurwa mbere y'abandi n'ubugwate ku bitimukanwa byaherekezaga uwo mwenda, abangamira abandi bantu, keretse rero aramutse yaragize impamvu nyakuri yatumye atamenya ko hariho umwenda wishyuzwa wagombaga guhwanyirizwamo n'umwenda yarimo.

Icyiciro 5. 1byerekeye ukwivanga kw'imitungo

Ingingo: 192
Mu gihe uberewemo umwenda ali nawe ugomba kuwishyura, haba ukwivanga kw'imitungo nta rubanza kuzimya iyo myenda yombi.

Ingingo: 193
Ukwivanga kw'imitungo kubaye k'ugomba kwishyura w'iremezo kugirira akamaro abamwishingiye.

Ukubaye k’uwishingiye undi ntigutera na gato izima ry’umwenda shingiro.

Ukubaye k’uberewemo umwenda kugirira akamaro abasangiye nawe umwenda ku mugabane yagombaga kwishyura gusa

Icyiciro 6. Ibyerekeye izimira ry’ikintu kigomba gutangwa

Ingingo: 194
Iyo ikintu kidashidikanywaho kandi cyasobanuwe cyari ishingiro ry'inshingano cyangiritse, kitagishoboye kuba cyacuruzwa cyangwa kizimiye ku buryo utamenya niba kiriho, inshingano yari igishingiyeho irazima iyo icyo kintu cyangiritse cyangwa kikazimira nta kosa ry'ugomba kwishyura kandi mbere y'uko yihanangirizwa.

Nubwo ugomba kwishyura yarihanangirijwe, kandi akaba atarishingiye impamvu zitunguranye, inshingano irazima ikintu cyashoboraga kwangirikira k'uberewemo umwenda iyo aza kuba yaragihawe.

Ugomba kwishyura agomba gutanga ibimenyetso by’impamvu itunguranye yitwaza

Uburyo ubwo ari bwo bwose ikintu kibwe cyaba cyarangiritse cyangwa cyarabuze, ukubura kwacyo ntibibuza uwagitaye gusubiza ikiguzi cyacyo.

Ingingo: 195
Iyo ikintu cyangiritse, kitakiri mu bucuruzi cyangwa cyazimiye, nta kosa ry'ugomba kwishyura, iyo hari uburenganzira cyangwa ibirego bigamije indishyi kuli icyo kintu, ugomba kwishyura agomba kubyegurira uwo agomba kwishyura.

Icyiciro 7. Ibyerekeye ikirego kigamije kuburizamo cyangwa gutesha agaciro amasezerano

Ingingo: 196
Igihe cyose uburenganzira bwo gusaba kuburizamo cyangwa gutesha agaciro amasezerano kitashyizwe ku gihe gito n'itegeko ryihariye, ubwo burenganzira bumara imyaka icurni.

Mu gihe habaye igitugu, icyo gihe gitangira kubarwa gusa umunsi icyo gitugu cyarangiriyeho; mu gihe habaye ukwibeshya cyangwa uburiganya, icyo gihe gitangira kubarwa kuva aho babimenyeye.

Umutwe 6. IBYEREKEYE IBIMENYETSO BY'INSHINGANO N'UBWISHYU

Ingingo: 197
Usaba ko inshingano yubahirizwa agomba kuyitangira ibimenyetso. Naho uvuga ko atagitegetswe kubahiriza inshingano agomba kugaragaza ubwishyu cyangwa icyamukuyeho iyo nshingano ye.

Ingingo: 198
Amategeko agenga ikimenyetso cyanditse, ikimenyetso cy'intanga-mugabo, ibimenyetso bicukumbuwe, ukwiyemerera k'umuburanyi n'indahiro bisobanuwe mu byiciro bikurikira.

Icyiciro 1. Ikimenyetso cyanditse

1. Inyandiko-mvaho

Ingingo: 199
Inyandiko-mvaho ni iyakiriwe n'abakozi ba Leta bafite uburenganzira bwo gukora mu karere k'aho yandikiwe, kandi hakurikijwe imihango yabigenewe.

Ingingo: 200

Inyandiko itari imvaho kubera ko umukozi wa Leta wayanditse atabifitiye ububasha cyangwa ubushobozi cyangwa ko yanditswe mu buryo budakurikije amategeko, ifite agaciro k'urupapuro umuntu yiyandikiye iyo iri ho umukono w'ababuranyi.

Ingingo: 201
Inyandiko-mvaho ni kamarampaka mu byerekeye amasezerano ayivugwamo ari hagati y'abayagiranye n'ababazunguye cyangwa abafite umurage kugeza ubwo haboneka ikimenyetso cyanditse kibivuguruza.

Ingingo: 202
Inyandiko, yaba iy'imvaho, yaba iyo umuntu yiyandikiye ubwe, imara impaka abagiranye amasezerano, ndetse no kubyerekeye ibiyivugwamo bitemejwe, bipfa kuba bifite ihuriro rya hafi n'ibyo iyo nyandiko ihamya. Ibivugwa bidafite amahuriro n'ibyo iyo nyandiko ihamya bishobora gusa kuba intangiriro y’ikimenyetso cyanditse.

Ingingo: 203
Inyandiko zivuguruza amasezerano zigira agaciro ku basezeranye gusa; naho ku bandi batari muri ayo masezerano, ntacyo zishobora kubamarira cyangwa kubatubyaho.

2. Ibyerekeye inyandiko-bwite

Ingingo: 204
Inyandiko-bwite, yemewe nuwo bayiregesha cyangwa yemewe kuko ariko amategeko avuga, igira agaciro nk'ak'inyandiko-mvaho, hagati y'abayigiranye, ababazunguye n'abafite umurage.

Ingingo: 205
Uwo bashinjisha inyandiko-bwite agomba kwemera cyangwa guhakana yeruye umukono we cyangwa sinya ye.

Abamuzunguye cyangwa abafite umurage bashobora kuvuga gusa ko batazi nabusa umukono w’uwo bazunguye.

Ingingo: 206
Mu gihe umuburanyi ahakanye umukono we cyangwa sinya ye, kandi abamuzunguye cyangwa abarazwe ibye bemeza ko batazi nabusa umukono na sinya bye, urukiko rutegeka kureba niba ari byo koko.

Ingingo: 207
Inyandiko-bwite zikubiyemo amasezerano aturutse ku mpande zombi z'abayagiranye zigira agaciro gusa zanditswe ku mpapuro z'umwimerere zingana n'umubare w'abasezerana ayo masezerano afitiye akamaro ku buryo bunyuranye.

Urupapuro runwe rwumwimerere rurahagije ku basezerana baharanira inyungu imwe. Buri rupapuro rw'umwimerere rugomba kuvuga umubare w'impapuro zanditswe.

Nyamara ariko, kutavuga ko impapuro z'umwimerere zagiye zandikwa ari ebyiri, eshatu, bityo bityo, uwubahirije ku ruhare rwe amasezerano ari mu nyandiko ntacyo kubiregesha.

Ingingo: 208
Agapapuro cyangwa isezerano-bwite umwe mu basezerana yemeresha ko azishyura undi amafranga cyangwa ikintu gifite agaciro, bigomba kwandikwa mu magambo n'ubisezeranye; cyangwa se nibura, iruhande rwa sinya ye, agomba kwandika ubwe bompuru cyangwa amagambo nemeye ko, agaragaza mu nyuguti zose umubare w'amafaranga cyangwa ingano y'ikintu.

Ibyo ntibikurikizwa iyo inyandiko zikozwe n’abacuruzi, abanyamyuga, abahinzi, abanyamizabibu, ba nyakabyizi cyangwa abakozi.

Ingingo: 209
Iyo umubare wavuzwe mu nyandiko utandukanye n'uwavuzwe mu gapapuro ka bompuru, inshingano ifatwa ko ireba gusa umubare muto, n'ubwo inyandiko na bompuru ziba zarandikishijwe intoki uwiyemeje inshingano, keretse rero iyo hagaragajwe inyandiko irimo ikosa.

Ingingo: 210
Itariki iri mu nyandiko-bwite itsindisha abatazisinye gusa iyo kuzishyiraho itariki mbere bitashobotse. Bigenda bityo nko muri ibi bihe bikurikira:

1. iyo uwasinye inyandiko cyangwa umwe mu bayisinye yapfuye; inyandiko ifatwa rero ko yasinywe umunsi yapfiriyeho;

2. Iyo ibiteganywa n'inyandiko bigaragazwa n'inyandiko-mvaho; icyo gihe, inyandiko ifatwa ko yasinywe umunsi izo nyandiko¬mvaho zakorewe.

Ingingo: 211
Ibitabo by'abacuruzi ntibishobora kuba igihamya gitsindira abatari abacuruzi ibyanditsemo ko babihawe, keretse ibiza kuvugwa mu ngingo zerekeye indahiro.

Ingingo: 212
Ibitabo by'abacuruzi byemerwa ho igihamya gitsinda abacuruzi ubwabo; ariko ushaka kubiburanisha ntashobora kwemera ibyanditsemo bimwe ngo ahakane ibindi bidahuje n'imvugo ye.

Ingingo: 213
Ibitabo n'inzandiko byo mu rugo ntibibera uwabyanditse ikimenyetso kimufitiye akamaro. Ahubwo bimubera igihamya kimushinja:

1. igihe cyose bihamya neza ko yishyuwe;
2. mu gibe byanditse mu magambo agaragaza neza ko byandikiwe kubera ugomba kwishyurwa ikimenyetso cy’uko aberewemo umwenda.

Ingingo: 214
Iyo uberewemo umwenda yanditse hepfo, iruhande cyangwa inyuma y'urupapuro yasigaranye avuga ko uwari umubereyemo umwenda yamwishyuye, ibyo yanditse biba ikimenyetso cyemeza ko yishyuwe ndetse n'iyo atashyize ho sinya ye n'itariki.

Ni nako bigenda iyo uwishyuza yanditse inyuma, iruhande cyangwa se ku bikurikira ibyanditswe ku nyandukuro y'icyemezo cy'umwenda cyangwa se ya gitansi avuga ko yishyuwe, uwishyuzwa apfa kuba ariwe ufite urwo rwandiko rwa kabiri.

3. Ibyerekeye inyandiko zemeza n'izishimangira

Ingingo: 215
Inyandiko zemeza umwenda ntizivanaho nabusa kwerekana inyandiko y'ibanze keretse iyo ibiyivugwamo byanditswe ku buryo bw'umwihariko muri izo nyandiko.

Ibizivugwaho bitari mu nyandiko y'ibanze cyangwa binyuranye n'ibiyanditsemo ntibigira agaciro.

Icyakora, mugihe habaye inyandiko nyinshi ziyemerera umwenda zisa, zikaba kandi zifitwe n'ugomba kwishyurwa, inyandiko imwe muri zo ikaba imaze imyaka mirongo itatu, uberewemo umwenda ashobora kuvanirwaho kwerekana inyandiko y'ibanze.

Ingingo: 216
Inyandiko ishimangira cyangwa yemera inshingano itegeko ryemerako ishobora guteshwa agaciro n'urukiko igira agaciro gusa iyo ikubiyemo ireme ry'iyo nshingano, iyerekana ry'impamvu ikirego kigamije gutesha agaciro iyo nshingano n'imigambi yo gukosora inenge icyo kirego gishingiyeho.

Iyo nta nyandiko ishimangira cyangwa yemera inshingano, birahagije ko inshingano irangizwa ku bushake nyuma y'irangira ry'igihe yagombaga gushimangirwa cyangwa kwemezwa.

Ugushimangira, ukwemeza cyangwa ukurangiza nta gahato inshingano mu buryo no mu gihe biteganyijwe n'itegeko bihwanye no kureka ingingo n'ibyireguzo byashoboraga gutangwa mu mpaka zerekeye iyo nyandiko, ariko bitabangamiye uburenganzira bw'abandi.

Icyiciro 2. Ibyerekeye ikimenyetso cy'intanga-mugabo

Ingingo: 217
(Itegeko ryo kuwa 16.6.1947). Amasezerano yose ateganya ibintu by'agaciro karengeje amafaranga ibihumbi bibiri agomba kugaragazwa n'inyandiko-mvaho cyangwa inyandiko-bwite, kabone n'aho yaba ari amasezerano yo kubitsa kubushake, kandi nta kimenyetso cy'intanga-mugabo gishobora kwemerwa kigaragaza ibikubiye mu nyandiko n'ibitayikubiyemo, cyangwa ibyakwitwazwa byavuzwe mbere y'uko inyandiko zikorwa cyangwa guhera zimaze gukorwa n'ubwo byaba byerekeye amafaranga atageze ku bihumbi bibiri cyangwa ikintu gifite

agaciro katayagejejeho.

Icyakora, inshingano z'ubucuruzi zishobora kugaragazwa n'ikimenyetso ntanga-mugabo igihe cyose urukiko rwumva rushobora kucyemera.

Ingingo: 218
(Itegeko ryo kuwa 16.6. 1947). Itegeko rivuzwe haruguru rikurikizwa no mu gihe ikirego gikubiyemo, uretse ukuregera amafaranga y'iremezo, ukuregera inyungu zirenga ibihumbi bibiri mugihe uziteranije n'amafaranga y'ibanze.

Ingingo: 219
(Itegeko ryo kuwa 16.6. 1947). Uwatanze ikirego kirengeje amafaranga ibihumbi bibiri ntaba acyemerewe gutanga ikimenyetso ntanga-mugabo, kabone n'ubwo yagabanya ikirego cye cyambere.

Ingingo: 220
(Itegeko ryo kuwa 16.6.1947). Ikimenyetso cy'intanga-mugabo, ku kirego cy'amafaranga atanageze ku bihumbi bibiri, ntigishobora kwemerwa iyo ayo mafaranga yemezwa ko ari igisigara cyangwa igice cy'umwenda wishyuzwa munini utagaragazwa n'inyandiko.

Ingingo: 221
(Itegeko ryo kuwa 16.6.1947). Iyo, mu rubanza rumwe, umuburanyi atanze ibirego byinshi bitagaragazwa n'inyandiko na busa, kandi, mu gihe bikubiwe hamwe, birenza amafaranga ibihumbi bibiri, ikimenyetso cy'intanga-mugabo ntigishobora kwemerwa, n'ubwo umuburanyi urega yavuga ko iyo myenda ikomoka ku mpamvu zitandukanye, kandi ko yabayeho mu bihe bitandukanye, keretse iyo ibyo bintu bikomoka ku izungura, impano cyangwa ubundi buryo bwose, bikomotse ku bantu batandukanye.

Ingingo: 222
Ibirego byose, uko byaba bimeze kose, bitagaragazwa neza n'inyandiko ibyemeza, bizakorerwa inyandiko mpama¬gararubanza imwe, nyuma yayo ibindi birego bitagira ibimenyetso byanditse ntibizakirwa.

Ingingo: 223
Amategeko amaze kuvugwa haruguru ntakurikizwa iyo hariho intangiriro y'ikimenyetso cyanditse.
Icyo bita intangiriro y'ikimenyetso cyanditse ni inyandiko yose ikomoka k'uregwa cyangwa k' uwo ahagarariye kandi ikaba yatuma umuntu yemera ko icyo bamuhamya ari cyo koko.

Ingingo: 224
Ayo mategeko kandi ntiyitabwaho igihe cyose ugomba kwishyurwa atashoboye kubona ikimenyetso cyanditse cy’ibyo bamusezeranije.
Uko kutitabwaho kwa kabiri kubaho:

1. ku nshingano zituruka ku bisa n'amasezerano, amakosa cyangwa ibisa nayo;

2. ku byabaye ngombwa ko bibitswa kubera itwika, isenywa, imyivumbagatanyo cyangwa irohama no ku byabikijwe n'abagenzi bari muri hoteri byose hakurikijwe uko abantu bameze n’ibihe;
3. ku nshingano zakozwe igihe cy'impanuka zitateganijwe ku buryo inyandiko zashoboraga gukorwa;
4. mu gihe ugomba kwishyurwa yataye urupapuro yashoboraga kwerekanaho ikimenyetso cyanditse biturutse ku mpamvu zitunguranye, zitashoboraga guteganywa kandi zishingiye ku mpamvu zitunguranye ntarengwa.

Icyiciro 3. Ibyerekeye ibimenyetso bicukumbuwe

Ingingo: 225
Ibimenyetso bicukumbuwe ni ingingo amategeko cyangwa urukiko bisesengura bishingiye ku kintu kizwi kugirango bimenye ikitazwi.

1. Ibyerekeye icukumbura riteganijwe n’itegeko

Ingingo: 226
Ikimenyetso gicukumbuwe n'itegeko ni ingingo iteganijwe n'itegeko ryihariye ku byerekeye ibikorwa bimwe na bimwe nk’ibi bikurikira:

1. mu bihe itegeko ryemeza nyir’ikintu cyangwa ubwishyu bishingiye ku mpamvu izi n'izi zigaragara.
2. ububasha itegeko riha urubanza rwakemuwe ku buryo budasubirwaho;
3. uruhare itegeko rigenera ukwemera k'umuburanyi cyangwa indahiro ye.

Ingingo: 227
Ububasha bw'urubanza rwakemuwe ku buryo budasubirwaho bugarukira gusa ku cyaburanywe kigakiranurwa. Icyaburanwe kigomba kuba kimwe, ikirego kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe, icyo ikirego kigomba kuba cyerekeye ababuranyi kandi bakiburana mw'izina ryabo rya mbere.

Ingingo: 228
Uwo ikimenyetso gicukumbuwe n'itegeko gifitiye akamaro ntahatirwa gutanga ikindi kimenyetso.
Nta kindi kimenyetso cyemewe kivuguruza igicukumbuwe n'itegeko mu gihe hashingiwe kuri iryo cukumburwa, kivanaho inyandiko zimwe cyangwa gihakana uburenganzira bwo kuregera urukiko cyeretse iyo itegeko ryemera ikindi kimenyetso kikivuguruza kandi haseguriwe ibivugwa ku ndahiro n'ukwemera kubereye mu rukiko.

2. Ibyerekeye icukumbura ridateganijwe n'itegeko.

Ingingo: 229
Ibimenyetso bitacukumbuwe n'itegeko bisesengurwa bishingiye ku bwenge n'ubwitonzi bw'umucamanza ugomba kwemera gusa bene ibyo bimenyetso iyo bikomeye, bisobanuye kandi

bihuje no mu bihe itegeko ryemera ibimenyetso bishingiye ku mvugo z'abagabo keretse iyo icyemezo bakijuririye kubera ko gishingiye ku buriganya cyangwa ku buryarya.

Icyiciro 4. Ibyerekeye ukwiyemerera kw'umaburanyi

Ingingo: 230
Ukwiyemerera kugira agaciro imbere y'umuburanyi ni ukubereye ahatari mu rukiko cyangwa mu rukiko.

Ingingo: 231
Kuvuga ko umuntu yemeye ikintu mu magambo gusa kandi atabivugiye mu rukiko ntabwo ali icyemezo gifitiye ugitanze akamaro iyo ari urubanza ibimenyetso bishingiye ku mvugo z'abagabo bidashobora kwakirwamo.

Ingingo: 232
Icyo bita ukwemera mu rubanza kubereye mu rukiko ni amagambo avugiwe mu rukiko n'umuburanyi cyangwa umuhagarariye. Iyo mvugo ishinja nyirayo.
Kirazira kuvana amagambo amwe mu yo yavuze ngo abe ariyo bamushinjisha adafatiwe hamwe nk'uko yayavuze.

Uwemereye atyo mu rukiko ntabwo ashobora kwisubiraho keretse bigaragaye ko yemejwe n'uko yibeshye ku cyabaye. Ntabwo ashobora kwisubiraho yitwaje ko yibeshye ku itegeko.

Icyiciro 5. Ibyerekeye indahiro.

Ingingo: 233
Irahira ribereye mu rukiko riri ukubiri:

1. indahiro umwe mu baburanyi arahije undi kugirango bayihereho bakiza urubanza; iyo ndahiro yitwa indahiro nkemurampaka,
2. indahiro irahijwe umwe mu baburanyi n'urukiko rubyibwirije.

1. Ibyerekeye indahiro nkemurampaka

Ingingo: 234
Indahiro nkemurampaka ishobora kurahizwa ku kintu icyo aricyo cyose cyigibwaho impaka.

Ingingo: 235
Indahiro ikemura impaka irahizwa ku gikorwa bwite cy'umuburanyi usabwa kuyikora.

Ingingo: 236
Umuburanyi ashobora kurahizwa igihe cyose mu rubanza ndetse n'iyo ikirego gikurikirana urubanza rutagira intangiriro y'inyandiko cyangwa kiruhakana kitarabona ibimenyetso bigihamya.

Ingingo: 237
Iyo urahizwa abyanze cyangwa atemeye kurahiza umuburanyi we cyangwa umuburanyi warahijwe ariko akanga kurahira, agomba gutsindirwa ikirego cyangwa ingoboka.

Ingingo: 238
Nta rahizanya rishobora kubaho mu gibe icyo rishingiyeho atari icy'ababuranyi bombi ahubwo ari icy'umuburanyi bwite warahijwe.

Ingingo: 239
Iyo irahizwa cyangwa irahizanya ryakozwe, undi muburanyi ntiyemererwa na busa gutanga ibimenyetso avuga ko ribeshya.

Ingingo: 240
Umuburanyi urahiza cyangwa urahijwe ntashobora kwisubiraho mu gihe umuburanyi we yavuze ko yiteguye gukora iyo ndahiro.

Ingingo: 241
Indahiro yakozwe igirira akamaro gusa uwarahije cyangwa se ikamutsindisha kandi ikakagirira abamuzungura n'abo yaraze ibye cyangwa se ikabatsindisha.

Nyamara, indahiro isabwe ugomba kwishyura umwenda n'umwe mu bawugombwa bafatanije ivaniraho ugomba kwishyura uwo mwenda kubyerekeye igice cyawo cy'uw'ugombwa warahije.
Indahiro irahijwe ugomba kwishyura umwenda w'ikubitiro igombora nabwo abawishingiye bose.
Indahiro irahijwe umwe mu bagomba kwishyura umwenda bafatanije igirira akamaro abafatanije nawe kuwishyura.
Kandi indahiro irahijwe uwishingiye uwo mwenda igirira akamaro ugomba kwishyura w'ikubitiro.

Muri ubwo buryo bubiri bwa nyuma, indahiro y'umwe mu bagomba kwishyura bafatanije cyangwa iy'uwishingiye umwenda igirira akamaro abandi bafatanije uwo mwenda cyangwa ugomba kuwishyura w'ibanze iyo yarahijwe gusa ku mwenda atari ku bufatanye cyangwa ku bwishingire bwawo.

2. Ibyerekeye indahiro irahijwe n'urukiko rubyibwirije.

Ingingo: 242
Umucamanza ashobora kurahiza umwe mu baburanyi ashaka guhera kuri iyo ndahiro ngo akemure urubanza cyangwa se gusa ngo agene ibyo utsinzwe agomba gutanga.

Ingingo: 243
Umucamanza agomba gusa kurahiza, haba ku kirego, haba ku byireguzo hakurikijwe izi mpamvu ebyiri zikurikira: ni ngombwa ko:

1. ikirego cyangwa icyireguzo kitagira ibimenyetso bihagije;

2. ikirego cyangwa icyireguzo kitaba kibuze burundu ibimenyetso.

Uretse ibyo bihe byombi, umucamanza agomba kwemera cyangwa akanga nta shiti ikirego.

Ingingo: 244
Indahiro irahijwe n'umucamanza abyibwirije umwe mu baburanyi ntabwo uyisabwe nawe ashobora kurahiza umuburanyi we.

Ingingo: 245
Umucamanza arahiza urega ku gaciro k'ikiburanwa gusa iyo bidashoboka gukoresha ubundi buryo ngo ako gaciro kamenyekane.

Umucamanza agomba ndetse, muri ubwo buryo, kugena uwo mubare kugeza ubwo urega azemerwaho ukuri hashingiwe ku ndahiro ye.

Interuro 2. Ibyerekeye inshingano zidashingiye ku masezerano

Ingingo: 246
Inshingano zimwe zibaho nta masezerano akozwe haba k'uwiyemeje gukora ikintu, haba k'ugomba kugikorerwa.

Inshingano zimwe zikomoka ku bubasha bw'itegeko; izindi zikomoka ku gikorwa bwite cy'uwiyemeje gukora ikintu.

Inshingano za mbere zibaho atari ku bushake, nk'iziba hagati ya benibintu baturanye.

Inshingano zikomoka ku gikorwa bwite cy'uwiyemeje gukora ikintu zishingiye haba ku bisa n'amasezerano, haba ku makosa akozwe ku bushake, haba ku bisa n'amakosa; ibyo nibyo bikubiye muri iyi nteruro.

Umutwe 1. IBYEREKEYE IBISA N’AMASEZERANO

Ingingo: 247
Ibisa n'amasezerano ni ibikorwa bishingiye ku bushake bwa muntu bigakomokaho inshingano runaka ku wundi wese, ndetse rimwe na rimwe hakaba inshingano ku mpande zombi.

Ingingo: 248
Iyo umuntu yiyemeje ku bushake gucunga iby'undi, nyir’ibintu yamenya cyangwa atamenya iyo micungire, uwiyemeje gucunga ibyo bintu aba aniyemeje ku buryo buteruye gukomeza iyo micungire yatangiye kugeza igihe nyir’ibintu azashobora kubyitaho; agomba kwiyemeza no gukora n'ibindi byose bishamikiye kuri iyo micungire.
Yigerekaho gukora inshingano zose zashoboraga gukomoka ku butumwa bweruye yashobora guhabwa na nyir’ibintu.

Ingingo: 249

Agomba gukomeza imicungire y'ibyo bintu n'ubwo nyirabyo yapfa mbere y’uko ubicunga arangiza ibyo yemeye, kugeza igihe ugomba kuzungura azashoborera kubyitaho.

Ingingo: 250
Agomba kwita ku byo acunga nk’umuntu wese w’inyangamugayo.

Nyamara, impamvu zatumye yiyemeza gucunga ibyo bintu zishobora gutuma umucamanza agabanya indishyi zakomoka ku makosa cyangwa umwete muke by’uwiyemeje iyo micungure.

Ingingo: 251
Nyir’ibintu byafashwe neza agomba kubahiriza inshingano zose zemewe mu izina rye n'uwiyemeje kubimucungira, kumuriha ibyo yatanze byose mu izina rye bwite no kumusubiza amafaranga yose ya ngombwa yatanze.

Ingingo: 252
Uwakiriye yibeshye cyangwa ku bushake icyo atagombwa afite inshingano yo kugisubiza uwakimuhaye atagombaga kukimuha.

Ingingo: 253
Iyo umuntu wakekaga ko arimo umwenda kubera kwibeshya yawishyuye, afite uburenganzira bwo gusaba uwo wishyuwe kumusubiza uwo mutungo.

Nyamara, ubwo burenganzira burangira mu gihe uwishyuwe yaciye impapuro zigaragaza umwenda amaze kwishyura, uretse ko uwishyuye ashobora kurega uwagombaga kwishyura nyakuri.

Ingingo: 254
Iyo uwishyuwe yakoresheje uburyarya, agomba gusubiza ibyo yakiriye, akanatanga inyungu n'umusaruro wabyo uhereye umunsi yishyuriweho.

Ingingo: 255
Iyo icyishyuwe kitagomba kwishyurwa ari ikitimukanwa cyangwa ikimukanwa gifatika, uwacyakiriye yiyemeza kugisubiza uko giteye niba kikiriho cyangwa se agaciro kacyo niba cyarangiritse burundu cyangwa cyarononekaye kubera amakosa ye; aryozwa kandi itakara ryacyo ritunguranye, iyo yacyakiriye akoresheje uburyarya.

Ingingo: 256
Iyo uwakiriye ikintu ntaburyarya yakigurishije, agomba gusubiza gusa amafaranga yakigurishije.

Ingingo: 257
Uwo ikintu gisubijwe, kabone niyo yaba akibonye akoresheje uburyarya, agomba gusubiza amafaranga yose ya ngombwa yatanzwe kugirango kirindwe neza .

Umutwe 2. IBYEREKEYE AMAKOSA AKOZWE KU BUSHAKE N'IBISA NAYO

Ingingo: 258
Igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse.

Ingingo: 259
Umuntu ntaryozwa ibyangiritse biturutse ku bikorwa bye bwite gusa, ahubwo anaryozwa ibyangiritse kubera umwete we muke cyangwa ubwitonzi bwe buke.

Ingingo: 260
Umuntu ntaryozwa gusa ibyangiritse kubera ibikorwa bye bwite, ahubwo anaryozwa ibyangijwe n'ibikorwa by'abantu yishingiye cyangwa n'ibintu ashinzwe kurinda.

Ise w'umwana, na nyina iyo umugabo amaze kwitaba Imana, baryozwa ibyangijwe n'abana babo babana mu nzu imwe.

Ba shebuja n'abakoresha baryozwa ibyangijwe n'abakozi babo mu gihe bakora imirimo babashinze. Abarimu n'abanyabubukorikori baryozwa ibyangijwe n'abanyeshuri n'abo bigisha imyuga mu gihe bibaye aribo bashinzwe kubagenzura.

Uburyozwe bumaze kuvugwa bubaho keretse iyo ababyeyi, abarimu cyangwa abanyabubukorikori batanze ibimenyetso byerekana ko batashoboye kubuza igikorwa ubwo buryozwe bushingiyeho.

Ingingo: 261
Nyir’inyamaswa cyangwa uyikoresha igihe imukorera aryozwa ibyangijwe yaba ayiragiye, yaba yazimiye cyangwa yamucitse.

Ingingo: 262
Nyir’inyubako aryozwa ibyangijwe n'isenyuka ryayo ribaye kubera kutayitaho cyangwa rishingiye ku nenge z'imyubakire yayo.

Interuro 3. Ibyerekeye igurisha

Umutwe 1. IBYEREKEYE KAMERE N'IMITERERE BY'IGURISHA.

Ingingo: 263
Igurisha ni amasezerano atuma umwe yiyemeza gutanga ikintu naho undi akishyura igiciro cyemeranijwe.
Ashobora gukorwa mu nyandiko-mvaho cyangwa se mu nyandiko bwite.

Ingingo: 264
Igurisha riba ryuzuye hagati y'abagiranye amasezerano kandi umugurisha akegurira burundu umuguzi icyagurishijwe mu gihe bumvikanye ku kintu no ku giciro cyacyo n'ubwo ikigurishwa

cyaba kitari cyatangwa n’ikiguzi cyacyo kikaba kitari cyishyurwa.

Ingingo: 265
Igurisha rishobora kuba ku buryo busanzwe cyangwa rigakorwa haba ku nkomyi mpagarikamasezerano, haba ku nkomyi nsesamasezerano. Igurisha rishobora kandi gukorwa ku bintu bibiri cyangwa byinshi by'ingurane.

Muri ibyo bihe byose inkurikizi zaryo zigenwa n’amahame rusange yerekeye amasezerano.

Ingingo: 266
Iyo ibihahwa bitagurishirijwe hamwe, ahubwo bikagurishwa ku munzani, babara cyangwa se bapima uburebure, ntabwo igurusha riba ryuzuye, ku buryo ibyagurishijwe biba bishobora kwangirikira umugurisha kugeza igihe bizapimirwa, bizabarirwa cyangwa bazapimira uburebure bwabyo; ariko umuguzi ashobora gusaba ko babimushyikiriza cyangwa bibaye ngombwa akaka indishyi iyo amasezerano atubahirijwe.

Ingingo: 267
Iyo, ibiri amambu, ibicuruzwa byagurishirijwe hamwe, igurisha riba ryuzuye kabone n'iyo ibicuruzwa byaba bitarapimwa, bitarabarurwa cyangwa ngo bipimwe uburebure.

Ingingo: 268
Ku byerekeye umuvinyo, amavuta cyangwa ibindi bintu byose bashobora gusogongera mbere yo kubigura, nta gurisha na busa ryari ryabaho mu gihe cyose umuguzi atari yabisogongera ngo abishime.

Ingingo: 269
Igura-gerageza rikekwa buri gihe kuba ryabaye ku nkomyi nsubikamasezerano.

Ingingo: 270
Ugusezeranya ubugure gufatwa nk'igurisha mu gihe impande zombi zemeranijwe ku kintu no ku giciro.

Ingingo: 271
Iyo mu gusezeranya ubugure hatanzwe avansi, umwe mu bagiranye amasezerano afite uburenganzira bwo kuyareka : uwatanze avansi ayihara; naho uwayakiriye asubiza inshuro ebyiri zayo.

Ingingo: 272
Igiciro cy'ubugure kigomba kugenwa kandi kikerekanwa n'abagiranye amasezerano.

Ingingo: 273
Gishobora ariko kugenwa muri gacaca : nta gurisha ribaho nabusa iyo uwo wundi adashaka cyangwa adashobora kukigenekereza.

Ingingo: 274
Amafaranga y'igurisha n'andi y'ingereka abazwa umuguzi.

Umutwe 2. IBYEREKEYE IBINTU BISHOBORA KUGURISHWA

Ingingo: 275
Ikintu cyose gicuruzwa gishobora kugurishwa iyo amategeko yihariye atabuza kucyegurira undi.

Ingingo: 276
Igurisha ry'ikintu cy'undi ni impfa-busa; rishobora gutangirwa indishyi iyo umuguzi atigeze amenya ko icyo kintu ari icy'undi.

Ingingo: 277
Ntawe ushobora kugurisha ibyo yasigiwe n'abo yazunguye mu gihe nyirabyo akiriho kabone niyo yaba abyemera.

Ingingo: 278
Iyo, mu gihe cy'igurisha, icyagurishijwe cyari cyarangiritse cyose, igurisha riba impfa-busa. ¬

Iyo ari igice kimwe gusa ucyeguriwe ahitamo kureka igura cyangwa gusaba ko igice gisigaye cyagenerwa agaciro hagereranijwe n'uko ikintu cyanganaga.

Umutwe 3. IBYEREKEYE ISNHINGANO Z'UMUGURISHA

Icyiciro 1. Amategeko rusange.

Ingingo: 279
Umugurisha agomba gusobanurira mu buryo bwumvikana inshingano ze. Amasezerano yose atumvikana cyangwa adasobanutse, asobanurwa mu buryo bubangamiye umugurisha.

Ingingo: 280
Umugurisha afite inshingano z'ingenzi : gutanga ikintu agurishije no kucyishingira.

Icyiciro 2. Ibyerekeye ugushyikiriza

Ingingo: 281
Ugushyikiriza ni ugutwara ikintu cyagurishijwe cyikajya mu bubasha no mu butunzi by'umuguzi.

Ingingo: 282
Inshingano yo gushyikiriza ibitimukanwa iba yuzuye ku ruhande rw'umugurisha iyo atanze imfunguzo, niba ari inyubako cyangwa iyo yatanze impapuro zigaragaza nyir'ikintu.

Ingingo: 283
Ugushyikirizwa ibyimukanwa kuba :

- cyangwa hakozwe itangwa nyakuri ry'ikintu;
- cyangwa hatanzwe imfunguzo z'inyubako birimo;
- cyangwa hakurikijwe gusa ukwemera kw'abagiranye amasezerano, iyo ugutangwa kw'ikintu kudashobora kuba ku umunsi w'igurisha cyangwa se ugura yari asanzwe agifite ku buryo ubwo aribwo bwose.

Ingingo: 284
Ugushyikirizwa ibidafatika gukorwa haba mu gutanga impapuro zibyerekana haba icyo umuguzi yabikoresha cyemewe n'umugurisha.

Ingingo: 285
Amafaranga yose y'ishyikirizwa ry'ikintu abazwa umugurisha naho ayo kugitwara akabazwa umuguzi kereka iyo hagize ukundi babigena.

Ingingo: 286
Ugushyikirizwa ikintu kugomba kubera aho ikigurishwa cyari kiri igihe cy'igurisha kereka iyo hari ahandi humvikanyweho.

Ingingo: 287
Iyo umugurisha adatanze icyagurishijwe mu gihe abagiranye amasezerano bumvikanyeho, ugura ashobora guhitamo gusaba ko amasezerano y'igurisha aseswa cyangwa guhabwa ubutunzi bwacyo, iyo ubukererwe buturuka gusa ku migirire y'umugurisha.

Ingingo: 288
Ibyo aribyo byose umugurisha agomba gutegekwa gutanga indishyi iyo umuguzi agize igihombo gituruka kukudashyikirizwa icyo yaguze mu gihe cyumvikanyweho.

Ingingo: 289
Umugurisha ntahatirwa gutanga ikintu iyo umuguzi atacyishyuye kandi umugurisha ataramuhaye igihe cyo kwishyura.

Ingingo: 290
Ntanategekwa nabwo gutanga ikintu, n'ubwo yaba yaratanze igihe cyo kwishyura, niba, kuva igihe cy'igurisha, umuguzi yarahombye cyangwa atagishoboye kwishyura imyenda yafashe ku buryo umugurisha yumva yugarijwe n'ingorane zo kubura ikiguzi keretse iyo umuguzi amuhaye umwishingire ugomba kumwishyura igihe kirangiye.

Ingingo: 291
Icyagurishijwe kigomba gutangwa uko cyari kimeze igihe cy'igurisha. Kuva uwo munsi umusaruro wacyo uba uw'ugomba kucyegurirwa.

Ingingo: 292
Inshingano yo gushyikiriza icyagurishijwe irimo no gutanga ingereka zacyo n'ibindi byose byagenewe ikoreshwa ryacyo rihoraho.

Ingingo: 293
Umugurisha ategetswe gushyikiriza ibyaguzwe byuzuye nkuko biteganijwe mu masezerano haseguriwe ibishobora guhinduka bikubiye mu ngingo zikurikira.

Ingingo: 294
Iyo igurisha ry'ikitimukanwa ryabaye herekanywe ibirimo uko bingana, hakurikijwe ingero runaka, umugurisha agomba gushyikiriza umuguzi, mu gihe abitegetse, ibintu byose bivugwa mu masezerano .

Iyo kandi bidashoboka cyangwa se iyo umuguzi atabitegetse, umugurisha agomba gutakaza amafaranga agereranijwe n'ikiguzi.

Ingingo: 295
Iyo, ibiri amambu, mu buryo bwateganijwe n'ingingo zibanziriza iyi habonetse ibiruta ubwinshi ibivugwa mu masezerano, nyirukwegurirwa ibintu ahitamo gutanga inyongera y'ikiguzi cyangwa kureka amasezerano, niba ibirengaho ari kimwe cya makumyabiri hejuru y'ingano y'ibyavuzwe.

Ingingo: 296
Mu bindi bihe byose,
- byaba igura rigizwe n'ikintu kidashidikanywaho kandi kigunnye;
- byaba rigamije amasambu adasa kandi atandukanye;
- byaba se ritangizwa n'ipima cyangwa se iyerekana ry'ikigurishwa n'ipimwa ryacyo;

isobanura ry'igipimo ntiryongera na busa igiciro gihabwa umugurisha ku kirenga cy'icyapimwe kandi ntirigabanyiriza umuguzi na busa igiciro iyo icyo bapimye kibaye gito, mu gihe gusa ikinyuranyo cy'igipimo babonye n'icyavuzwe mu masezerano ari icya makumyabiri cyangwa kigabanuka bagereranije n'agaciro kose k'ibyagurishijwe, keretse byavuzwe ukundi.

Ingingo: 297
Hakurikijwe ingingo ibanziriza iyi, mu gihe bibaye ngombwa ko igiciro cyongerwa kubera ibirenga ku byo bapimye, ahitamo kureka amasezerano cyangwa gutanga ikiguzi kirenga, kandi ibyo byakorwa atanze inyungu niba yahamanye ikitimukanwa.

Ingingo: 298
Mu bihe byose ugomba kwegurirwa ikintu afite uburenganzira bwo kureka amasezerano, umugurisha agomba kumusubiza uretse amafaranga y'ikiguzi, niba yarayakiriye, amafaranga y'amasezerano.

Ingingo: 299
Ikirego cy'umugurisha kigamije kwaka inyongera y'ikiguzi n'ikirego cy' umuguzi kigamije

gusaba kugabanya ikiguzi cyangwa iseswa ry'amasezerano bitangwa mu gihe cy'umwaka ubarwa kuva ku munsi w'amasezerano, bitabaye ibyo, bene ibyo birego batakaza ubwo burenganzira.

Ingingo: 300
Niba haragurishijwe amasambu abiri hakurikijwe amasezerano amwe rukumbi, hagatangwa igiciro kimwe gusa berekana ingero za buri sambu kandi isambu imwe ikaba irimo ibintu biburaho indi irimo ibirengaho, hakorwa ihwanya kugeza kubizirimo; kandi ikirego kigamije gusaba ibirenga ku kiguzi cyangwa kugabanya ibirengaho gikurikiza gusa amategeko avugwa mu ngingo zibanza.

Ingingo: 301
Ikibazo cyo kumenya niba itakara cyangwa iyangirika ry'ikintu cyagurishijwe ariko kitari cyashyikirizwa undi rizabazwa umugurisha cyangwa umuguzi gikemurwa hakurikijwe amategeko ateganywa mu nteruro: Ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano muri rusange.

Icyiciro 3. Ibyerekeye ubwishingire.

Ingingo: 302
Ubwishingire umugurisha agomba umuguzi bugamije ibintu bibiri: icya mbere ni ubutunzi budahungabanywa bw'icyaguzwe, icya kabiri, ni ukwishingira inenge zacyo zihishe n'inenge nsesa¬masezerano.

1. Ibyerekeye ubwishingire mu gihe umuguzi yambuwe icyo yaguze.

Ingingo: 303
Niyo mu gihe cy'igurisha nta cyavuzwe ku byerekeye ubwishingire, umugurisha agomba kubw'amategeko kwishingira ko umuguzi atazamburwa icyo yaguze cyaba cyose cyangwa igice cyacyo, cyangwa ko nta myenda yaba ikivugwaho ariko itigeze itangazwa mu gihe cy'igurisha.

Ingingo: 304
Hakurikijwe amasezerano yihariye, abagiranye amasezerano bashobora kwongera cyangwa bakagabanya inkurikizi zituruka kuri ubwo bwishingire bugenwa n'amategeko; bashobora ndetse guteganya ko umugurisha nta bwishingire nabusa agomba kubazwa.

Ingingo: 305
N'ubwo byavugwa ko umugurisha nta bwishingire na busa azabazwa, akomeza nyamara kubazwa ubwishingire bukomoka ku bikorwa bye bwite: andi masezerano yose anyuranije ni impfa-busa.

Ingingo: 306
Mu gihe nanone byavuzwe ko umugurisha nta bwishingire abazwa, iyo umuguzi avukijwe uburenganzira bwe ku cyo yaguze, umugurisha agomba gusubiza amafaranga y'ikiguzi, keretse iyo uweguriwe ikintu yari azi ko ashobora kucyamburwa igihe yaguraga cyangwa yaraguze

yemera n’ingaruka zose.

Ingingo: 307
Mu gihe ubwishingire bwasezeranijwe cyangwa se ntacyo bwavuzweho, iyo uweguriwe ikintu akivukijwe, afite uburenganzira bwo gusaba umugurisha ibi bikurikira:

1. gusubizwa amafaranga y'ikiguzi;
2. gusubiza umusaruro mu gihe umuguzi ategetswe na we kuwusubiza nyir’ikintu ukimwambuye;
3. amafaranga yatanzwe ku kirego cy'umuguzi gishingiye ku bwishingire n'ayatanzwe ku kirego cy'ibanze;
4. hanyuma indishyi n'andi mafaranga yose adakabije yatanzwe ku masezerano,

Ingingo: 308
Niba mu gihe umuguzi yamburwaga ikintu cyaratakaje agaciro kacyo cyangwa cyarangiritse bikabije byaba biturutse ku mwete muke w’umuguzi, byaba biturutse ku mpanuka zitunguranye, umugurisha ntabura gusubiza amafaranga yose y’ikiguzi.

Ingingo: 309
Ariko iyo umuguzi yavanye inyungu muri iryo yangirika ryamuturutseho, umugurisha afite uburenganzira bwo kugabanya ku giciro amafaranga angana n’izo nyungu.

Ingingo: 310
Niba ikiguzi cy’icyagurishijwe cyiyongereye igihe uwakiguze yakivutswaga, hatitawe kucyo uwacyeguriwe yakoze, umugurisha agomba kumwishyura amafaranga ahwanye n’agaciro kacyo karenga ako cyari gifite igihe cy’igurisha.

Ingingo: 311
Umugurisha agomba kwishyura cyangwa agasaba ko umuguzi yishyurwa n’umuvutsa ibyo yatanze ku isambu by’ingirakamaro ayisana anayongerera agaciro.

Ingingo: 312
Iyo umugurisha yagurishije ku buryarya isambu y’undi muntu, agomba kwishyura uwari warayeguriwe amafaranga yose yatanze kuri iyo sambu, ndetse n’ay’umurimbo.

Ingingo: 313
Iyo umuguzi yambuwe gusa igice cy’ikintu kandi bikaba bigaragara ko atari kugura na busa iyo icyo gice avukijwe kitaza kubamo, ashobora gusaba ko amasezerano y’igurisha aseswa.

Ingingo: 314
Iyo amasezerano adasheshwe mu gihe uwaguze isambu yavukijwe igice kimwe cyayo, asubizwa agaciro k’igice yavukijwe kagenwa igihe acyamburiwe, hadakurikijwe umugabane w’igice yambuwe ku kiguzi cyose, n’ubwo ikintu cyagurishijwe cyaba cyarongereye cyangwa cyarataye agaciro.

Ingingo: 315
Iyo umurage wagurishijwe undi muntu awufiteho uburenganzira butagaragara kandi butigeze bumenyeshwa igihe cy'igurisha, ubwo burenganzira bukaba bufite agaciro ku buryo iyo umuguzi aza kubimenyeshwa atari kugura, ashobora gusaba ko amasezerano aseswa niba atishimira ko bamuha amafaranga y'indishyi gusa.

Ingingo: 316
Ibindi bibazo byose bishobora guturuka ku ndishyi umuguzi ashobora kwaka kubera ko amasezerano y'igurisha atubahirijwe bigomba gukemurwa hakurikijwe amategeko rusange ateganijwe mu nteruro: ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano muri rusange.

Ingingo: 317
Ubwishingire bw'uko uwaguze ikintu atazakivutswa buhagarara iyo umuguzi atsinzwe n'urubanza mu rwego rwa nyuma cyangwa iyo ubujurire bwe butacyakiriwe atarigeze asaba ko umugurisha aza mu rubanza mu gihe uyu yerekana ko hari ingingo zihagije kugirango ikirego cy'umuguzi kitakirwa.

2. Ibyerekeye inenge z'icyagurishijwe.

Ingingo: 318
Umugurisha agomba kwishingira inenge zihishe z'icyo agurishije zituma kitakoreshwa icyo cyagenewe cyangwa zituma imikoreshereze yacyo igabanuka ku buryo umuguzi atashoboraga kukigura cyangwa se yashoboraga kagitangaho amafaranga make iyo aza kuzimenya.

Ingingo: 319
.- Umugurisha ntiyishingira inenge zigaragara kandi umuguzi nawe ubwe yabonye kandi yemeye

Ingingo: 320
Umugurisha yishingira inenge zihishe niyo yaba atari azizi keretse iyo byavuzwe ko nta bwishingire na busa agomba.

Ingingo: 321
Mu bihe byateganijwe n'ingingo ya 318 n'iya 320, umuguzi ahitamo gusubiza ikintu agasubizwa amafaranga yatanze cyangwa se kugihamana agasubizwa igice cy'ayo yatanze nk'uko kizagenwa n'abahanga.

Ingingo: 322
Niba umugurisha yari azi inenge z'ikintu, uretse gusubiza ikiguzi cy'ikintu yakiriye, agomba guha umuguzi indishyi zose.

Ingingo: 323
Niba umugurisha atarazi inenge z'ikintu, umugurisha azasubiza gusa umuguzi igiciro akanamwishyura andi mafaranga aturuka kuri iryo gurisha.

Ingingo: 324
Niba ikintu cyari gifite inenge cyangiritse kubera ububi bwacyo, iyangirika ryacyo riharirwa umugurisha ugomba gusubiza umuguzi amafaranga yagitanzeho n'izindi ndishyi zisobanurwa mu ngingo ebyiri zibanza. Ariko iyangirika ribaye kubera impamvu zitunguranye riharirwa umuguzi.

Ingingo: 325
Ikirego gishingiye ku nenge nsesamasezerano gitangwa n'umuguzi mu minsi mirongo itandatu hatabariwemo umunsi wo kugishyikirizwa.

Ingingo: 326
Icyo kirego ntikibaho mu magurisha akozwe hakurikijwe icyemezo cy'inkiko.

Umutwe 4. IBYEREKEYE INSHINGANO Z'UMUGUZI

Ingingo: 327
Inshingano y'ibanze y'umuguzi ni ukwishyura igiciro ku munsi n'ahantu amasezerano y'igurisha ateganya

Ingingo: 328
Iyo ntacyigeze giteganywa mu gihe cy'igurisha, umuguzi agomba kwishyurira ahantu no mu gihe bamushyikirije icyo yaguze.

Ingingo: 329
Umuguzi agomba gutanga inyungu ku kiguzi kugeza igihe azishyurira icyo kiguzi muri ubu buryo uko ari butatu:

- iyo ari ko byumvikanyweho igihe cy'igurisha;
- iyo icyagurishijwe kikanashyikirizwa uwakiguze cyabyaye umusaruro cyangwa izindi nyungu;
- iyo umuguzi yihanangirijwe ko agomba kwishyura.

Muri ubwo buryo bwanyuma, zitangira kubarwa umunsi bamwihanangirijeho.

Ingingo: 330
Iyo umuguzi adurumbanijwe cyangwa afite impamvu zo gutinya ko yadurumbanywa n'ikirego, cyaba gishingiye ku bw'ibitimukanwa cyaba se ugusubiza iby'abandi, ashobora gusubika iyishyura ry'igiciro kugeza igihe azahagarikishiriza iryo durunbanywa, niba adahitamo gutanga ubwishingire cyangwa se hakaba harateganijwe ko umuguzi azishyura niyo habaho idurumbanywa.

Ingingo: 331
Iyo umuguzi atishyuye ikiguzi umugurisha ashobora gusaba ko amasezerano y'igurisha aseswa.

Ingingo: 332

Iseswa ry'igurisha ry'ibitimukanwa ritegekwa ako kanya iyo umuguzi afite impungenge zo kubura ikintu n'ikiguzi.

Ariko iyo izo mpungenge zitariho, urukiko rushobora guha umuguzi igihe cyo kwishyura kigereranije, hakurikijwe uko ibintu bimeze.
Iyo igihe yahawe gishize atarishyura , iseswa ry'igurisha riremezwa.

Ingingo: 333
Iyo byavuzwe mu gihe cy'igurisha ry'ibitimukanwa ko, niba umuguzi atishyuye mu gihe cyemeranijweho, igurishwa rizaseswa nta rubanza, ntibyabuza uwaguze kwishyura nyuma y'igihe bahanye, niba atarandikiwe ibaruwa imutotera kwishyura: ariko nyuma y'iyo baruwa imutotera kwishyura, urukiko ntirwarengaho ngo rumwongerere ikindi gihe.

Ingingo: 334
Kubyerekeye igurisha ry'ibiribwa n'iry'ibintu byimukanwa, iseswa ry'igurisha riba nta shiti, nta no kwihanangiriza, kandi rikagirira umugurisha akamaro, iyo igihe bahanye cyo gutwara ibyaguzwe kirenze.

Umutwe 5. IBYEREKEYE UBUBASHA BWO KUGURURA

Ingingo: 335
Uretse impamvu nteshagaciro cyangwa nsesamasezerano zasobanuwe muri iyi nteruro, n'izindi zihuriweho n'amasezerano yose, amasezerano y'igurisha ashobora guseswa hakoreshejwe ububasha bwo kugurura.

Ingingo: 336
Ububasha bwo kugurura ni amasezerano atuma umugurisha yiteganyiriza gusubirana icyo yagurishije mu gihe asubije ikiguzi, akanishyura amafaranga avugwa mu ngingo ya 349.

Ingingo: 337
Ububasha bwo kugurura ntibushobora guteganywa mu gihe kirenze imyaka itanu.
Iyo bwateganyijwe mu gihe kirenze icyo, busubizwa ku myaka itanu.

Ingingo: 338
Igihe cyateganijwe ntikirengwa, ndetse n'urukiko ntirushobora kucyongera.

Ingingo: 339
Iyo uwagurishije ataregeye ububasha bwo kugurura mu gihe gitegetswe, umuguzi akomeza kuba nyir’ibintu udakuka..

Ingingo: 340
Mu gihe habaye iguruza ry’ikitimukanwa, umugurisha ufite ububasha bwo kugurura ashobora gusaba umuguzi wa kabili kukimusubiza.

Ingingo: 341
Umuguzi w'ikintu gishobora kugururwa akurikirana uburenganzira bwose bw'uwamugurishije : ashobora kwegukana ubwo burenganzira kubw'ubuzime bw'ikirego cyatangwa na nyir’ikintu cyangwa abibwira ko bafite uburenganzira cyangwa ingwate ku cyagurishijwe.

Ingingo: 342
Ashobora gusaba ko uwamugurishije ikintu abereyemo imyenda babanza bakareba niba ubwishyu butava mu mutungo w'uwo wamugurishije.

Ingingo: 343
Iyo umuguzi w'igice cy'ibitimukanwa ariko gishobora kugururwa yegukanye ibyo bintu byose mu cyamunara cyashojwe n'abandi, ashobora guhatira umugurisha gufata byose mu gihe ashaka kugurura.

Ingingo: 344
Iyo abantu benshi bagurishirije umutungo utimukanwa bafatanije, bigakorwa mu masezerano amwe, buri wese ashobora kuguruza gusa ku gice cye.

Ingingo: 345
Ni nako bigenda iyo uwagurishije wenyine umutungo utimukanwa yasize abawusangiye benshi. Buri wese mu bafatanije uwo mutungo ashobora kugurura gusa igice ahabwa n'izungura.

Ingingo: 346
Icyakora, mu bihe biteganywa n’ingingo ebyiri zibanziriza iyi, umuguzi ashobora gutegeka ko abafatanije igurisha n'abafatanije uwo mutungo baregwa ngo bumvikane hagati yabo ibyerekeye isubirana ry'umutungo. Kandi iyo batumvikanye, umuguzi aratsindwa..

Ingingo: 347
Iyo igurisha ry'umutungo ufatanijwe na benshi ritakozwe ingunga imwe, kandi ryerekeye umutungo wose, buri wese akagurisha ahe, bashobora kugurura batandukanye, buri wese ku mugabane yari afite. Kandi umuguzi ntashobora guhatira uzagurura kuri ubwo buryo gufata byose.

Ingingo: 348
Iyo umuguzi yasize abamuzungura benshi, uburenganzira bwo kugurura bukoreshwa kuri buri wese gusa ku mugabane we, mu gihe ugisangiwe, no mu gihe icyagurishijwe cyagabanywe hagati yabo.

Ariko umurage wagabanijwe kandi icyagurishijwe kigaherera mu mugabane w'umwe mu bazunguye, uburenganzira bwo kugurura bushobora gukoreshwa kuri uwo ku mutungo we wose.

Ingingo: 349
Ugurisha ukoresha ububasha bwo kugurura agomba gusubiza, uretse ikiguzi cy'ibanze, andi

mafaranga yose adakabije yagiye ku igurisha, ayatanzwe kw'isana rya ngombwa n'andi yose agamije kongerera isambu agaciro kugeza kuri iyo nyongera. Ahabwa ubutunzi bw'ibyo bintu gusa iyo amaze kuzuza izo nshingano.

Iyo umugurisha yongeye kubona umutungo utimukanwa we kubw'igurura, awusubirana utariho na busa imyenda n'ubugwate umuguzi yaba yarawushyizeho; agomba kubahiriza amasezerano y'ubukode yakozwe nta buriganya.

Umutwe 6. IBYEREKEYE IGURISHAGABANYA RY'IBINTU RUSANGE

Ingingo: 350
Iyo umutungo rusange udashobora kugabanywa ku buryo busanzwe kandi utangiritse; cyangwa iyo abasangiye umutungo biyemeje kuwugabana ariko hagasigara igice bose badashobora cyangwa badashaka gutwara, icyo gice kigurishwa cyamunara maze ikivuyemo bakakigabana.

Ingingo: 351
Buri muntu mu bafatanije umutungo ashobora gusaba ko abo badafatanije bahamagarwa kugira ngo nabo bigurire mu cyamunara.

Umutwe 7. IBYEREKEYE KWEGURIRA UNDI UMWENDA N'UBUNDI BURENGANZIRA BUDAFATIKA

Ingingo: 352
Mu kwegurira undi umwenda, uburenganzira cyangwa uburenganzira bwo kwikurikiranira undi, bikorwa ubitanze yegurira ubihawe inyandiko gihamya.

Ingingo: 353
Uweguriwe umwenda aba nyirawo imbere y'abandi bose iyo amaze kumenyesha uwurimo ko yaweguriwe.

Nyamara uweguriwe umwenda ashobora nabwo kwemererwa ko ariwe waweguriwe mu gihe uwurimo abyemeye mu nyandiko-mvaho.

Ingingo: 354
Niba, mbere y'uko uweguye umwenda cyangwa uwaweguriwe amenyesha uwurimo iyegurwa ryawo, uyu yari yarishyuye uwaweguye, aba avarutse nawo.

Ingingo: 355
Igurisha cyangwa iyegurwa ry'umwenda rikubiyemo ibiwushamikiyeho byose, nk'ubwishingire, n'ubugwate ku bitimukanwa..

Ingingo: 356
Ugurisha umwenda cyangwa ubundi burenganzira budafatika agomba kwishingira ko uwo mwenda uriho koko igihe cyo kuwegurira undi, n'ubwo byakorwa nta bwishingire.

Ingingo: 357
Abazwa iby'ubushobozi bwo kwishyura bw'urimo umwenda gusa iyo yabyishingiye kandi kugeza gusa ku kiguzi yavanye mu mwenda we.

Ingingo: 358
Iyo yasezeranije ubwishingire bw’uko urimo umwenda azashobora kuwishyura, iryo sezerana rireba gusa ubushobozi bw’icyo gihe. Ntabwo bureba igihe kizaza iyo uweguye umwenda atabivuze ku buryo bweruye.

Ingingo: 359
Ugurisha umurage atarondoye ibiwugize yishingira gusa ko ariwe warazwe.

Ingingo: 360
Niba hari umusaruro yavanye mu isambu runaka cyangwa yarakiriye amafaranga y'umwenda uyu n'uyu ugize umurage, cyangwa yaragurishije ibintu bimwe na bimwe mu byo yazunguye,agomba kubyishyura umuguzi niba atarabiseguriye ku buryo bweruye igihe cy'igurisha.

Ingingo: 361
Umuguzi agomba, ku ruhande rwe, kwishyura umugurisha ibyo yatanze yishyura imyenda yari ku byo yazunguye, no kumuha ibyo yagombaga kwishyurwa byose, niba nta kundi byateganijwe.

Ingingo: 362
Uwo batangiye uburenganzira yari akiburana ashobora gusaba uwabweguriwe ko izo mpaka zarangira, amwishyura ikiguzi nyakuri yabweguriweho, hamwe n'amafaranga yose adakabije yatanze ndetse n'inyungu zibarwa kuva umunsi uweguriwe uburenganzira yabwishyuriye.

Ingingo: 363
Ikintu kiba kirimo impaka iyo kiri mu rubanza cyangwa hari impaka zikigibwa ku burenganzira bwacyo.

Ingingo: 364
Ibivugwa mu ngingo ya 362 birangira:

1. iyo iyegurirwa rikorewe umwe mu bafatanije umurage cyangwa umwe mu basangiye uburenganzira bweguwe;
2. iyo iyegurirwa rikorewe uberewemo umwenda yishyurwa ibyo agombwa;
3. iyo iyegurirwa rikorewe utunze umutungo ugibwaho impaka.

Interuro 4. ibyerekeye ubugurane

Ingingo: 365
Ubugurane ni amasezerano abantu bagirana igihe bagurana ikintu n'ikindi.

Ingingo: 366
Ubugurane bukorwa n'ukwemera kw'ababugiranye nk'uko bigenda mu igurisha.

Ingingo: 367
Iyo umwe mu baguranye yakiriye ikintu yaguraniwe kandi akagaragaza nyuma ko uwo bagiranye amasezerano atariwe nyir'ikintu, ntashobora guhatirwa gutanga nawe icyo yasezeranije mu igurana, ahubwo ahatirwa gusa gusubiza icyo yakiriye.

Ingingo: 368
Uwaguranye uvukijwe ikintu cy'ingurane yakiriye, ahitamo kwaka indishyi cyangwa gusubizwa icyo yatanze mu bugurane.

Ingingo: 369
Amategeko agenga amasezerano y'igurisha akurikizwa no ku masezerano y'ubugurane.

Interuro 5. Amasezerano y'ubukode

Umutwe 1. AMATEGEKO RUSANGE

Ingingo: 370
Habaho amoko abiri y'amasezerano y'ubukode :

- ubukode bw'ibintu
- n'amasezerano y'ubukozi

Ingingo: 371
Ubukode bw'ibintu ni amasezerano abantu bagirana umwe yiyemeza guha undi ikintu ngo agikoreshe mu gihe runaka kandi hagatangwa ikiguzi uwahawe ikintu yiyemeza kwishyura uwakimuhaye.

Ingingo: 372
Amasezerano y'ubukozi ni amasezerano umwe mu bayagiranye yiyemeza gukorera undi ikintu nawe akamwishyura ikiguzi bemeranijwe.

Umutwe 2. IBYEREKEYE UBUKODE BW'IBINTU

Ingingo: 373
Bashobora gukodesha ubwoko bwose bw'ibintu byimukanwa cyangwa bw' ibitimukanwa.

Icyiciro 1. Ibyerekeye amategeko rusange ku bukode bw

Ingingo: 374

Ubukode nta buryo ubu n’ubu buteganywa bugomba gukorwamo. Buba bwuzuye hagati y'ababugiranye igihe bumvikanye ku gikodeshwa no ku kiguzi. Inyandiko ibukorewe iba gusa ikimenyetso cyabwo. Amategeko rusange yerekeye ibimenyetso akurikizwa no ku byerekeranye ubukode.

Ingingo: 375
Umukode afite uburenganzira bwo gukodesha n'abandi, kwegurira undi uburenganzira bwe kucyakodeshejwe, niba ubwo bubasha atabubujijwe.
Ubwo bubasha ashobora kububuzwa bwose cyangwa igice cyabwo.
Iyi ngingo igomba kugaragazwa byanze bikunze mu masezerano.

Ingingo: 376
Nyirugukodesha agomba hakurikijwe uko amasezerano ateye, bitanagombye kuyateganywamo:

1. guha umukode icyakodeshejwe;
2. gufata neza icyakodeshejwe kugira ngo kibere ubukode;
3. kureka umukode akababaho mu mudendezo mu gihe cy'ubukode.

Ingingo: 377
Nyirugukodesha agomba gutanga icyakodeshejwe gisannye neza. Agomba kandi mu gihe cy'ubukode, gusana ibyangiritse byose kucyakodeshejwe bishobora kuba ngombwa, uretse ibigomba gukorwa n'umukode.

Ingingo: 378
Umukode agombwa ubwishingire ku nenge zose n'ibidakoze neza ku kintu cyakodeshejwe zibangamira imikoreshereze yacyo niyo nyirubukode yaba atarazimenye igihe bakodeshaga.
Iyo umukode agize ibyangirika bikomotse kuri izo nenge cyangwa ku bidakoze neza byose, nyirugukodesha agomba kubimuriha.

Ingingo: 379
Iyo, mu gihe cy'ubukode, icyakodeshejwe gisenywe cyose n'impamvu itunguranye, ubukode buraseswa nta rubanza; iyo gisenyutse igice gusa, umukode ashobora, akurikije uko ibintu bimeze, gusaba igabanywa ry’ikiguzi cy’ubukode, cyangwa iseswa ry'amasezerano. Muri ubwo buryo bwombi nta ndishyi zigomba gutangwa.

Ingingo: 380
Nyirugukodesha, ntashobora igihe ubukode bukiriho, guhindura isura y'icyakodeshejwe.

Ingingo: 381
Iyo, mu gihe cy'ubukode, icyakodeshejwe gikeneye gusanwa byihutirwa kandi bidashobora gutegereza ko ubukode burangira, umukode agomba kubyihanganira, uko byaba bimeze kose kabone n'iyo mu gihe icyakodeshejwe kirimo gisanwa, atabasha gukoresha igice kimwe cy'icyakodeshejwe.
Ariko niba iryo sana rimara iminsi irenze mirongo ine, igiciro cy'ubukode kiragabanywa hakurikijwe igihe n'ingano y'ahasanwaga atakoreshaga. Iyo imirimo ikorwa idatuma umukode

abasha gutura we m'umuryango we, ashobora gusaba ko amasezerano aseswa.

Ingingo: 382
Nyirugukodesha ntagomba kwishingira ibikorwa bya kiboko byaturuka ku bandi bantu byabuza umukode kuba mu nzu yakodesheje mu mudendezo, niyo nta burenganzira baba bafite kuri iyo nzu, gusa umukode ashobora kubikurikiranira mu rukiko ku giti cye.

Ingingo: 383
Nyamara, iyo umukode cyangwa uwatishije bajujubijwe n'ibikorwa bishingiye ku baburana icyakodeshejwe, bafite uburenganzira bwo kugabanyirizwa igiciro cy'ubukode cyangwa icyatamurima hakurikijwe icyo bahombye, icya ngombwa ni uko icyahungabanyije umudendezo wabo kiba cyaramenyeshejwe nyirugukodesha.

Ingingo: 384
Iyo abakoze ibikorwa bihutaza byoroshye bavuze ko bafite uruhare ku cyakodeshejwe, cyangwa iyo umukode ahamagawe mu rukiko kubera ko yafashe nabi icyakodeshejwe cyose cyangwa igice cyacyo, cyangwa ngo rumutegeke kwihanganira ibyashyirwa kucyo yakodesheje, agomba kwitabaza nyirugukodesha ngo amwishingire kandi agomba kuvanwa mu rubanza, iyo abisabye, akerekana nyirugukodesha atungiye ibintu.

Ingingo: 385
Umukode afite inshingano ebyiri z'ingenzi:

1.gukoresha icyakodeshejwe nk'inyangamugayo, kandi hakurikijwe icyo kigomba gukorerwamo cyangwa icyo kigenewe hakurikijwe uko icyakodeshejwe giteye niba nta giteganyijwe mu masezerano y'ubukode.
2. gutanga amafaranga y'ubukode mu gihe cyateganyijwe.

Ingingo: 386
Iyo umukode akoresheje icyakodeshejwe icyo kitari kigenewe cyangwa mu buryo bwatuma nyirugukodesha agira igihombo, nyirugukodesha ashobora, akurikije uko ibintu bimeze, gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubukode.

Ingingo: 387
Iyo nyirugukodesha n'umukode basuzumiye hamwe uko ibikodeshwa bimeze, umukode agomba gutanga icyakodeshejwe uko cyari kimeze acyakira, keretse icyasenyutse cyangwa icyononekaye kubera ubusaze cyangwa impamvu itunguranye ntarengwa.

Ingingo: 388
Iyo hatasuzumwe uko ibikodeshwa bimeze, umukode afatwa nk'aho yakiriye icyakodeshwaga kibereye ubukode kandi akazagitanga kimeze uko yagihawe keretse yerekanye ibimenyetso ko atari ko cyari kimeze.

Ingingo: 389
Umukode agomba kuryozwa ibyangiritse cyangwa ibyononekaye igihe yakodeshaga kereka

atanze ikimenyetso ko bitatewe n'ikosa rye.

Ingingo: 390
Aryozwa ibyatwikwa, keretse atanze ikimenyetso : ko iryo twika ryatewe n'impamvu itunguranye cyangwa impamvu itunguranye ntarengwa cyangwa inenge mu myubakire, cyangwa ko yashumitswe n'umuriro waturutse ku nzu zegeranye.

Ingingo: 391
Iyo hari abakode benshi, bose baba bafatanyije kuryozwa ibyangijwe n'inkongi y'umuriro : kereka berekanye ko umurimo waturutse mu nzu y'umwe muri bo, icyo gihe uwo waturutseho niwe wenyine ubiryozwa cyangwa bamwe muri bo berekanye ko inkongi y'umuriro idakomoka iwabo, icyo gihe ntacyo bagomba kuryozwa.

Ingingo: 392
Umukode yishingira ibyononekaye cyangwa ibyangijwe bikomotse kubo babana mu nzu cyangwa kubo yakodesheje nabo.

Ingingo: 393
Ubukode burangira nta rubanza iyo igihe cyateganyijwe kirangiye bitabaye ngombwa kubisaba. Iyo ubukode buzamara igihe kitazwi, burangizwa n’ugusezera k'umwe mu bagiranye amasezerano abibwiye undi ashingiye ku muco ukurikizwa mu karere.

Ingingo: 394
Iyo, amasezerano arangira nta rubanza agejeje igihe cyategenyijwe, umukode akaguma mu nzu kandi ayituye, arengeje igihe ntarengwa gitenganywa n'amasezerano, n'itegeko cyangwa kigenwa n'umuco, hatangira andi masezerano mashya ashingiye ku kwemera kuteruye kw'umukode na nyirugukodesha.

Ingingo: 395
Iyo habaye ugusezerera kwamenyeshejwe umukode niyo yaguma mu byo yakodesheje ntashobora kwitwaza ko amasezerano yakomeje ku buryo buteruye.

Ingingo: 396
Mu biteganyijwe n'ingingo ebyiri zibanziriza iyi, ingwate yatanzwe ku bukode ntishobora gukoreshwa mu masezerano y' inyongera.

Ingingo: 397
Amasezerano y'ubukode avanwaho iyo icyakodeshwaga cyangiritse, niyo nyirugukodesha cyangwa umukode batubahirije inshingano zabo.

Ingingo: 398
Amasezerano y'ubukode ntavanwaho n'urupfu rwa nyirugukodesha cyangwa urw'umukode.

Ingingo: 399

Iyo nyirugukodesha agurishije icyakodeshwaga, uwakiguze ntashobora kwirukana uwatishije cyangwa umukode ufite amasezerano yakozwe mu nyandiko¬mvaho kandi afite igihe kizwi, kereka ubwo burenganzira abuhabwa n'amasezerano y'ubukode.

Ingingo: 400
Iyo byumvikanyweho, igihe cy'amasezerano y'ubukode, ko niba igikodeshwa kigurishijwe ukiguze ashobora kwirukana uwatishije cyangwa umukode, kandi ntacyavuzwe ku byerekeye indishyi, nyirugukodesha agomba kuriha uwatishije cyangwa umukode mu buryo bukurikira.

Ingingo: 401
Iyo ari inzu, igice cy'inzu cyangwa iduka, nyirugukodesha ariha umukode wirukanwe, ku byerekeye indishyi, amafaranga angana n'ikode, mu gihe gitangwa hagati y'ugusezera no kuva mu gikodeshwa hakurikijwe uko biteganywa n'umuco w'aho igikodeshwa kiri.

Ingingo: 402
Iyo igikodeshwa ari isambu, indishyi nyirugukodesha agomba guha uwatisha ingana n'icya gatatu cy'ikode yari kuzatangwa kugeza igihe amasezerano azarangirira.

Ingingo: 403
Indishyi zibarwa n'abahanga, iyo ari inganda zikoreshwamo cyane cyane intoki, inganda cyangwa ibindi bigo bisaba amafaranga menshi y'avansi.

Ingingo: 404
Uweguriwe icyakodeshwaga agashaka gukoresha ububasha buteganywa n'amasezerano y'ubukode bwo gusezerera uwatishije cyangwa umukode, agomba. byongeyeho, kubimenyesha umukode mu gihe giteganywa aho hantu mu gusezera.

Agomba kandi kubimenyesha uwatisha nibura hasigaye igihe cy'umwaka.

Ingingo: 405
Abatisha cyangwa abakode ntibashobora kwirukanwa mu byo bakodesha nta ndishyi nk'uko zisobanuwe haruguru bahawe na nyirugukodesha, cyangwa atabonetse, n'uwo yabyeguriye.

Ingingo: 406
Iyo amasezerano y'ubukode atakozwe mu nyandiko-mvaho, cyangwa adafite itariki izwi, uweguriwe igikodeshwa nta ndishyi agomba gutanga.

Ingingo: 407
Uweguriwe igikodeshwa gishobora kugururwa ntashobora gukoresha ububasha bwo kwirukana uwakodesheje kugeza ubwo, kubera irangira ry'igihe cyateganyirijwe ububasha bwo kugurura, nawe aba nyirikintu.

Icyiciro 2. Ibyerekeye amategeko yihariye y'ubukode

Ingingo: 408
Umukode udashyira ibikoresho bihagije mu nzu ashobora kwirukanwa, keretse atanze ingwate zihagije zashobora kwishyura ikode.

Ingingo: 409
Uwakodesheje n'umukode agomba gusa kwishyura nyir'inzu amafaranga yemeye akodesha yakwishyuzwa igihe ibintu bye byafatiriwe, kandi ntashobora kwitwaza ko yarishye ubukode bwose mbere y'igihe.

Ubwishyu bwatanzwe n'uwakodesheje n'umukode, bwaba bushingiye ku ngingo yashyizwe mu masezerano y'ubukode, bwaba bushingiye ku muco ukurikizwa aho igikodeshwa kiri, ntibushobora gufatwa nk'aho bwakozwe mbere.

Ingingo: 410
Ibisanwa bishingiye ku bukode cyangwa utundi dukorwa duto dutuma inzu itangirika umukode ategekwa gukora , niba nta ngingo ibivuguruza, bishingira ku muco ukurikizwa aho igikodeshwa kiri.

Ingingo: 411
Nta cyangiritse kigomba gusanwa n'abakode, cyaratewe n'ubusaze cyangwa n'impamvu itunguranye ntarengwa.

Ingingo: 412
Ubukode bw'igice cy'inzu kirimo ibikoresho bufatwa nk'aho bubarirwa ku mwaka, iyo buteganya ikode runaka ku mwaka; ku kwezi iyo buteganya ikode runaka ku kwezi ; ku munsi, iyo buteganya ikode runaka ku munsi;

Iyo ntacyerekana ko ubukode buteganya ikode runaka ku mwaka, ku kwezi cyangwa ku munsi, ubukode bufatwa nk'aho bwakozwe hakurikijwe umuco w'aho igikodeshwa kiri.

Ingingo: 413
Iyo umukode w'inzu cyangwa w'igice cyayo akomeje kuyibamo nyuma y'igihe cyateganyijwe n'amasezerano y'ubukode, afatwa nk'aho ahamye muri iyo nzu mu buryo bumwe nk'ubwa mbere kumara igihe giteganywa n'umuco w'aho iyo nzu iri kandi ntashobora kuvamo cyangwa kwirukanwamo hatabaye isezererwa rikozwe hakurikijwe ibiteganywa n'umuco w'aho inzu iri.

Ingingo: 414
Iyo habaye iseswa ry'amasezerano riturutse ku ikosa ry'umukode, uyu agomba kwishyura amafaranga y'ubukode igihe cya ngombwa kugira ngo inzu yongere ibone umukode, bitabujije no gutanga indishyi zikomoka ku kwica amasezerano.

Ingingo: 415
Nyirugukodesha ntashobora gusesa amasezerano y'ubukode n'iyo yaba ubwe ashaka gutura muri iyo nzu ikodeshwa, kereka byarateganyijwe mu masezerano.

Ingingo: 416
Iyo byateganyijwe mu masezerano y'ubukode ko nyirugukodesha ashobora kuza gutura mu nzu ye, nabwo agomba kumenyesha mbere abakode ko abasezereye akurikije ibihe biteganywa n'umuco w'aho igikodeshwa kiri.

Icyiciro 3. Ibyerekeye amategeko yihariye yerekeye ukwatisha

Ingingo: 417
Iyo uwatishije imirima adashyizemo amatungo n'ibikoresho bya ngombwa mu kuyikoreramo ibikorwa, iyo aretse kuyihinga, iyo adahinze nk'inyangamugayo, iyo ayikoresheje ibindi binyuranye n'ibyo yateganyirijwe, cyangwa, muri rusange, iyo atubahirije amasezerano y'ukwatisha kandi bigatera igihombo nyirugukodesha, uyu ashobora, hakurikijwe uko ibintu bimeze, gusaba ko amasezerano yo kwatisha aseswa.

Iyo amasezerano asheshwe kubera impamvu iturutse k'uwatishije, uyu niwe ugomba kwishyura indishyi.

Ingingo: 418
Uwatishije umurima agomba guhunika ahabigenewe uko amasezerano abiteganya,

Ingingo: 419
Uwatishije umurima agomba, kugira ngo adacibwa amafaranga y'amagarama cyangwa indishyi, kubwira nyirugukodesha ibikorwa byose bigamije kumurengera.

Ingingo: 420
Iyo ukwatisha kumara imyaka nyinshi kandi, mu gihe cy'ukwatisha, ibisarurwa byose cyangwa icyakabiri cyabyo cyangijwe n'impamvu itunguranye uwatishije ashobora gusaba gusubizwa icyatamurima yatanze, kereka niba ibi bibanziriza ibyo bishobora kumubera indishyi.
Niba atabonye indishyi, ibyo agomba gusubizwa bibarwa amasezerano yo kwatisha arangiye, kandi icyo gihe hakagereranywa umusaruro w'imyaka yose yamaze yatisha. Nyamara umucamanza ashobora, by'agateganyo, kudohorera uwatishije iyishyura ry'igice cy'icyatamurima kubera ko yarumbije.

Ingingo: 421
Iyo ukwata bimara umwaka kandi uwatishije agahomba umusaruro cyangwa icya kabiri cyawo nibura, azasonerwa kwishyura igice cy'icyatamurima kiri mu rugero rw'igihombo yagize.

Ntashobora gusaba kugabanyirizwa icyatamurima iyo igihombo kitageze ku cya kabiri cy'ibyo yari gusarura.

Ingingo: 422
Uwatishije ntashobora kugabanyirizwa icyatamurima iyo igihombo cy'umusaruro kibaye nyuma y'isarura, kereka iyo ukwatisha kugenera nyirugukodesha igice cy'umusaruro; muri icyo gihe nyirugukodesha nawe agomba kugabana na we igihombo, umukode apfa kuba atarihanangirijwe kumushyikiriza umugabane we w'umusaruro.

Uwatishije ntashobora kandi kugabanyirizwa icyatamurima iyo icyatumye arumbya cyariho kandi kizwi mu iyatisha.

Ingingo: 423
Uwatishije ashobora kwishyura n’iyo haboneka impamvu itunguranye iyo byavuzwe mu masezerano.

Ingingo: 424
Ibyo bivugwa mu masezerano byumvikana gusa ku mpamvu zitunguranye zisanzwe, nk'amahindu, inkubi y'umuyaga, inkuba. Ntibireba impamvu zitunguranye zidasanzwe, nk’imyuzure, ibitero by’intambara bidasanzwe biba mu gihugu, kereka uwatishije yaremeye impamvu zitunguranye zose zishobora guteganywa n'izidateganywa.

Ingingo: 425
Uwatishije ucyuye igihe agomba gusigira umusimbuye mu mirima, amacumbi akwiye n'ibya ngombwa byatuma imirimo y'umwaka ukurikira igenda neza; kandi umusimbuye nawe agomba kumuha icumbi n'ibigega bya ngombwa akeneye kugira ngo abikemo ibitunga amatungo n'imyaka ikiri mu mirima.

Ibyo aribyo byose bagomba gukurikiza umuco ukoreshwa mu karere umurima urimo.

Ingingo: 426
Ucyuye igihe agomba kandi gusiga ubwatsi n'ifumbire by'umwaka niba nawe yarabihawe igihe yatangiraga amasezerano yo kwatisha; kandi niyo atabihawe nyirugukodesha ashobora kubimwaka akurikije igereranya ryakozwe.

Umutwe 3. IBYEREKEYE AMASEZERANO Y'UBUKOZI

Ingingo: 427
Habaho amoko atatu y'ingenzi y'amasezerano y'ubukozi :

1. amasezerano y'ubukozi bw'abantu bakorera undi;
2. amasezerano y'abikorezi mu muhanda no mu mazi, biyemeje gutwara abantu cyangwa ibintu;
3. amasezerano y'ubwubatsi igihe hakozwe dovi cyangwa ibiciro by' ipiganwa.

Icyiciro 1. Ibyerekeye gukoresha abakozi bo mu rugo n 'ab 'imirimo y'amaboko

Ingingo: 428
Ugukorera undi imirimo biba gusa mu gihe cyangwa mu kigo runaka kizwi.

Icyiciro 2. Amasezerano y'ubukozi cyangwa y'akazi (...)

Ingingo: 429
Amasezerano y'ubukozi cyangwa y'akazi (...) agengwa n'itegeko ryihariye. (Reba igitabo

gikubiyemo amategeko agenga imirimo)

Icyiciro 3. Ibyerekeye abikorezi mu muhanda no mu mazi

Ingingo: 430
Abikorezi mu muhanda cyangwa mu mazi bakurikiza, mu kurinda no gufata neza ibyo bagomba gutwara, inshingano n'abacumbikira zimwe n’abacumbikira abandi mu cyaro ku kiguzi bavugwa mu nteruro yerekeye Ububitsi n'ukurinda iby'abandi biri mu mpaka.

Ingingo: 431
Ntibabazwa gusa ibyo bashyikirijwe mu bwato cyangwa mu modoka, babazwa kandi ibyo baherewe mu cyambu cyangwa mu mangazini ngo bishyirwe mu bwato cyangwa mu modoka.

Ingingo: 432
Baryozwa ibyo bahawe n'ibyangiritse, keretse berekanye ko byatakaye cyangwa ko byangiritse ku mpamvu itunguranye cyangwa itunguranye ntarengwa.

Ingingo: 433
Abagiranye na Leta amasezerano yo gukoresha ubwikorezi imodoka zayo, mu mihanda cyangwa mu mato ndetse n'abatwara imodoka za Leta zitwara n'ibintu, bagomba kugira igitabo cyandikwamo amafaranga, ibintu n'imizigo bahawe gutwara.

Icyiciro 4. Ibyerekeye dovi n 'ipiganwa mu biciro

Ingingo: 434
Iyo habaye amasezerano y'ubukozi, bashobora kwemeranwa ko azakora umurimo gusa cyangwa se ko azanazana n'ibikoresho.

Ingingo: 435
Iyo umukozi agomba no kwizanira ibikoresho, nyuma icyakozwe kigasenyuka kubera impamvu iyo ariyo yose, nyirukugikoresha ataracyakira, hihombera umukozi, keretse iyo uwakoresheje yihanangirijwe kwakira ibyakozwe.

Ingingo: 436
Iyo umukozi akoze umurimo gusa, nyuma icyakozwe kigasenyuka, aryozwa gusa ibyatewe n'amakosa ye.

Ingingo: 437
Iyo, nk'uko bivugwa mu ngingo ibanziriza iyi, icyakozwe gisenyutse bidaturutse ku ikosa ry'umukozi kandi umurimo utarashimwa n'uwawukorewe, kandi atarihanangirijwe kuza kuwugenzura, umukozi nta gihembo yaka namba, keretse iyo icyakozwe cyasenyutse kubera inenge zari mu bikoresho.

Ingingo: 438

Iyo ari inyubako irimo ibice byinshi cyangwa igomba gukorerwa ku bipimo, igenzura rishobora gukorwa kuri buri gice: riba ryitwa ko ryakorewe ibice byose iyo nyirugukoresha yishyuye umukozi amafaranga yasezeranye gutanga akurikije ibyakozwe uko bingana.

Ingingo: 439
Iyo inzu yubatswe ku ipatano isenyutse igice cyangwa yose bitewe n'inenge mu myubakire, cyangwa y'ubutaka yubatseho, abakora amapula y'inyubako n'abapataniye imirimo y'ubwubatsi babiryozwa mu gihe cy'imyaka cumi.

Ingingo: 440
Iyo ukora amapula y'inyubako cyangwa upatanira imirimo y'ubwubatsi yemeye kubaka inzu ku giciro cy'umubumbe ntarengwa, ashingiye ku ipula yahawe kandi bemeranijwe na nyirubutaka, ntashobora gusaba kwongera igiciro, yaba ashingiye ku myongerere y'ibihembo by'abakozi cyangwa y'ibiciro by'ibikoresho, yaba se ashingiye ku byahindutse cyangwa ku byiyongereye kuri iyo pula y'inzu, iyo ibyo bitatangiwe uruhusa rwanditse na nyirinzu, n'igiciro bemeranijwe na nyirinzu.

Ingingo: 441
Nyir'ibyubakwa ashobora gusesa, ku bushake bwe gusa, amasezerano yo gukora imirimo ku giciro cy'umubumbe ntarengwa, kabone n'iyo imirimo yaba yaratangiye, apfa kwishyura uwapataniye ubwubatsi amafaranga yatanze yose, imirimo yakoze yose n'ibyo yashoboraga kunguka muri iyo mirimo.

Ingingo: 442
Amasezerano y'ubukozi avanwaho n'urupfu rw'umukozi, rw'ukora amapula y'inyubako cyangwa rw'uwapataniye imirimo y'ubwubatsi.

Ingingo: 443
Ariko nyiribyubakwa ategetswe kwishyura ababazungura, ashingiye ku giciro kiri mu masezerano, hakurikijwe imirimo yakozwe, n'ibikoresho byateguwe, mu gihe gusa iyo mirimo n'ibyo bikoresho bishobora kumugirira akamaro.

Ingingo: 444
Uwapataniye imirimo y'ubwubatsi aryozwa amakosa y'abakozi akoresha.

Ingingo: 445
Abafundi, abubaka ibisenge by'amazu, n'abandi bakozi bakoreshejwe mu kubaka inzu cyangwa izindi nyubako zapataniwe, bashobora kurega nyiribyubakwa, ariko ntibashobora kurenza mu kirego cyabo umubare w'ibyo yari asigaje kwishyura uwapataniye imirimo y’ubwubatsi, ku munsi ikirego cyabo cyatangiweho.

Ingingo: 446
Abafundi, abubaka ibisenge by’amazu, abakora amaserire y'inzugi n'abandi bakozi bakora imirimo ku giciro cy’umubumbe ntarengwa, bubahiriza amategeko ateganywa n'iki cyiciro; bafatwa nk’abapataniye imirimo y'ubwubatsi ku gice cy'imirimo bakora.

Interuro 6. Ibyerekeye inguzanyo

Ingingo: 447
Habaho ubwoko bubiri bw'inguzanyo :

- iy'ibintu ushobora gukoresha utabitsembye;
- n'iy'ibintu ukoresha bigashira.

Ubwoko bwa mbere bwitwa ugutiza ikintu cyo gukoresha;
Ubwoko bwa kabiri bwitwa inguzanyo isanzwe.

Umutwe 1. IBYEREKEYE UGUTIZA IKINTU CYO GUKORESHA

Icyiciro 1. Ibyerekeye kamere y'ugutiza ikintu cyo gukoresha

Ingingo: 448
Ugutiza ikintu cyo gukoresha ni amasezerano umwe mu bayagiranye aha ikintu undi kugirango agikoreshe, ariko akaba afite inshingano zo kugisubiza arangije kugikoresha.

Ingingo: 449
Ugutiza ikintu cyo gukoresha biba ku buntu.

Ingingo: 450
Uwatije akomeza kuba nyir’ikintu cyatijwe.

Ingingo: 451
Ibintu byose byemewe ko bishobora kugurishwa, kandi ukoresha ntibihite bishira bishobora gutizwa.

Ingingo: 452
Ibyo abagiranye amasezerano yo gutiza ikintu cyo gukoresha biyemeje gukora bikomeza kubahirizwa n'abazungura uwatije kimwe n'abazungura uwatijwe.

Ariko niba umuntu yaratijwe kubera ko ari kanaka, ku giti cye bwite wenyine, muri icyo gihe abamuzunguye ntibashobora gukoresha ikintu cyatijwe.

Icyiciro 2. Ibyerekeye inshingano z'uwatijwe

Ingingo: 453
Uwatijwe ategetswe kurinda no gucunga neza ikintu yatijwe nk’inyangamugayo. Ntashobora kugikoresha ibyo kitagenewe gukora hakurikijwe kamere yacyo cyangwa se amasezerano: ibyo byose aramutse abirenzeho akaba yabitangira indishyi bibaye ngombwa.

Ingingo: 454

Iyo uwatijwe ikintu agikoresheje ibyo kitateganyirijwe, cyangwa se akagikoresha igihe kirenze icyo yagombaga kugikoreshamo, azakiryozwa kiramutse cyangiritse, kabone n'iyo cyaba kizize impamvu zitunguranye.

Ingingo: 455
Iyo ikintu cyatijwe cyangiritse kizize impamvu itunguranye ariko uwatijwe yashoboraga kuyikirinda akoresha icye bwite, cyangwa se, niba mu gihe yari afite guhitamo kimwe agomba kurinda kwangirika yarahisemo icye, uwatijwe aryozwa ikintu cy'abandi cyangiritse.

Ingingo: 456
Iyo mu gihe ikintu cyatizwaga cyari cyagenewe agaciro, iyo cyangiritse, kabone n'iyo byaba biturutse ku mpamvu itunguranye, kirihwa nuwatijwe, keretse byarateganyijwe ukundi mu masezerano.

Ingingo: 457
Iyo ikintu cyononekaye kubera ingaruka z'uko cyakoreshejwe gusa mubyo cyari cyatirijwe, kandi uwatijwe nta kosa na rimwe arangwaho, ntagomba kuryozwa iyononekara ry'icyo kintu.

Ingingo: 458
Uwatijwe ntashobora kugundira ikintu yatijwe yitwaje kwiriha ibyo uwamutije amugomba.

Ingingo: 459
Niba kugirango abone uko akoresha ikintu yatijwe, uwatijwe hari ibyo yagombye gutanga, ntashobora kubyishyuza.

Ingingo: 460
Niba abantu benshi barafatanyije gutira ikintu kimwe, bafatanya uburyozwe imbere y'uwabatije.

Icyiciro 3. Inshingano z'uwatije undi ikintu cyo gukoresha

Ingingo: 461
Uwatije undi ikintu cyo gukoresha ntashobora kucyambura uwatijwe igihe basezeranye kitarangiye, cyangwa se atarangije kugikoresha icyo yagitiriye, niba nta gihe runaka bateganyije mu masezerano.

Ingingo: 462
Nyamara ariko, niba muri icyo gihe cyateganyijwe, cyangwa mu gihe uwatijwe ikintu akigikeneye, uwatije agize impamvu yihutirwa kandi itunguranye ituma akenera ikintu cye, urukiko rushobora, rukurikije uko ibintu bimeze, gutegeka uwatijwe gusubiza ikintu cy’abandi.

Ingingo: 463
Niba, mu gihe cy'itiza, agirango arinde ikintu yatijwe kwangirika, uwatijwe byarabaye ngombwa ko agira ibyo ariha bidasanzwe kandi byihutirwa ku buryo atashoshoboraga kubanza

kubimenyesha uwamutije, azagomba kubimwishyura.

Ingingo: 464
Iyo ikintu cyatijwe gifite inenge ku buryo gishobora kwangiriza ugikoresha, arabiryozwa, niba yari azi izo nenge ntazimenyeshe uwatijwe.

Umutwe 2. IBYEREKEYE UKUGURIZA CYANGWA INGUZANYO ISANZWE

Icyiciro 1. Ibyerekeye kamere yo kuguriza

Ingingo: 465
Ukuguriza ni amasezerano umwe mu bayagiranye aha undi ibintu ashobora gukoresha bigashira, ubigurijwe akaba afite inshingano zo gusubiza uwamugurije ibingana n'ibyo yagurijwe, by’ubwoko bumwe kandi byiza kimwe.

Ingingo: 466
Uwagurijwe atyo niwe uba nyir’ikintu yagurijwe, niwe wihombera iyo cyangiritse ku buryo ubwo aribwo bwose.

Ingingo: 467
Ibintu by'ubwoko bumwe, ariko binyuranye hagati yabyo, nk’amatungo, ntibishobora kugurizwa; muri icyo gihe byitwa intizo.

Ingingo: 468
Inshingano uwagurijwe amafaranga agira ni ugusubiza umubare w'amafaranga uvugwa mu masezerano.
Iyo agaciro k'ifaranga kiyongereye cyangwa kagabanutse mbere y'uko igihe cyo kwishyura kigera, uwagurijwe asubiza gusa umubare w'amafaranga yagurijwe mu mafaranga akoreshwa igihe cyo kwishyura.

Ingingo: 469
Ibivugwa mu ngingo ibanziriza iyi ntibikurikizwa iyo inguzanyo yerekeranye n'amabuye y'agaciro yatunganyijwe.

Ingingo: 470
lyo inguzanyo ari amabuye y’agaciro yatunganyijwe cyangwa ibiribwa, hatitaweho ko igiciro cyabyo cyiyongereye cyangwa cyagabanutse, uwagurijwe agomba gusubiza ibingana nabyo kandi byiza kimwe, ni ibyo gusa asubiza.

Icyiciro 2. Ibyerekeye inshingano z'uwagurije

Ingingo: 471
Mu byerekeye inguzanyo, uwagurije akurikiranwaho uburyozwe mu buryo bumwe no mu masezerano y'intizo, nkuko buteganywa n'ingingo ya 464.

Ingingo: 472
Uwagurije ntashobora kwishyuza ibyo yagurije, mbere yuko igihe cyateganyijwe mu masezerano kirangira.

Ingingo: 473
Niba nta gihe cyo kwishyura cyateganyijwe mu masezerano, urukiko rushobora guha uwagurijwe igihe cyo kwishyura rukurikije uko ibintu bimeze.

Ingingo: 474
Niba mu masezerano hateganyijwe gusa ko uwagurijwe azishyura igihe azabishoborera, cyangwa igihe azaba yabonye ubwishyu, urukiko ruzamuha igihe cyo kwishyura rukurikije uko ibintu bimeze.

Icyiciro 3. Ibyerekeye inshingano z'uwagurijwe

Ingingo: 475
Uwagurijwe ategetswe gusubiza ibintu bingana n'ibyo yagurijwe kandi byiza kimwe, mu gihe cyateganyijwe.

Ingingo: 476
Iyo adashoboye kubyubahiriza, agomba kwishyura igiciro gihwanye n'ibyo bintu mu gihe cy’ubwishyu, hakurikijwe kandi ahantu hateganyijwe mu masezerano ibintu byagombaga gusubirizwa.
Iyo icyo gihe n'aho hantu amasezerano ntacyo yabivuzeho, ubwishyu buba hakurikijwe igiciro cy'ibyo bintu igihe cy'amasezerano hakurikijwe kandi aho yakorewe.

Ingingo: 477
Iyo uwagurijwe atishyuye ibintu yagurijwe cyangwa igiciro gihwanye nabyo mu gihe cyateganyijwe, agomba kubitangira inyungu zibarwa bahereye ku munsi ikirego cyatangiweho mu rukiko.

Umutwe 3. IBYEREKEYE INGUZANYO IBYARA INYUNGU

Ingingo: 478
Mu masezerano asanzwe yerekeye inguzanyo, yaba iy'amafaranga, iy'ibiribwa cyangwa iy'ibindi bintu byimukanwa, guteganya inyungu biremewe.

Ingingo: 479
Uwagurijwe wishyuye inyungu zitari zateganyijwe mu masezerano, ntashobora gusaba kuzisubizwa cyangwa se kuzikata ku mafaranga y’ishingiro yagurijwe.

Ingingo: 480
Ingano y'inyungu ikomoka ku masezerano ishyirwaho ku bwumvikane bw'abayagiranye; kuyitangira ibimenyetso bikurikiza amategeko asanzwe.

Ingingo: 481
Iyo uwagurijwe asubijwe gitansi y'amafaranga y'ifatizo, ntaho bigaragajwe ko inyungu zisigaye kwishyurwa, bifatwa nk’aho yazishyuye, bityo akaba avarutse na zo.

Interuro 7. ibyerekeye ububitsi n’uburinzi bw’iby’abandi biri mu mpaka

Umutwe 1. IBYEREKEYE UBUBITSI MURI RUSANGE N'UBWOKO BUNYURANYE BWO KUBITSA

Ingingo: 482
Ububitsi, muri rusange, ni igikorwa umuntu yiyemeza cyo kwakira ibintu by'abandi, akagira inshingano zo kubirinda no kuzabisubiza uko biri.

Ingingo: 483
Hariho ubwoko bubiri bw'ububitsi : ukubitsa bisanzwe n'ukurinda iby'abandi mu mpaka.

Umutwe 2. IBYEREKEYE UBUBITSI BUSANZWE

Icyiciro 1. Ibyerekeye kamere n'imiterere y'amasezerano y'ububitsi

Ingingo: 484
Ububitsi busanzwe ni amasezerano ahanini akorwa ku buntu.

Ingingo: 485
Amasezerano yo kubitsa ntashobora gushingira ku bindi bintu bitari ibyimukanwa.

Ingingo: 486
Aba yuzuye iyo ikintu kibitswa cyageze mu maboko y'uwabikijwe cyangwa habayeho umuhango wo kumurekera ibintu yari asanganywe.

Umuhango wo kurekera umuntu ikintu yari asanganywe urahagije, iyo uwabikijwe asanzwe afite icyo kintu, ku buryo ubwo aribwo bwose, bashaka kukimurekera ngo abe akibitse.

Ingingo: 487
Kubitsa bikorwa ku bushake cyangwa ku maburakindi.

Icyiciro 2. Ibyerekeye ukubitsa ku bushake

Ingingo: 488
Ukubitsa ku bushake bibaho hakurikijwe ukwemera k'ubitsa n'uk'ubikijwe.

Ingingo: 489
Ukubitsa ku bushake kugirango bibeho mu buryo bwemewe, bigomba gukorwa na nyirikintu kibikijwe, cyangwa se akaba yabyemeye ku buryo bweruye cyangwa buteruye.

Ingingo: 490
(Itegeko ryo kuwa 16.6.1947). - Amasezerano yo kubitsa ku bushake agomba gutangirwa ikimenyetso cyanditse. Ikimenyetso ntangamugabo nticyakirwa iyo agaciro k'ibintu byabikijwe karenze amafaranga ibihumbi bibiri.

Ingingo: 491
(Itegeko ryo kuwa 16.6.1947).- Iyo amasezerano yo kubitsa, ashingiye ku bintu bifite agaciro karenze amafaranga ibihumbi bibiri, adashobora gutangirwa ikimenyetso cyanditse, uwabikijwe iyo arezwe bemera imvugo ye, haba ku byerekeye ukubitsa ubwabyo, haba se ku bintu byabikijwe, haba no ku byerekeye kuba yarabisubije.

Ingingo: 492
Amasezerano yo kubitsa ku bushake akorwa gusa n'abantu bafite ubushobozi bwo gukora amasezerano muri rusange.

Icyiciro 3. Ibyerekeye inshingano z'uwabikijwe

Ingingo: 493
Uwabikijwe agomba kurinda ibintu yabikijwe abyitayeho ku buryo bumwe nubwo arindamo ibye bwite.

Ingingo: 494
Ibiteganywa n'ingingo ibanziriza iyi bigomba kubahirizwa ku buryo burushijeho gukara :

1. iyo uwabikijwe ariwe ubwe wisabiye ko bamubitsa ibintu;
2. iyo hari igihembo cyateganyirijwe uwabikijwe;
3. iyo ukubitsa byakozwe gusa kubera inyungu z'ubikijwe wenyine;
4. iyo byateganyijwe ku buryo bweruye ko uwabikijwe azaryozwa ikosa iryo ariryo ryose.

Ingingo: 495
Nta na rimwe uwabikijwe azaryozwa ibyangijwe n'impanuka zitunguranye, keretse baramutse baramwihanangirije bamusaba gusubiza ibyo abitse.

Ingingo: 496
Uwabikijwe ntashobora gukoresha ubwe ikintu yabikijwe, atabiherewe uruhushya ku buryo bweruye cyangwa bucyekwa n’uwabikije.

Ingingo: 497
Uwabikijwe ntagomba na rimwe gushaka kumenya ibintu yabikijwe ibyo ari byo yarabihawe mu isanduku ifunze cyangwa mu ibahasha ifunze.

Ingingo: 498
Uwabikijwe agomba gusubiza ibintu yabikijwe uko byakabaye. Bityo, iyo ari amafaranga

yabikijwe, agomba kuyasubiza mu bwoko bw'ayo mafaranga, yaba yarongereye agaciro cyangwa karaganutse.

Ingingo: 499
Uwabikijwe agomba gusubiza ibintu yabikijwe uko bimeze ku munsi wo kubisubiza. Ibyangiritse ku mpamvu zitamuturutseho bihombera uwabikije.

Ingingo: 500
Uwabikijwe ibintu akaza kubibura kubera impamvu itunguranye ntarengwa, ariko akarihwa igiciro cyabyo cyangwa agashumbushwa ibindi bintu, agomba gusubiza ibyo yahaweho ingurane.

Ingingo: 501
Iyo uwazunguye uwabikijwe yagurishije ibintu byabikijwe abikoze nta buryarya, atazi ko byari bibikijwe, asubiza gusa ikiguzi yahawe, cyangwa se yaba atarafa ikiguzi, uburenganzira bwo kucyishyuza akabwegurira uwari wabibikije.

Ingingo: 502
Iyo ibintu byabikijwe byavuyemo umusaruro wakiriwe n'uwabikijwe agomba kuwusubiza. Nta nyungu y'amafaranga yabikijwe agomba gutanga, keretse iyo bamwihanangirije kuyasubiza niho atanga inyungu ahereye ku munsi bamwihanangirijeho.

Ingingo: 503
Uwabikijwe ibintu ntawundi agomba kubisubiza uretse uwabimubikije, cyangwa se uwo babikirije, cyangwa se undi ugomba kubyakira.

Ingingo: 504
Uwabikijwe ntashobora guhatira uwamubikije gutanga ikimenyetso kigaragaza ko yari nyiribintu byabikijwe.

Nyamara ariko, avumbuye ko ibintu byibwe kandi akamenya nyirabyo w'ukuri, agomba kumenyesha uyu ko ibyo bintu yabibikijwe, akamuburira ko agomba kubiregera mu gihe runaka kandi gihagije. Niba uwo baburiye yararangaye ntasabe gusubizwa ibyabikijwe, uwabikijwe ntacyo azabazwa mu gihe azaba abishubije uwabimubikije.

Ingingo: 505
Iyo uwabikije yapfuye, ibintu byabikijwe ntawundi bigomba gusubizwa uretse uwamuzunguye.

Niba hari abamuzunguye benshi, buri wese agomba guhabwa umugabane we.

Niba ibintu byabikijwe bidashobora gucibwamo imigabane, abazunguye bagomba kumvikana hagati yabo uburyo bagomba guhabwa ibyo bintu byabikijwe.

Ingingo: 506
Niba amasezerano yo kubitsa ateganya ahantu ibintu byabikijwe bigomba gusubirizwa,

uwabikijwe agomba kubihajyana. Niba hari amafaranga yakoreshejwe mu kubitwara, azishyurwa n'uwabikije.

Ingingo: 507
Niba amasezerano adateganya ahantu ibintu byabikijwe bizasubirizwa, bigomba gusubirizwa aho bibitse.

Ingingo: 508
Ibintu byabikijwe bigomba gusubizwa uwabibikije igihe abisabye, kabone n'aho amasezerano yaba yarateganyije igihe runaka bizasubirizwamo, keretse rero mu gihe uwabikijwe akibifite byaba byarakorewe ifatira-tambama cyangwa harabayeho umuntu utambamira ko bisubizwa no kubuza ko bivanwa aho biri.

Ingingo: 509
Inshingano z'uwabikijwe zose zirahagarara iyo amaze kuvumbura no gutanga ibimenyetso ko ibintu yabikijwe ari ibye bwite.

Icyiciro 4. Ibyerekeye inshingano z'uwabikije

Ingingo: 510
Uwabikije ategetswe kwishyura uwabikijwe amafaranga yose uyu yatanze agirango ibintu yabikijwe abirinde kwangirika, no kumuha indishyi z'ibyo yaba yaratakaje byose kubera kubika ibyo bintu.

Ingingo: 511
Uwabikijwe ashobora gufatira ibintu yabikijwe kugeza igihe yishyuriwe ibyo bagomba kumwishyura byose bigendana no kubika ibyo bintu.

Icyiciro 5. Ibyerekeye ukubitsa ku maburakindi

Ingingo: 512
Ukubitsa ku maburakindi ni ugutewe n'impanuka iyo ariyo yose, nk'itwika, irimbuka, ubujura, umuhengeri cyangwa indi mpamvu yose itateganyijwe.

Ingingo: 513
(Itegeko ryo kuwa 16.6.1947) Ikimenyetso ntangamugabo gishobora kwakirwa mu masezerano y'ukubitsa maburakindi, kabone n'iyo ibintu byabikijwe byaba bifite agaciro karenze ibihumbi bibiri.

Ingingo: 514
Ukubitsa ku maburakindi bigengwa n'ubundi ariko n'amategeko yose yavuzwe haruguru.

Ingingo: 515
Abacumbikira abandi mu cyaro ku kiguzi cyangwa mu mahoteri baryozwa nk'ababikijwe, ibintu

byazanywe n'umuntu ucumbitse iwabo : ukubitsa bene ibyo bigomba gufatwa nk'ukubitsa ku maburakindi.

Ingingo: 516
Baryozwa ubujura cyangwa ibyangijwe ku bintu umugenzi yababikije, ubwo bujura n'uko kwangiza byaba byakozwe nabakozi bo mu rugo cyangwa abandi bo muri hoteri cyangwa se bwaba bwakozwe n’abandi bo hanze bagenda baza muri hoteri.

Ingingo: 517
Ntibaryozwa ubujura bwakoreshejwe intwaro cyangwa ibyatewe n’impamvu itunguranye ntarengwa.

Umutwe 3. IBYEREKEYE UBURINZI BW' IBY' ABANDI BIRI MU MPAKA

Icyiciro 1. Ibyerekeye ubwoko bunyuranye bw’uburinzi bw'iby'abandi biri mu mpaka.

Ingingo: 518
Uburinzi bw'iby'abandi biri mu mpaka bukomoka ku masezerano cyangwa ku cyemezo cy'ubucamanza.

Icyiciro 2. Ibyerekeye uburinzi bw'iby'abandi biri mu mpaka bukomoka ku masezerano

Ingingo: 519
Uburinzi bw'iby'abandi biri mu mpaka bukomoka ku masezerano ni ukubitsa bikorwa n’umuntu umwe cyangwa benshi, ikintu kiri mu mpaka, bakagishyira mu maboko y’undi muntu wiyemeza kuzagisubiza, impaka zirangiye, uwo bazaba bemeje ko agomba kugihabwa.

Ingingo: 520
Uburinzi bw’iby’abandi biri mu mpaka bushobora kutaba ku buntu.

Ingingo: 521
Iyo uburinzi bw'iby'abandi biri mu mpaka bwakorewe ubuntu, bikurikiza amategeko y’ukubitsa bisanzwe, uretse ibibitandukanya bivugwa mu ngingo zikurikira iyi.

Ingingo: 522
Uwabikijwe iby'abandi biri mu mpaka ashobora kubisubiza, impaka zitarangiye, gusa iyo abarebwa n'ikibazo bose babyumvikanyeho cyangwa se biturutse ku mpamvu yemewe n'amategeko.

Icyiciro 3. Ibyerekeye uburinzi bw'iby'abandi biri mu mpaka bitegetswe n'ubucamanza

Ingingo: 523
Ubucamanza bushobora gutegeka uburinzi bw'iby'abandi bikurikira biri mu mpaka:

1. ibintu byimukanwa byafatiriwe ku muntu urimo umwenda;
2. ikintu kitimukanwa cyangwa ikimukanwa kikigibwaho impaka hagati y'abantu babiri cyangwa benshi zo kumenya nyiracyo cyangwa se ugomba kugitunga;
3. ibintu umuntu urimo umwenda atanga agirango yigobotore uwo mwenda.

Ingingo: 524
Gushyiraho mu bucamanza umuntu wo kurinda ibintu biri mu mpaka, bibyara inshingano ngenerane hagati y'uwarindishije ibyo bintu nuwashinzwe kubirinda. Umurinzi agomba kwita ku bintu yarindishijwe nk'inyangamugayo.

Umurinzi w'ibintu agomba kubigaragariza , haba uwabifatishije watsinze bagategeka ko bigurishwa, haba se uwo babifatiriye igihe ifatira rivanyweho.

Uwafatishije ibintu afite inshingano zo kwishyura umurinzi wabyo umushahara wemejwe n'itegeko.

Ingingo: 525
Uburinzi bw'iby'abandi biri mu mpaka bitegetswe n'ubucamanza bushingwa umuntu ababuranyi bumvikanyeho, cyangwa se umuntu ushyizweho n'ubucamanza bubyibwirije. Uko byagenda kose, ushinzwe uburinzi bw'ikintu afite inshingano zose nk'iz'umurinzi w'iby'abandi biri mu mpaka wumvikanyweho mu masezerano.

Interuro 8. ibyerekeye ubutumwa

Umutwe 1. IBYEREKEYE KAMERE N

Ingingo: 526
Ubutumwa ni igikorwa gituma umuntu aha undi ububasha bwo kumukorera ikintu kandi uyu akagikora mw’izina ry’uwamutumye.

Amasezerano abaho gusa iyo intumwa yemeye ubutumwa yahawe.

Ingingo: 527
Ubutumwa bushobora gutangwa mu nyandiko-mvaho cyangwa mu nyandiko bwite ndetse no mu ibaruwa. Bushobora no gutangwa mu magambo; ariko rero ikimenyetso cy'abagabo cyemerwa hakurikijwe interuro yerekeye: Imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano muri rusange. Kwemera ubutumwa bishobora kubaho ku buryo buteruye biturutse ku mpamvu intumwa yasohoje ubutumwa yahawe.

Ingingo: 528
- Ubutumwa bukorwa ku buntu keretse amasezerano aramutse yarabiteganyije ukundi.

Ingingo: 529
Habaho ubutumwa bwihariye kandi ku kibazo kimwe, cyangwa ku bibazo bimwe gusa,

hakabaho kandi n'ubutumwa bwa rusange ku bibazo byose byuwatanze ubutumwa.

Ingingo: 530
Ubutumwa butanzwe mu buryo rusange burebana gusa n'ibikorwa byo gucunga umutungo. Iyo ari ibikorwa byerekeye guhara cyangwa gutanga ingwate ku bitimukanwa, cyangwa ikindi cyemerewe nyiribintu gusa, amasezerano y'ubutumwa agomba kubigaragaza ku buryo bweruye.

Ingingo: 531
Intumwa ntishobora kugira icyo ikora kirenze ibikubiye mu butumwa yahawe : ububasha bwo kwikiranura ntibuvuga ko yemerewe kugira ibyo yemera kubangamira.

Umutwe 2. IBYEREKEYE INSHINGANO Z'UWATUMYE

Ingingo: 532
Intumwa itegetswe kurangiza ubutumwa yahawe mu gihe cyose ikibushinzwe kandi iryozwa indishyi zikomoka ku kutarangiza ubutumwa yahawe.

Itegetswe kandi kurangiza ibintu yatangiye gukora kabone n'iyo uwamutumye yaba yarapfuye, niba hari ibishobora kwangirika.

Ingingo: 533
Intumwa ntiryozwa gusa uburiganya ahubwo iryozwa n'amakosa yakoze mu gucunga ibyo yashinzwe.
Nyamara ariko, uburyozwe bushingiye ku makosa ntibukurikizwa ku buryo bukaze cyane ku ntumwa ikorera ubuntu, nk'uko bigenda iyo ari intumwa ikorera amafaranga.

Ingingo: 534
Intumwa yose itegetswe kwerekana uko yacunze ibyo yashinzwe no kwereka uwamutumye ibyo yahawe byose kubera ubutumwa yarimo, kabone n'iyo ibyo yaba yarahawe bitari bigenewe guhabwa uwamutumye.

Ingingo: 535
Intumwa iryozwa amakosa y'uwo yisimbuje mu kurangiza ibyo yari ishinzwe :

1. iyo nta bubasha yari yahawe bwo kwisimbuza undi muntu;
2. iyo ubwo bubasha yabuhawe ariko batamubwiye umuntu azisimbuza, noneho uwo yihitiyemo kumusimbura akaba yari atabishoboye ku buryo bugaragara cyangwa se adashobora kubona ubwishyu;

Uko byagenda kose, uwatanze ubutumwa ashobora kurega ku buryo butaziguye umuntu intumwa yisimbuje.

Ingingo: 536
Iyo hatari abahawe ububasha benshi cyangwa intumwa nyinshi bashyizweho mu nyandiko

imwe, ntibafatanya uburyozwe keretse byaranditswe mu buryo bweruye mu masezerano.

Ingingo: 537
Intumwa igomba kwishyura inyungu z'amafaranga yakoresheje ku giti cyayo, zibazwe guhera ku munsi yayakoreshejeho, yishyura kandi n'inyungu z'amafaranga yasigayemo, zibazwe guhera igihe bamwihanangirije kwishyura.

Ingingo: 538
Intumwa yamenyesheje ku buryo buhagije uwo bakoranye amasezerano aho ububasha bwayo bugarukira, ntacyo igomba kubazwa kubyo yakoze birenze ubwo bubasha, niba itariyemeje ubwayo kubikora ityo.

Umutwe 3. IBYEREKEYE INSHINGANO Z'UW ATUMYE

Ingingo: 539
Uwatumye ategetswe kubahiriza amasezerano intumwa yagiranye n'abandi bantu, ikurikije ububasha yahawe. Ntabazwa ibyo intumwa yakoze birenze ububasha bwayo, keretse nyuma yarabyemeye ku buryo bweruye cyangwa buteruye.

Ingingo: 540
Uwatumye agomba gusubiza amafaranga y'avansi cyangwa andi yose intumwa yatanze irangiza imirimo yashinzwe, akanayihemba umushahara iyo bawusezeranye. Niba intumwa nta kosa riyigaragaraho, ntabwo uwatumye yakwanga gusubiza ibyatanzwe no guhemba imishahara, kabone n'iyo ibyo intumwa yashinzwe byaba bitaratunganye, ntanashobora kandi kugabanya ayo mafaranga agomba gusubizwa intumwa, yitwaje ko hashoboraga kuba hararishywe makeya.

Ingingo: 541
Uwatumye agomba na none kwishyura intumwa ibyo iyi yahombye mu gihe yarangizaga imirimo yashinzwe, niba nta burangare buyigaragaraho.

Ingingo: 542
Inyungu z'amafaranga intumwa yatanzeho avansi zigomba kwishyurwa n'uwatumye, guhera ku munsi ayo mafaranga y'avansi agaragara yatangiweho.

Ingingo: 543
Iyo intumwa yahawe ububasha n'abantu benshi bwo kurangiza ikibazo basangiye, buri wese mu bamutumye ashobora kuryozwa ku buryo bw'ubufatanye inkurikizi z'amasezerano y'ubutumwa.

Umutwe 4. IBYEREKEYE UBURYO BUNYURANYE UBUTUMWA BURANGIRAMO

Ingingo: 544
Ubutumwa burangirana :

- n'uko intumwa yambuwe ububasha;

- n'uko intumwa iretse ubutumwa yahawe;
- n'urupfu cyangwa kugwa mu bukene bukabije, by'uwatanze ubutumwa cyangwa by'intumwa.

Ingingo: 545
Uwatumye ashobora kwambura intumwa ububasha yayihaye, igihe cyose ashakiye kandi agahatira intumwa, bibaye ngombwa, kumusubiza byaba inyandiko bwite bakoranye ikubiyemo ubwo bubasha, byaba kopi y'inyandiko bwatangiweho.

Ingingo: 546
Kumenyesha intumwa yonyine ko yambuwe ububasha ntacyo bishobora kubangamiraho abandi bantu bakoranye amasezerano nayo batazi ko yambuwe ububasha, muri icyo gihe uwatanze ubutumwa ashobora kurega gusa iyo ntumwa.

Ingingo: 547
Guha ububasha intumwa nshya, ku kibazo kimwe, bivuga ko uwari wahawe ububasha mbere abwambuwe guhera ku munsi yamenyeshejwe ko ubutumwa yari yahawe bweguriwe undi.

Ingingo: 548
Intumwa ishobora kureka ububasha yahawe imenyesheje uwayitumye ko iburetse.

Nyamara ariko niba uko kureka ubutumwa bifite icyo byangiriza uwatanze ubutumwa, intumwa igomba kubimuhera indishyi, bigaragaye gusa ko iyo ntumwa ikomeje kubahiriza ubutumwa yahawe yakuramo ubwayo igihombo gikabije.

Ingingo: 549
Niba intumwa itazi ko uwayihaye ububasha yapfuye, cyangwa itazi ko hariho imwe mu mpamvu zituma ububasha yahawe buvaho, ibyo yakoze itazi ko ibyo biriho bihabwa agaciro.

Ingingo: 550
Mu bihe bimaze kuvugwa hano haruguru, inshingano z'intumwa zubahirizwa ku bandi bantu bazigiranye nayo nta buryarya bubarangwaho.

Ingingo: 551
Mu gihe intumwa ipfuye, abayizunguye bagomba kubimenyesha uwayitumye, kandi hagati aho bagakora ibishoboka kugirango barengere inyungu z'uwatumye.

Interuro 9. ibyerekeye ubwishingire

Umutwe 1. IBYEREKEYE KAMERE Y'UBWISHINGIRE N'AHO

Ingingo: 552
Uwishingiye undi aba yiyemeje imbere y'ugomba kwishyurwa kuzamwishyura mu gihe ugomba kwishyura ubwe azaba atabikoze.

Ingingo: 553
Ubwishingire ntibushobora kurenga icyo urimo umwenda agomba, cyangwa se ngo uwishingiye undi abe yakwishyuzwa ibirenze ibyo uwo yishingiye yishyuzwa.

Ubwishingire bushobora kwemerwa ku gice kimwe gusa cy'umwenda kandi bushobora guteganya ko uwishingiye undi azishyuzwa bike kubyo uwo yishingiye yishyuzwa. Ubwishingire burenze umwenda wishingiwe, cyangwa buteganya ko uwishingiye undi azishyuzwa ibirenze ibyo uwo yishingiye yishyuzwa ntabwo buta agaciro: bushobora kugabanywa gusa kugeza ku gipimo cy'umwenda wishingiwe w'ibanze.

Ingingo: 554
Birashoboka kwishingira ugomba kwishyura atabisabye ndetse atanabizi.

Birashoboka kandi kwishingira ugomba kwishyura ndetse n'uwamwishingiye.

Ingingo: 555
Ubwishingire ntibukekwa; bugomba kwemerwa ku buryo bweruye, kandi ntibushobora kwagurwa ngo burenge inshingano uwishingiye undi yiyemeje.

Ingingo: 556
Ubwishingire bw'umwenda w'ibanze busesuye bugera no ku ngereka zose z'uwo mwenda, ndetse no ku magarama y’urukiko yerekeye ikirego cya mbere, kimwe n’andi yose azatangwa mu nkiko kuva igihe uwishingiye undi yamenyesherejwe ko ugomba kwishyura atishyuye umwenda we.

Ingingo: 557
Inshingano z'abishingiye abandi zisigaranwa n'ababazunguye.

Ingingo: 558
Ugomba kwishyura usabwe kugira umwishingira agomba kwerekana ufite ubushobozi bwo gukora amasezerano kandi akagira n'ibintu bihagije bishobora kuvamo ubwishyu bw’umwenda.

Ingingo: 559
Iyo uwishingiye undi yemewe n'ugomba kwishyurwa, ku bwende bwe cyangwa se mu rukiko, nyuma y'aho akaza kubura ubwishyu, hagomba gutangwa undi mwishingire.

Iyi ngingo ishobora icyakora kudakurikizwa iyo uwishingiye undi yatanzwe hakurikijwe amasezerano ugomba kwishyurwa yategetsemo ko kanaka uwo nguwo ariwe utangwaho umwishingire.

Umutwe 2. IBYEREKEYE INKURIKIZI Z’UBWISHINGIRE

Icyiciro 1. Ibyerekeye inkurikizi z'ubwishingizi hagati y'ugomba kwishyurwa n'uwishingiye ugomba kumwishyura

Ingingo: 560
Uwishingiye undi ashinzwe kwishyura ugomba kwishyurwa gusa iyo ugomba kwishyura atashoboye kubikora, ubwishyu bugomba kubanza gushakwa mu bintu by'ugomba kwishyura, keretse rero uwamwishingiye yariyemereye kuzahita yishyura bitabaye ngombwa ko ubwishyu bubanza gushakwa mu bintu by'ugomba kwishyura, cyangwa se nanone akaba yariyemeje ubufatanye bw'umwenda n'ugomba kwishyura w'iremezo, icyo gihe inkurikizi z'ibyo yiyemeje zigenwa hakurikijwe amahame agenga imyenda ifatanijwe

Ingingo: 561
Ugomba kwishyurwa ashobora guhatirwa kubanza gushaka ubwishyu mu bintu by'ugomba kwishyura w'iremezo gusa iyo uwishingiye undi abisabye ako kanya agitangira gukurikiranwa mu bucamanza.

Ingingo: 562
Uwishingiye undi usaba, ko hagomba kubanza gushakwa ubwishyu mu bintu by'ugomba kwishyura w'iremezo agomba kwereka ugomba kwishyurwa aho ibyo bintu biherereye kandi agatanga n'amafaranga akenewe kugira ngo bishobore kubyazwa ubwo bwishyu.

Ingingo: 563
Igihe cyose uwishingiye undi azaba yerekanye ibintu bivugwa mu ngingo ibanziriza iyi, kandi akaba yaratanze amafaranga ya ngombwa kugira ngo ibyo bintu bishore kubyazwa ubwishyu, ugomba kwishyurwa niwe uzaryozwa imbere y'umwishingire, ukubura ubwishyu kw'ugomba kwishyura w'iremezo kuzaba gutewe no kutabikurikirana mu bucamanza.

Ingingo: 564
Iyo hari benshi bishingiye umwenda umwe w'ugomba kwishyura umwe, buri wese ashobora kwishyuzwa umwenda wose.

Ingingo: 565
Nyamara buri wese muri bo, mu gihe atigeze yiyemeza kutazasaba ko umwenda ugabanywa abishingire, ashobora gutegeka ko ugomba kwishyurwa abanza guca ikirego cye mo imigabane, akakigeza ku ruhare rw'umwenda rwishingiwe na buri mwishingire.

Iyo mu gihe umwe mu bishingire yemerewe n'urukiko ko umwenda ugabanywa abishingire, bamwe mu bishingire nta bwishyu bari bagifite, uwo mwishingire aryozwa uko kubura kubwishyu; ariko ntabwo ashobora gukurikiranwa ku kubura ubwishyu kwabaye nyuma y'uko umwenda ugabanywa abishingire.

Ingingo: 566
Iyo ugomba kwishyurwa ubwe yagabanyije ku bushake ikirego cye, ntashobora kongera kwisubiraho, kabone n'ubwo haba hari abishingire bamwe bari batakigira ubwishyu mbere y'uko igabanywa ry'umwenda riba.

Icyiciro 2. Ibyerekeye inkurikizi z'ubwishingire hagati

Ingingo: 567
Umwishingire wishyuye ashobora kurega ugomba kwishyura w'iremezo, ubwishingire bwaba bwaratanzwe ugomba kwishyura w'iremezo abizi cyangwa atabizi.
Icyo kirego kirebana n'umwenda w'iremezo ndetse n'inyungu zawo n'andi magarama yose yatanzwe, nyamara umwishingire aregera gusa amafaranga yatanze kuva aho amenyeshereje ugomba kwishyura w'iremezo ko yarezwe mu rukiko.
Ashobora kandi kuregera indishyi biramutse bibaye ngombwa.

Ingingo: 568
Umwishingire wishyuye umwenda asimbura ugomba kwishyurwa mu burenganzira bwose yari afite k'ugomba kwishyura.

Ingingo: 569
Iyo hari abagomba kwishyura b'iremezo benshi bafatanyije umwenda umwe uwabishingiye bose ashobora kurega ubonetse wese muri bo kugira ngo asubizwe ibyo yishyuye byose.

Ingingo: 570
Umwishingire wishyuye mbere ntashobora kurega uwagombaga kwishyura w'iremezo nawe wishyuye nyuma y'aho, mu gihe umwishingire atigeze na busa amumenyesha ko yarangije kwishyura; icyo umwishingire yashobora gukora ahubwo ni ukurega uwishyuwe kugira ngo amusubize utwe.
Mu gihe uwishingiye undi yishyuye atabanje gukurikiranwa mu bucamanza kandi atabanje kubimenyesha ugomba kwishyura w’ibanze ntabwo azashobora kumurega mu gihe, yishyuraga, ugomba kwishyura yari afite ingingo zashoboraga kwerekana ko umwenda wazimye, uretse ko yarega uwishyuwe ngo amusubize ibye.

Ingingo: 571
Uwishingiye undi, kabone nubwo yaba atarishyura, ashobora kurega uwo yishingiye kugira ngo amurihe :

1. iyo umwishingire akurikiranywe mu bucamanza kugira ngo yishyure;
2. iyo uwishingiwe yahombye cyangwa atagishobora kwishyura;
3. iyo uwishingiwe yari yariyemeje kuzamugaragariza mbere y’igihe ntarengwa icyemezo cy'uko yishyuye;
4. iyo umwenda ugeze igihe ugomba kwishyurirwaho hakurikijwe uko byumvikanweho mu masezerano;
5. nyuma y'igihe cy'imyaka icumi iyo umwenda w'iremezo utagira na busa igihe ntarengwa ugomba kwishyurirwaho keretse rero iyo uwo mwenda w'iremezo udashobora, kubera kamere yawo, kuzima mbere y'igihe runaka ntarengwa.

Icyiciro 3. Ibyerekeye inkurikizi z'ubwishingire hagati y'abishingiye abandi

Ingingo: 572
Iyo abantu benshi bishingiye umwenda umwe w'ugomba kwishyura umwe, umwishingire wishyuye ashobora kurega abandi bishingire, buri wese ku ruhare rwe no ku mugabane we.

Ariko icyo kirego gishobora kubaho gusa iyo umwishyingire yishyuye mu buryo bumwe mu buvugwa mu ngingo ibanziriza iyi.

Umutwe 3. IBYEREKEYE UBUZIME BW'UBWISHINGIRE

Ingingo: 573
Inshingano ikomoka ku bwishingire izima kubera impamvu zimwe n'izizimya izindi nshingano.

Ingingo: 574
Ukwivanga kw'umutungo w'ugomba kwishyura w'iremezo n'uw'uwamwishingiye, iyo umwe azunguye undi, ntabwo kubuza uberewemo umwenda kuba yarega umwishingire w'uwishingiye ugomba kwishyura.

Ingingo: 575
Uwishingiye undi ashobora nawe kwireguza ibyireguzo byose ugomba kwishyura w'iremezo ashobora kwireguza, kandi bifitanye isano n'umwenda; Ariko ntashobora kwireguza ibyireguzo by'umwihariko w'ugomba kwishyura w'iremezo.

Ingingo: 576
Uwishingiye undi ntacyo ashobora kwishyuzwa, iyo uburenganzira bwe bwo gusimbura ugomba kwishyurwa mu burenganzira bwe, mu ngwate ze z'ibintu bitimukanwa no mu bwizimbe bwe, atagishoboye kubukoresha kubera ikosa ry'ugomba kwishyurwa.

Ingingo: 577
Iyo ugomba kwishyurwa yiyemereye ku bwende bwe ubwishyu bushingiye ku kintu kitimukanwa cyangwa se ikindi kintu icyo aricyo cyose mu mwanya w'umwenda w'iremezo, ntacyo ashobora kwishyuza uwishingiye ugomba kwishyura, kabone n'ubwo yavutswa icyo kintu yari yeguriwe.

Ingingo: 578
Iyo ugomba kwishyurwa yongereye ugomba kwishyura igihe ntarengwa agomba kuba yamwishyuriyeho, ntabwo bibuza namba uwamwishingiye kwishyuzwa, uretse ko ahubwo muri icyo gihe umwishingire ashobora gukurikirana ugomba kwishyura w'iremezo kugira ngo amuhatire kwishyura.

Umutwe 4. IBYEREKEYE UMWISHINGIRE UGENWE

Ingingo: 579
Igihe cyose umuntu agomba, kubw'itegeko cyangwa bitegetswe n' urukiko, gutanga umwishingira, umwishingire utanzwe agomba kuba yujuje ibyangombwa biteganywa n'ingingo ya 558.

Ingingo: 580
Udashoboye kubona umwishingira, ashobora kwemererwa gutanga mu mwanya

w'umwishingire ingwate ihagije y'ibintu byimukanwa.

Ingingo: 581
Umwishingire wategetswe n'urukiko ntashobora namba gusaba ko ubwishyu bubanza gushakwa mu bintu by'ugomba kwishyura w'iremezo.

Ingingo: 582
Uwishingiye umwishingire wategetswe n'urukiko ntashobora gusaba ko ubwishyu bubanza gushakwa mu bintu by'ugomba kwishyura w'iremezo cyangwa mu by'umwishingire.

Interuro 10. ibyerekeye ukwikiranura

Ingingo: 583
Ukwikiranura ni amasezerano atuma abayagiranye bakemura impaka zavutse, cyangwa se birinda izishobora kuvuka hagati yabo.
Ayo masezerano agomba gukorwa mu nyandiko.

Ingingo: 584
Kugira ngo ushobore kwikiranura n'undi, ugomba kuba ufite ubushobozi bwo guhara ibintu bikubiye mu masezerano yo kwikiranura.

Ingingo: 585
Birashoboka kwikiranura ku ndishyi zikomoka ku cyaha. Ukwikiranura ntibibuza gukurikiranwa n'ubushinja-cyaba.

Ingingo: 586
Amasezerano yo kwikiranura ashobora kugerekwaho igihano kizahabwa utazayubahiriza.

Ingingo: 587
Amasezerano yo kwikiranura aba akubiye gusa mubyo yagiriweho : ukwivutsa uburenganzira bwose, ibirego n'ibindi bishobora gusabwa bikubiye mu masezerano yo kwikiranura, kuba kwerekeye gusa ibirebana n'impaka uko kwikiranura gushingiyeho.

Ingingo: 588
Amasezerano yo kwikiranura akemura gusa impaka ziyakubiyemo, byaba abayagiranye baba bagaragaje icyifuzo cyabo mu magambo yihariye cyangwa ya rusange, byaba ko umuntu yafindura icyo cyifuzo ahereye kubiyavugwamo.

Ingingo: 589
Iyo uwikiranuye n'undi ku burenganzira yari afite ku giti cye, akomoye ku wundi uburenganzira bumeze kimwe nubwo yari asanganywe, ku byerekeye ubwo burenganzira bushya abonye, ntabwo aba agitegetswe namba kubahiriza amasezerano yo kwikiranura ya mbere.

Ingingo: 590

Amasezerano yo kwikiranura akozwe n'umwe mu basangiye inyungu ntagomba kubahirizwa namba n'abandi basangiye nawe inyungu, kandi nabo ntabwo bashobora kuyitwaza.

Ingingo: 591
Amasezerano yo kwikiranura agira hagati y'abayagiranye agaciro kamwe n'ak'urubanza rwakemuwe ku buryo budasubirwaho mu rwego rwa nyuma.
Ntawe ushobora gusaba ko ateshwa agaciro yitwaje ko yibeshye ku byo amategeko ateganya, cyangwa se yitwaje ko yahenzwe.

Ingingo: 592
Nyamara amasezerano yo kwikiranura ashobora guteshwa agaciro, iyo habaye ukwibeshya k'uwo muyagiranye, cyangwa se ku kintu impaka zigibwaho. Ashobora guteshwa agaciro uko byagenda kose iyo hakoreshejwe uburiganya cyangwa kiboko.

Ingingo: 593
Uguteshwa agaciro gushobora kandi gusabwa iyo amasezerano yo kwikiranura yakozwe ashingiye ku rupapuro rutagira agaciro, keretse rero abayagiranye baragize ubwabo icyo bavuga ku buryo bweruye kuri uko kubura agaciro k'urwo rupapuro.

Ingingo: 594
Amasezerano yo kwikiranura yakozwe ashingiye ku mpapuro zaje kugaragaraho nyuma ko ari nta gaciro zari zifite ata agaciro yose.

Ingingo: 595
Amasezerano yo kwikiranura ku rubanza rwaciwe burundu rudashobora no kujuririrwa, ariko abikiranuye bakaba batari bazi ko urwo rubanza rwabayeho, nta gaciro namba agira.
Iyo urwo rubanza abikiranuye batari bazi rugishobora kujuririrwa, amasezerano yo kwikiranura ahamana agaciro kayo.

Ingingo: 596
Iyo amasezerano yo kwikiranura yakorewe mu buryo rusange ku bintu byose abayagiranye bari bafatanyije, impapuro batari bazi kandi zije kuvumburwa nyuma ntiziba namba impamvu itesha agaciro amasezerano, keretse iyo izo mpapuro zari zarabuze kubera ikosa ry'umwe mu bikiranuye.

Nyamara amasezerano yo kwikiranura ashobora guta agaciro iyo yagiriwe ku kintu kimwe, nyuma y'aho bikaza kugaragara hakurikijwe impapuro nshya zavumbuwe, ko umwe mu bikiranuye nta burenganzira na busa yari afite kuri icyo kintu.

Ingingo: 597
Ukwibeshya mu mibare ikubiye mu masezerano yo kwikiranura kugomba gukosorwa.

Interuro 11. Ibyerekeye ubugwate ku byimukanwa

Ingingo: 598

Ubugwate ku kintu cyimukanwa buha ugomba kwishyurwa uburenganzira bwo gukomora ubwishyu kuri icyo kintu ku buryo acyizimbaho imbere y'abandi nabo bagomba kwishyurwa.

Ingingo: 599
Ibintu byose byimukanwa bitabujijwe mu bucuruzi, bifatika cyangwa se bidafatika, bishobora kugwatirizwa, bipfa gusa kuba bishobora gutungwa.

Ingingo: 600
Ingwate ishobora gutangwa n'undi ayitangira ugomba kwishyura.

Ingingo: 601
Ibimenyetso by'amasezerano y'ubugwate ku kintu cyimukanwa bitangwa nk'uko amategeko rusange abiteganya.

Ingingo: 602
(Itegeko ryu kuwa 10.09.1916). - Ugomba kwishyurwa ashobora gukoresha uburenganzira akomora ku bugwate mu rubanza aburanamo n'ugomba kwishyura cyangwa abandi, gusa iyo yashyikirijwe ikintu cyatanzweho ingwate kandi akagihamana cyangwa se kigashyirwa mu maboko y'undi abagiranye amasezerano y'ubugwate bumvikanyeho.

Ingingo: 603
Ugomba kwishyurwa afatwa nk'aho ibicuruzwa byarangije kugera mu maboko ye iyo byageze mu maduka ye cyangwa se ku mato ye, muri gasutamo cyangwa se mu bubiko rusange, cyangwa, mbere y'uko bimugeraho, iyo yabonye impapuro za ngombwa zigaragaza ibintu yohererejwe byapakiwe mu bwato cyangwa se mu modoka.

Ingingo: 604
Ugomba kwishyurwa wahawe ingwate y'ibitimukanwa yinjiza mu mutungo we uko igihe cyabyo kigeze, inyungu, imigabane n'imari-shingiro y'ibintu yahaweho ubugwate hanyuma ibyo yinjije mu mutungo we bikavanwa ku mwenda yari aberewemo. Iyo ingwate yatanzwe igizwe n'impapuro mvunja-faranga, ugomba kwishyurwa wazihaweho ingwate agira uburenganzira n'inshingano by'uwitwaje bene izo mpapuro wese.

Ingingo: 605
Iyo umwenda watangiwe ingwate utishyuriwe igihe, ugomba kwishyurwa, amaze kwihanangiriza mu nyandiko ugomba kwishyura cyangwa uwatangiye undi ingwate, iyo ahari kandi akanageza ikibazo cye mu rukiko, ashobora guhabwa uruhusa rwo kugurisha ingwate, haba muri cyamunara, haba ku bwumvikane bw'ugurisha n'umuguzi, nkuko bizaba byagenwe n'urukiko kandi bigakorwa n’umuntu wemejwe narwo.
Icyo kirego kizacyemurwa mu minsi ibiri yuzuye nyuma y'aho kimenyesherejwe ugomba kwishyura cyangwa uwatangiye undi ingwate iyo ahari, basabwa hagati aho kumenyesha urukiko icyo babitekerezaho biramutse bibaye ngombwa.

Ingingo: 606
Uburenganzira ugomba kwishyurwa akomora ku ngwate yahawe ntibuhagarikwa n'igihombo,

ifatira-mutungo, urupfu rw'ugomba kwishyura cyangwa urw'uwamutangiye ingwate.

Ingingo: 607
Ingingo yose y'amasezerano yemerera ugomba kwishyurwa guhindura ingwate umutungo we cyangwa kuyihara ku buryo ubwo aribwo bwose atabanje kubahiriza imihango ikubiye mu ngingo zibanziriza iyi nta gaciro igira.

Ingingo: 608
Igihe cyose ingwate itaravanwa mu mutungo w'ugomba kwishyura, biramutse bibaye ngombwa, ikomeza kuba iye, naho ugomba kwishyurwa uyifite mu maboko ye agafatwa nkaho ari umubitsi wayo gusa uyibikiye kugira ngo azabone uko akoresha ubwizimbe bwe bujyana nayo.

Ingingo: 609
Hakurikijwe amategeko akubiye mu nteruro y'ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano muri rusange, ugomba kwishyurwa aryozwa iyangirika cyangwa iyononekara ry'ingwate ryatewe n’umwete muke we.

Ku ruhande rwe nawe, urimo umwenda agomba kutirengagiza amafaranga ya ngombwa ugomba kwishyurwa yaba yaratanze kugira ngo ikintu cyatanzweho ingwate gifatwe neza.

Ingingo: 610
Iyo ingwate yatanzwe igizwe n'umwenda wishyuzwa, kandi uwo, mwenda ukabyara inyungu, ugomba kwishyurwa ahera kuri izo nyungu yiyishyura nawe izo bamugomba. Iyo umwenda watangiwe ingwate nta nyungu ubyara, inyungu zivanwa ku mwenda-shingiro wagwatirijwe.

Ingingo: 611
Uretse igihe uwahawe ingwate ayifashe nabi, ntabwo ugomba kwishyura ashobora gusaba gusubizwa ingwate yatanze atararangiza kwishyura burundu umwenda¬-shigiro, ndetse n'inyungu, n'andi mafaranga yose ajyana n'umwenda yatangiye ingwate. Mu gihe ugomba kwishyura afashe undi mwenda nyuma awuhawe n'uwari wamuhaye uwa mbere yatangiye ingwate, kandi umwenda wa kabiri ukaba ari wo ugera igihe cyo kwishyurwa mbere y'uko uwa mbere wishyurwa, uberewemo umwenda ntashobora guhatirwa kurekura ingwate atarishyurwa burundu imyenda yombi ugomba kwishyura amubereyemo, kabone nubwo nta masezerano yigeze abaho ateganya ko umwenda wa kabiri nawo utangiwe iyo ngwate.

Ingingo: 612
Ingwate ntiterwa imirwi kabone n'ubwo umwenda yatangiwe waba ushobora guterwa imirwi hagati y'abazunguye ugomba kwishyura cyangwa abazunguye ugomba kwishyurwa.
Uwazunguye ugomba kwishyura warangije kwishyura uruhare rwe rw'umwenda ntashobora gusaba gusubizwa uruhare rwe mu ngwate, igihe cyose ugomba kwishyurwa azaba atarishyurwa umwenda we wose.
Muri ubwo buryo nanone, uwazunguye ugomba kwishyurwa uzaba yishyuwe uruhare rwe mu mwenda ntashobora gusubiza ingwate kandi iyo ngwate igikenewe n'abo bafatanyije kuzungura batari bishyurwa.

Interuro 12. ibyerekeye ubuzime

Umutwe 1. IBYEREKEYE AMATEGEKO RUSANGE

Ingingo: 613
Ubuzime ni uburyo bwo kuronka umutungo cyangwa se bwo kwigobotora inshingano bitewe n'uko hashize igihe runaka kandi hakurikijwe impamvu ziteganywa n'amategeko.

Ingingo: 614
Ntawe ushobora kwivutsa ubuzime butaraba : umuntu ashobora ariko kwivutsa ubuzime bumaze gushyika.

Ingingo: 615
Ukwivutsa ubuzime gukorwa ku buryo bweruye cyangwa buteruye : ukwivutsa kuteruye gukomoka ku gikorwa cyumvisha ko uwarangije kubona uburenganzira yaburetse.

Ingingo: 616
Udashobora guhara ikintu ntashobora kwivutsa ubuzime bwashyitse.

Ingingo: 617
Urukiko ntirushobora kwibwiriza ubwarwo gushingira ku ngingo ikomoka ku buzime.

Ingingo: 618
Ubuzime bushobora kwiyambazwa mu rubanza igihe cyose, ndetse no mu rwego rw'ubujurire, keretse rero haba hari impamvu zituma umuntu akeka ko nyirukutiyambaza ubuzime yabigize nkana ashaka kubwivutsa.

Ingingo: 619
Abagomba kwishyurwa, cyangwa undi wese ufite inyungu mu buzime butanga uburenganzira, bashobora kubwiyambaza, kabone nubwo ugomba kwishyura cyangwa se nyir’umutungo yabwivutsa.

Ingingo: 620
Ubuzime ntibushobora namba kwiyambazwa ku bintu bitemerewe kuba byacuruzwa.

Ingingo: 621
Abantu bose, ndetse n'amashyirahamwe n'amasosiyete n'abandi bose bafite ubuzima gatozi, bashobora kubona umutungo bakesha ubuzime nkuko nabo ibyo bari batunze bishobora kujya mu mutungo w'abandi kubera ubuzime.

Umutwe 2. IBYEREKEYE UBUTUNZI

Ingingo: 622

Ubutunzi ni ukugira cyangwa ukwikenuza ikintu cyangwa uburenganzira umuntu afite, cyangwa yikoreshereza ku giti cye cyangwa bugakoreshwa n'undi yabuhaye cyangwa se undi ubukoresha mu izina rye.

Ingingo: 623
Kugira ngo ubuzime bushobore kuguhesha uburenganzira ku kintu, ugomba kuba wari ugitunze ku buryo mara-gihe kandi butarogowe, ku buryo budahungabanyijwe, ku mugaragaro, ntawakeka ko icyo kintu utagitunze kandi ukagitunga nkaho uri nyirabyo.

Ingingo: 624
Umuntu afatwa nk'aho ibyo atunze abyitungiye ku giti cye kandi ko ariwe nyirabyo, keretse iyo hagize ugaragaza ikimenyetso cy'uko ibyo bintu abitungiye undi.

Ingingo: 625
Iyo watangiye gutunga ikintu ugitungiye undi, ukomeza gufatwa nk'aho ariwe ugitungiye, keretse habonetse ikimenyetso kibigaragaza ukundi.

Ingingo: 626
Ibikorwa bigaragaza ko nyiribintu yakwihoreye cyangwa yakwihanganiye ngo ukoreshe ibye, ntiwabishingiraho ngo biguhe ubutunzi cyangwa uburenganzira buturuka ku buzime.

Ingingo: 627
Ibikorwa bya kiboko nabyo ntibishobora gushingirwaho ngo bihe umuntu ubutunzi bushobora kugeza ku burenganzira buturuka ku buzime.
Ubutunzi bw'ingirakamaro butangira gusa iyo kiboko yarangiye.

Ingingo: 628
Utunze ikintu ubu ugaragaje ko yagitunze na kera afatwa nk'aho yagitunze no hagati y'ibyo bihe byombi, keretse rero habonetse ikimenyetso kibigaragaza ukundi.

Ingingo: 629
Kugira ngo umuntu ashobore kuzuza ubusaze, ashobora kungikanya ubutunzi bwe n'ubw'uwo akomoraho ikintu atunze, uko yaba yarakimukomoyeho kose, yaba yaramuzunguye mu byo atunze byose cyangwa bimwe na bimwe, yaba abukomora ku nyungu cyangwa ku kiguzi.

Umutwe 3. IBYEREKEYE IMPAMVU ZIBUZA UBUZIME

Ingingo: 630
Utunze ibintu abitungiye undi nta burenganzira bukomoka ku buzime ashobora kugira, igihe icyo ari cyo cyose ubwo butunzi bwaba bumaze.

Bityo, uwatishije umurima, uwubikijwe ikintu n'abandi bose baragiriye nyiribintu, nta burenganzira bashobora gukomora ku buzime.

Ingingo: 631
Abazunguye abaragiriye nyir'ibintu bavugwa mu ngingo ibanziriza iyi nabo nta burenganzira bashobora gukomora ku buzime.

Ingingo: 632
Nyamara, abavugwa mu ngingo ya 630 n'iya 631 bashobora guheshwa uburenganzira n'ubuzime, iyo icyabaheshaga ubutunzi gihinduranijwe, byaba bitewe n'impamvu ituruka ku wundi, byaba bitewe n'uko bashoboye kuvuguruza uburenganzira bwa nyiribintu.

Ingingo: 633
Abo uwatisha umurima, uwabikijwe ikintu n'abandi baragiriye undi ibintu beguriye burundu ikintu, bashobora gukomora ku buzime uburenganzira bwo kwegukana icyo kintu.

Ingingo: 634
Ntawe ushobora guhabwa uburenganzira n'ubuzime ubutunzi bwe busanzwe bufite impamvu bushingiyeho, mu gihe ntawemerewe namba kwihinduriraho impamvu n'amahame ubutunzi bwe bushingiyeho.

Ingingo: 635
Birashoboka guhabwa uburenganzira n'ubuzime kandi ubutunzi bwawe busanzwe bufite impamvu bushingiyeho, mu gihe inshingano umuntu yiyemeje ishobora kurangira kubera ubuzime.

Umutwe 4. IBYEREKEYE IMPAMVU ZIHAGARIKA CYANGWA SE ZISUBIKA IGIHE CY'UBUZIME

Icyiciro 1. Ibyerekeye impamvu zihagarika ubuzime

Ingingo: 636
Ubuzime bushobora guhagarikwa ku buryo bwa kamere cyangwa ku buryo bushingiye ku mategeko mbonezamubano.

Ingingo: 637
Ihagarikwa ku buryo bwa kamere riba, iyo, mu gihe kirengeje umwaka, uwari utunze ikintu acyambuwe na nyiracyo cyangwa akacyamburwa n' undi wese.

Ingingo: 638
Ihamagaza ry'umuburanyi, itegeko ryihanangiriza cyangwa ifatira-mutungo ni impamvu mpagarikabuzime zishingiye ku mategeko mbonezamubano iyo zimenyeshejwe uwo umuntu adashaka ko ubuzime bumuhesha uburenganzira.

Ingingo: 639
Iyo impapuro zihamagaza ababuranyi nta gaciro zifite kubera ko zitubahiriza ibisabwa n'itegeko:p> - iyo uwatanze ikirego akiretse,

- iyo uwatanze ikirego aretse urubanza rugasaza,
- iyo uwatanze ikirego atsinzwe, ihagarikabuzime rifatwa nk'aho ritabayeho

Ingingo: 640
Ubuzime buhagarikwa nuko ugomba kwishyura cyangwa umutunzi yiyemereye ubwe uburenganzira bwa nyir'ikintu.

Ingingo: 641
Gusaba umwe mu bagomba kwishyura bafatanije umwenda hakurikije ibiteganywa mu ngingo zivugwa haruguru kuzaba kwakorewe ugomba kwishyura umwe mu bafatanyije umwenda, cyangwa ukuwiyemerera kwe, guhagarika ubuzime ku bo bafatanyije bose, ndetse no ku bazungura.
Ugusaba umwe mu bazunguye ugomba kwishyura ufatanyije n'abandi umwenda cyangwa ukwiyemerera umwenda kw'uwo wazunguye ntabwo guhagarika ubuzime ku bandi basangiye na we izungura, kabone naho umwenda barimo waba waratangiwe ingwate y'ibitimukanwa, mu gihe inshingano yabo atari idashobora gucibwamo imigabane. Uko gusaba cyangwa kwiyemerera umwenda guhagarika ubuzime ku bandi basangiye umwenda, gusa kubyerekeye uruhari rw'umwenda rw'uwo nyirukuzungura.

Kugira ngo ubuzime buhagarikwe ku bandi bose basangiye umwenda wose, ugusaba kugomba kureba abazunguye ugomba kwishyura wapfuye bose cyangwa bose bakiyemerera umwenda barimo.

Ingingo: 642
Ugusaba gukorewe ugomba kwishyura w'iremezo, cyangwa se ukwiyemerera umwenda kwe, guhagarika ubuzime k'uwamwishingiye.

Icyiciro 2. Ibyerekeye impamvu zisubika igihe cy'ubuzime

Ingingo: 643
Igihe cy'ubuzime gikomeza kubarwa ku bantu bose, uretse ababa bafite impamvu zibibuza ziteganywa n'itegeko.

Ingingo: 644
Igihe cy'ubuzime ntigitangira kubarwa namba :

- ku mwenda ushingiye ku nkomyi, kugeza igihe iyo nkomyi ishyikiye;
- ku kirego cy'ubwishingire, kugeza igihe ukuvutswa ibintu kubereye;
- ku mwenda wishyurwa ku munsi ntarengwa, kugeza igihe uwo munsi uzagerera.

Umutwe 5. IBYEREKEYE IGIHE CYA NGOMBWA

Icyiciro 1. Amahame rusange

Ingingo: 645

Ubuzime bubarwa mu minsi, ntabwo bubarwa mu masaha.

Ingingo: 646
Buba bwuzuye iyo umunsi wanyuma w'igihe cyateganijwe urangiye.

Icyiciro 2. Ibyerekeye ubuzime bw'imyaka mirongo itatu

Ingingo: 647
Uburenganzira bwo kuregera urukiko bwose, bwaba ari ubugamije guhabwa ibintu cyangwa se kwishyuza imyenda, buzima hashize imyaka mirongo itatu kandi si ngombwa ko uwiyambaza ubwo buzime agaragaza inyandiko isobanura aho akomora uburenganzira bwe, cyangwa se ngo abo aburana nabo bitwaze ko yaba yaraburonkanye uburyarya.

Icyiciro 3. Ibyerekeye ubuzime bw'imyaka cumi n'itanu

Ingingo: 648
Uweguriwe ikitimukanwa nta buryarya kandi akaba agifitiye inyandiko ikwiye, aba nyiracyo kubw'ubusaze nyuma y'imyaka cumi n'itanu.

Ingingo: 649
Inyandiko itagira agaciro kubera ko imiterere yayo itubahirije itegeko ntawe ushobora kuyishingiraho ngo imuheshe ubuzime bw'imyaka cumi n'itanu.

Ingingo: 650
Kutagira uburyarya bifatwa buri gihe nk'aho biriho kandi uwitwaza uburyarya bw'undi niwe ugomba kubutangira ikimenyetso.

Ingingo: 651
Icya ngombwa ni uko kutagira uburyarya biba byarabayeho igihe cy'iyegurirwa ry'ikintu.

Icyiciro 4. Ibyerekeye ubuzime bumwe na bumwe

Ingingo: 652
Uburenganzira ba shebuja n'abigisha ubumenyi n'ubukorikori bafite bwo gutanga ikirego kubera amasomo batanze mu kwezi;

- ubw'abanyamahoteli nabagurisha ibiryo, bwo gutanga ikirego kubera icumbi cyangwa se ibiryo batanze;
- ubw'abakozi bwo gutanga ikirego kigamije kwishyuza igihembo cy'imibyizi bakoze, cyangwa kwishyuza ibintu bazaniye umukoresha cyangwa imishahara yabo;
- buzima hashize igihe cy'amezi atandatu.

Ingingo: 653
Uburenganzira bw'abaganga, abaganga babaga n'abagurisha imiti bwo kwishyuza ibyo bakoze basura, babaga cyangwa se baha abarwayi imiti;

- ubw'abacuruzi bwo kuregera ibicuruzwa bagurishije abikorera ku giti cyabo batari abacuruzi;
- ubw'abarirnu bigisha mu nterina bwo kuregera amafaranga y'interina agomba gutangwa n’abanyeshuli babo; n'ubw'abandi barimu bwo kuregera ikiguzi cy'amasomo bigishije;
- ubw'abakozi bo mu rugo bapatanira umwaka bwo kuregera imishahara yabo;
- buzima hashize igihe cy'umwaka umwe.

Ingingo: 654
Ubuzime mu buryo buvugwa haruguru aha bubaho, kabone n’iyo ibintu byaguzwe byaba byarakomeje koherezwa n’imirimo ikaba yarakomeje gukorwa.

Igihe cy'ubuzime kirorera kubarwa gusa iyo konti y'amafaranga umwe abereyemo undi yarangije gusozwa, cyangwa iyo umuntu yemeye inshingano ze cyangwa iyo ihamagara ry'urubanza mu rukiko ritarageza igihe cyo guta agaciro.

Ingingo: 655
Icyakora, abazabona ababuranyi babo biyambaje ubuzime saze bumaze kuvugwa bashobora kurahiza abo baburanyi babwiyambaje, ku kibazo cyo kumenya niba ikintu cyarishyuwe koko. Indahiro ishobora kurahizwa abapfakazi n'abazunguye undi kugira ngo bemeze niba batazi ko ikintu kitarishyurwa.

Ingingo: 656
Iyo hashize imyaka itanu imanza zimaze gucibwa, abacamanza ntibashobora gukurikiranwa kubw'ibura ry'impapuro zari muri dosiye.

Ingingo: 657
Amafaranga yishyurwa uko igihe gitashye yerekeye inshingano yo gutunga umuntu;

- amafaranga y'ubukode bw'inzu cyangwa icyata-murima;
- inyungu z'amafaranga yagurijwe, muri rusange n'andi mafaranga yose yishyurwa buri mwaka, cyangwa mu kindi gihe kitageze ku mwaka;
- bizima hashize imyaka itanu.

Ingingo: 658
Utunze ibintu byimukanwa afatwa ko ariwe nyirabyo.

Nyamara, uwataye ikintu cye cyangwa wakibwe ashobora kugikurikirana ku muntu agisanganye, mu gihe cy'imyaka itatu, kibarwa uhereye umunsi cyatakariyeho cyangwa kibiweho, uretse ko uwo bagisanganye nawe ashobora kurega uwo yagikomoyeho.

Ingingo: 659
Iyo utunze ikintu cyibwe cyangwa cyatakaye yakiguze mu giterane cyangwa mu isoko, cyangwa mu cyamunara cyangwa ku mucuruzi usanzwe acuruza ibintu bimeze nkacyo, nyiracyo w'ibanze ntashobora kukimwambura atabanje kumusubiza amafaranga yagitanzeho.

0. INGINGO RUSANGE

Ingingo: 660

Amategeko akubiye muri iki gitabo akurikizwa ku byerekeye umutungo w'ubutaka iyo gusa atanyuranyije n'amategeko yihariye agenga ubutaka.